| Inzego z'abarimu bo mu mashuri abanza ni izi zikurikira: | Categories of teachers of primary schools are as follows: | Les catégories des enseignants des écoles primaires sont les suivantes: |
| 1° urwego rwa mbere: Umwarimu w'amashuri abanza w'umutangizi; | 1° Category one: Junior Primary Teacher; | 1° Catégorie première: Enseignant débutant d'école primaire; |
| 2° urwego rwa 2: Umwarimu w'amashuri abanza; | 2° Category 2: Primary Teacher; | 2° Catégorie 2: Enseignant d'école primaire; |
| 3° urwego rwa 3: Umwarimu w'amashuri abanza umenyereye umwuga; | 3° Category 3: Senior Primary Teacher; | 3° Catégorie 3: Enseignant d'école primaire ancien; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° urwego rwa 4: Umwarimu w'amashuri abanza mukuru; | 4º Category 4: Principal Primary Teacher; | 4° Catégorie 4: Enseignant principal d'école primaire; |
| 5° urwego rwa 5: Umwarimu w'amashuri abanza mukuru umenyereye umwuga; | 5º Category 5: Senior Principal Primary Teacher; | 5° Catégorie 5: Enseignant d'école primaire principal ancien; |
| 6° urwego rwa 6: Umwarimu w'amashuri abanza w'inzobere. | 6º Category 6: Master Primary Teacher. | 6° Catégorie 6: Enseignant expert d'école primaire. |
| **Ingingo ya 6: Inzego z'abarimu bo mu mashuri yisumbuye** | **Article 6: Categories of teachers of secondary schools** | **Article 6: Catégories des enseignants des écoles secondaires** |
| Inzego z'abarimu bo mu mashuri yisumbuye ni izi zikurikira: | Categories of teachers of secondary schools are as follows: | Les catégories des enseignants des écoles secondaires sont les suivantes: |
| 1° urwego rwa mbere: Umwarimu w'amashuri yisumbuye w'umutangizi; | 1º Category one: Junior Secondary Teacher; | 1° Catégorie première: Enseignant débutant d'école secondaire; |
| 2° urwego rwa 2: Umwarimu w'amashuri yisumbuye; | 2º Category 2: Secondary Teacher; | 2° Catégorie 2: Enseignant d'école secondaire; |
| 3° urwego rwa 3: Umwarimu w'amashuri yisumbuye umenyereye umwuga; | 3º Category 3: Senior Secondary Teacher; | 3° Catégorie 3: Enseignant d'école secondaire ancien; |
| 4° urwego rwa 4: Umwarimu w'amashuri yisumbuye mukuru; | 4º Category 4: Principal Secondary Teacher; | 4° Catégorie 4: Enseignant principal d'école secondaire; |
| 5° urwego rwa 5: Umwarimu w'amashuri yisumbuye mukuru umenyereye umwuga; | 5º Category 5: Senior Principal Secondary Teacher; | 5° Catégorie 5: Enseignant d'école secondaire principal ancien; |
| 6° urwego rwa 6: Umwarimu w'amashuri yisumbuye w'inzobere. | 6º Category 6: Master Secondary Teacher. | 6° Catégorie 6: Enseignant expert d'école secondaire. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Inzego z'abarimu bo muri TVET** | **<u>Article 7</u>: Categories of TVET teachers** | **<u>Article 7</u>: Catégories des enseignants de TVET** |
| Inzego z'abarimu bo muri TVET ni izi zikurikira: | Categories of TVET teachers are as follows: | Les catégories des enseignants de TVET sont les suivantes: |
| 1° urwego rwa mbere: Umwarimu wa TVET w'umutangizi; | 1° Category one: Junior TVET Teacher; | 1° Catégorie première: Enseignant débutant de TVET; |
| 2° urwego rwa 2: Umwarimu wa TVET; | 2° Category 2: TVET Teacher; | 2° Catégorie 2: Enseignant de TVET; |
| 3° urwego rwa 3: Umwarimu wa TVET umenyereye umwuga; | 3° Category 3: Senior TVET Teacher; | 3° Catégorie 3: Enseignant de TVET ancien; |
| 4° urwego rwa 4: Umwarimu wa TVET mukuru; | 4° Category 4: Principal TVET Teacher; | 4° Catégorie 4: Enseignant principal de TVET; |
| 5° urwego rwa 5: Umwarimu wa TVET mukuru umenyereye umwuga; | 5° Category 5: Senior Principal TVET Teacher; | 5° Catégorie 5: Enseignant de TVET principal ancien; |
| 6° urwego rwa 6: Umwarimu wa TVET w'inzobere. | 6° Category 6: Master TVET Teacher. | 6° Catégorie 6: Enseignant expert de TVET. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Intera z'inzego z'abarimu** | **<u>Article 8</u>: Gradings of categories of teachers** | **<u>Article 8</u>: Grades des catégories des enseignants** |
| Inzego z'abarimu zigizwe n'intera zikurikira: | Categories of teachers comprise the following gradings: | Les catégories des enseignants comprennent des grades suivants: |
| 1° urwego rwa mbere rugizwe n'intera imwe (1): intera ya II; | 1° the first category comprises one (1) grading: Grade II; | 1° la première catégorie comprend un (1) grade: le grade II; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° urwego rwa kabiri rugizwe n'intera ebyiri (2) : intera ya III n'intera ya IV; | 2° the second category comprises two (2) gradings: Grade III and Grade IV; | 2° la deuxième catégorie comprend deux (2) grades: le grade III et le grade IV; |
| 3° urwego rwa gatatu rugizwe n'intera ebyiri (2) : intera ya V n'intera ya VI; | 3° the third category comprises two (2) grades: Grade V and Grade VI; | 3º la troisième catégorie comprend deux (2) grades: le grade V et le grade VI; |
| 4° urwego rwa kane rugizwe n'intera ebyiri (2): intera ya VII n'intera ya VIII; | 4° the forth category comprises two (2) grades: Grade VII and Grade VIII; | 4º la quatrième catégorie comprend deux (2) grades: le grade VII et le grade VIII; |
| 5° urwego rwa gatanu rugizwe n'intera ebyiri (2: intera ya IX n'intera ya X; | 5° the fifth category comprises two (2) grades: Grade IX and Grade X; | 5º la cinquième catégorie comprend deux (2) grades: le grade IX et le grade X; |
| 6° urwego rwa gatandatu rugizwe n'intera ebyiri (2): intera ya XI n'intera ya XII. | 6° the sixth category comprises two (2) grades: Grade XI and Grade XII. | 6º la sixième catégorie comprend deux (2) grades: le grade XI et le grade XII. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Gushyirwa mu rwego rw'umwarimu w'umutangizi** | **<u>Article 9</u>: Placement at the category of Junior teacher** | **<u>Article 9</u>: Placement dans la catégorie d'enseignant débutant** |
| Umuntu winjiye mu kazi k'ubwarimu ahera ku rwego rwa mbere rw'umwarimu w'umutangizi ku ntera ya II. | A person newly recruited as teacher is placed at the category one of Junior teacher at grading II. | Une personne nouvellement recrutée comme enseignant est placé dans la première catégorie d'enseignant débutant au grade II. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Ibisabwa kugira ngo umwarimu ashyirwe mu rwego rw'umwarimu w'umutangizi** | **<u>Article 10</u>: Requirements for placement at the category of Junior teachers** | **<u>Article 10</u>: Conditions requises pour le placement dans la catégorie des enseignants débutants** |
| Kugira ngo umwarimu ashyirwe mu rwego rw'umwarimu w'umutangizi agomba kuba yujuje ibi bikurikira: | For placing a teacher in the category of Junior teacher, the teacher must meet the following requirements: | Pour placer un enseignant dans la catégorie d'enseignant débutant, l'enseignant doit remplir les conditions suivantes: |
| 1º kuba yararangije neza igihe cy'igeragezwa kandi yararitsinze; | 1º he or she has successfully completed probation period; | 1º il a conclu avec succès le stage probatoire; |

| | | |
|---|---|---|
| 2º kuba afite uruhushya rwo kwigisha yahawe akirangiza kwiga. | 2º being a teaching licence holder granted after graduation. | 2º détenir une licence d'enseignement octroyée après la collation des grades. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Ibisabwa kugira ngo umwarimu azamurwe mu ntera zigize urwego** | **<u>Article 11</u>: Requirements for promotion in gradings of a category** | **<u>Article 11</u>: Conditions requises pour l'avancement dans les grades d'une catégorie** |
| Umwarimu azamurwa mu ntera zigize urwego iyo yujuje ibi bikurikira: | A teacher is promoted in gradings of a category when he or she fulfils the following requirements: | Un enseignant avance dans les grades d'une catégorie lorsqu'il remplit les conditions suivantes: |
| 1º kuba amaze imyaka itatu (3) y'uburambe mu ntera; | 1° he or she has completed three (3) years of teaching experience in the grade; | 1° il a passé trois (3) ans d'expérience d'enseignement dans le grade; |
| 2º kuba isuzumabushobozi yakorewe buri mwaka w'intera ryaragiye rigaragaza ko ashoboye akazi, akabona amanota nibura 70% buri mwaka, mu myaka itatu (3) ikurikirana. | 2° performance evaluation conducted each year while in grade shows that he or she is competent and scored at least 70% every year during three (3) consecutive years. | 2° les évaluations de performance annuelles faites lorsqu'il était dans le grade ont prouvé qu'il est compétent et a eu une note de 70% au moins chaque année pendant trois (3) ans consécutifs. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Ibisabwa kugira ngo umwarimu azamurwe mu rwego rwisumbuye** | **<u>Article 12</u>: Requirements for promotion to a higher category** | **<u>Article 12</u>: Conditions requises pour l'avancement à une catégorie supérieure** |
| Umwarimu azamurwa mu rwego rwisumbuye iyo yujuje ibi bikurikira: | A teacher is promoted to a higher category when he or she meets the following requirements: | Un enseignant avance à une catégorie supérieure lorsqu'il remplit les conditions suivantes: |
| 1° kuba amaze imyaka itatu (3) y'uburambe mu ntera ya nyuma y'urwego arimo; | 1º he or she has completed three (3) years of teaching experience in the last grade of the category; | 1º il a passé trois (3) ans d'expérience d'enseignement dans le dernier grade de la catégorie; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° kuba isuzumabushobozi yakorewe buri mwaka w'intera ryaragiye rigaragaza ko ashoboye akazi akabona amanota nibura 70% buri mwaka, mu myaka itatu (3) ikurikirana; | 2º performance evaluation conducted each year while in grade shows that he or she is competent and scored at least 70% every year during three (3) consecutive years; | 2º les évaluations de performance annuelles faites lorsqu'il était dans le grade ont prouvé qu'il est compétent et a eu une note de 70% au moins chaque année pendant trois (3) ans consécutifs; |
| 3° kuba yarakurikiye amahugurwa ahoraho agamije kongera ubushobozi (CPD) mu kwigisha kandi agatsinda isuzuma riyasoza. | 3º he or she has successfully completed Continuing Professional Development (CPD) courses in teaching career. | 3º il a suivi et réussi la formation professionnelle pédagogique continue (CPD). |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Urwego rwihariye rw'umwarimu w'icyubahiro** | **<u>Article 13</u>: Special category of Honorary teacher** | **<u>Article 13</u>: Catégorie spéciale d'enseignant honoraire** |
| Minisitiri ufite uburezi mu nshingano afatanyije n'ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali cyangwa ubw'Akarere ashyira umwarimu wujuje ibisabwa mu rwego rwihariye rw'umwarimu w'icyubahiro. | The Minister in charge of education in collaboration with the City of Kigali or District management promotes the teacher who has met requirements in the special category of Honorary teacher. | Le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions, en collaboration avec l'administration de la Ville de Kigali ou du District, place l'enseignant qui remplit les conditions requises dans la catégorie spéciale d'enseignant honoraire. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ibisabwa kugira ngo umwarimu ashyirwe mu rwego rwihariye rw'umwarimu w'icyubahiro** | **<u>Article 14</u>: Requirements for promotion to the special category of Honorary teacher** | **<u>Article 14:</u> Conditions requises pour la promotion à la catégorie spéciale d'enseignant honoraire** |
| Umwarimu ashyirwa mu rwego rwihariye rw'umwarimu w'icyubahiro iyo yujuje ibi bikurikira: | A teacher is placed in the special category of Honorary teacher if he or she fulfils the following requirements: | Un enseignant est promu à la catégorie spéciale d'enseignant honoraire s'il remplit les conditions suivantes: |
| 1° kuba yarashyizwe mu kiruhuko cy'izabukuru ari mu rwego rw'Umwarimu w'inzobere; | 1° he or she has been admitted to retirement as a teacher in the category of Master teacher; | 1° il a été admis à la retraite étant un enseignant de la catégorie d'enseignant expert; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° kuba atarigeze ahabwa igihano cyo mu rwego rw'akazi cyangwa icyo mu rwego rw'amategeko ahana; | 2° he or she has never been subject to any administrative sanction or penalty; | 2° il n'a encouru aucune sanction administrative ou pénale; |
| 3° kuba yarakoze igikorwa cy'indashyikirwa mu burezi cyemejwe na Minisiteri ifite uburezi mu nshingano ifatanyije n'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere. | 3° he or she has demonstrated outstanding performance recognized by the Ministry in charge of education in collaboration with the City of Kigali or District. | 3° a fait preuve de performance d'excellence reconnue par le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions en collaboration avec la Ville de Kigali ou le District. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Itangazwa ry'amazina y'abarimu bashyizwe mu rwego rwihariye rw'umwarimu w'icyubahiro** | **<u>Article 15</u>: Publication of names of teachers promoted to the special category of Honorary teacher** | **<u>Article 15:</u> Publication des noms des enseignants promus à la catégorie spéciale d'enseignant honoraire** |
| Amazina y'umwarimu washyizwe mu rwego rw'umwarimu w'icyubahiro atangazwa ku rubuga rwa interineti rw'Umujyi wa Kigali cyangwa urw'Akarere. | Names of a teacher promoted to the special category of Honorary teacher are posted on the website of the City of Kigali or District. | Le nom d'un enseignant promu à la catégorie spéciale d'enseignant honoraire est publié au site web de la Ville de Kigali ou du District. |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Ibigenerwa umwarimu ushyizwe mu rwego rwihariye rw'umwarimu w'icyubahiro** | **<u>Article 16:</u> Benefits allocated to a teacher promoted to the category of Honorary teacher** | **<u>Article 16:</u> Avantages alloués à un enseignant promu à la catégorie d'enseignant honoraire** |
| Umwarimu ushyizwe mu rwego rw'Umwarimu w'icyubahiro agenerwa ibi bikurikira: | A teacher who has been promoted to the category of Honorary teacher is entitled to the following benefits**:** | Un enseignant qui a été promu à la catégorie d'enseignant honoraire reçoit les avantages suivants: |
| 1° umudari w'ishimwe; | 1° a medal of merit; | 1° une médaille de mérite; |
| 2° icyemezo cy'ishimwe; | 2° a Certificate of merit; | 2° un certificat de mérite; |
| 3° ikindi gihembo kigenwa na Minisitiri ufite uburezi mu nshingano afatanyije n'Umujyi | 3° any other awards determined by the Ministry in charge of Education in | 3° une autre récompense déterminée par le Ministre ayant l'éducation dans ses |

| | | |
|---|---|---|
| wa Kigali cyangwa Akarere. | collaboration with the City of Kigali or District. | attributions en collaboration avec la Ville de Kigali ou le District. |
| **<u>UMUTWE WA III</u>: GUSHAKA NO GUSHYIRA MU KAZI ABARIMU** | **<u>CHAPTER III</u>: RECRUITMENT AND APPOINTMENT OF TEACHERS** | **<u>CHAPITRE III</u>: RECRUTEMENT ET AFFECTATION DES ENSEIGNANTS** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Inzego zishinzwe gushaka no gushyira abarimu mu kazi** | **<u>Article 17</u>: Institutions in charge of recruitment and appointment of teachers** | **<u>Article 17:</u> Institutions ayant le recrutement et l'affectation des enseignants dans leurs attributions** |
| Gushaka no gushyira abarimu mu kazi bikorwa ku bufatanye hagati y'inzego zikurikira: | Teachers' recruitment and appointment is jointly done by the following institutions: | Le recrutement et l'affectation des enseignants se fait conjointement par les institutions suivantes: |
| 1° Umujyi wa Kigali n'Akarere; | 1° the City of Kigali and the District; | 1° la Ville de Kigali et le District; |
| 2° Minisiteri ifite uburezi mu nshingano; | 2° the Ministry in charge of education; | 2° le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions; |
| 3° Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano. | 3° the Ministry in charge of public service. | 3° le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Inshingano z'Umujyi wa Kigali n'Akarere** | **<u>Article 18</u>: Responsibilities of the City of Kigali and the District** | **<u>Article 18:</u> Attributions de la Ville de Kigali et du District** |
| Mu byerekeye gushaka no gushyira mu kazi abarimu, Umujyi wa Kigali n'Akarere bifite inshingano zikurikira: | In the process of recruitment and appointment of teachers, the City of Kigali and the District have the following responsibilities: | Dans le processus de recrutement et d'affectation des enseignants, la Ville de Kigali et le District ont des attributions suivantes: |
| 1° gukora urutonde rw'imyanya y'imirimo n'amashuri bikeneye abarimu mu Mujyi wa Kigali n'Akarere; | 1° to make a list of all teaching positions and schools in the City of Kigali and the District, which need to be provided with teachers; | 1° dresser une liste des postes d'enseignement et des écoles, dans la Ville de Kigali et le District, qui nécessitent d'être pourvus d'enseignants; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° gushyikiriza Minisiteri ifite uburezi mu nshingano, urutonde rw'imyanya y'imirimo ikeneye abarimu; | 2º to submit to the Ministry in charge of education the list of teaching positions that need to be provided with teachers; | 2º soumettre au Ministère ayant l'éducation dans ses attributions la liste des postes d'enseignement qui nécessitent d'être pourvus d'enseignants; |
| 3° gushyira mu kazi abakandida batsinze ikizamini hashingiwe ku rutonde rushyira abarimu mu myanya rwatanzwe na Minisiteri ifite uburezi mu nshingano; | 3º to appoint the successful candidates in accordance with the placement list provided for by the Ministry in charge of education; | 3º affecter les candidats retenus en conformité avec la liste de placement donnée par le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions; |
| 4° gufasha abarimu bashya kwimenyereza umwuga. | 4º to ensure induction and mentorship for newly recruited teachers. | 4º assurer l'initiation et le mentorat des enseignants nouvellement recrutés. |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Inshingano za Minisiteri ifite uburezi mu nshingano** | **<u>Article 19</u>: Responsibilities of the Ministry in charge of education** | **<u>Article 19:</u> Attributions du Ministère ayant l'éducation dans ses attributions** |
| Mu byerekeye gushaka no gushyira mu kazi abarimu, Minisiteri ifite uburezi mu nshingano ifite inshingano zikurikira: | In the process of recruitment and appointment of teachers, the Ministry in charge of education has the following responsibilities: | Dans le processus de recrutement et d'affectation des enseignants, le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions a des attributions suivantes: |
| 1° gutangaza urutonde rw'imyanya y'akazi k'ubwarimu hashingiwe ku masomo yose yigishwa mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'aya TVET, binyujijwe ku rubuga rw'ikoranabuhanga rukoreshwa mu gushaka abakozi ba Leta; | 1° to publish a list of all teaching positions available based on all teaching subjects in nursery, primary, secondary, and TVET schools through the public service e-recruitment portal; | 1º publier une liste de tous les postes disponibles sur base de toutes les matières enseignées dans les écoles maternelles, primaires, secondaires et TVET à travers le système électronique de recrutement de la fonction publique; |
| 2° guhitamo abakandida bujuje ibisabwa ku mwanya w'umurimo; | 2° to shortlist applicants who fulfil the portfolio requirements; | 2º sélectionner les candidats qui remplissent les exigences du poste; |
| 3° gutegura no gukoresha ibizamini by'akazi; | 3° to set and to conduct recruitment | 3º élaborer et donner des examens de |

| | | |
|---|---|---|
| | examinations; | recrutement; |
| 4° gutangaza amanota y'ibizamini by'akazi; | 4° to publish results of recruitment examinations; | 4º publier les résultats des examens de recrutement; |
| 5° gushyikiriza Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano urutonde rw'abakandida batsinze ibizamini rubikwa mu rubuga rw'ikoranabuhanga rukoreshwa mu gushaka abakozi ba Leta; | 5° to submit to the Ministry in charge of public service a list of successful candidates to be kept in the public service e-recruitment portal; | 5º soumettre au Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions une liste de candidats qui ont réussi l'examen à garder dans le système électronique de recrutement de la fonction publique; |
| 6° gushyikiriza Umujyi wa Kigali n'Akarere urutonde rw'abarimu bashya bagomba guhabwa akazi hashingiwe ku myanya ikeneye abarimu yagaragajwe n'Umujyi wa Kigali n'Akarere hagaragazwa ikigo cy'ishuri buri mwarimu agomba gushyirwaho. | 6° to submit to the City of Kigali and a District a list of newly recruited teachers to be appointed and placed in accordance to the teaching vacant positions earlier submitted by the City of Kigali and the District and showing the school in which a teacher shall be appointed. | 6º transmettre à la Ville de Kigali et le District une liste des nouveaux enseignants recrutés afin d'être affectés et placés en conformité avec les postes d'enseignement vacants déjà transmis par la Ville de Kigali et le District et qui indique l'école d'affectation. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Inshingano za Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano** | **<u>Article 20</u>: Responsibilities of the Ministry in charge of public service** | **<u>Article 20:</u> Attributions du Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions** |
| Mu byerekeye gushaka no gushyira mu kazi abarimu, Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano, ifite inshingano zikurikira: | In the process of recruitment and appointment of teachers, the Ministry in charge of public service has the following responsibilities: | Dans le processus de recrutement et d'affectation des enseignants, le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions a des attributions suivantes: |
| 1º gucunga ibyerekeye gushaka no gushyira mu kazi abarimu mu rubuga rw'ikoranabuhanga rukoreshwa mu gushaka abakozi ba Leta; | 1º to manage the process of recruitment and appointment of teachers through the public service e-recruitment portal; | 1º gérer le processus de recrutement et d'affectation des enseignants à travers le système électronique de recrutement de la fonction publique; |

| | | |
|---|---|---|
| 2º kubika, mu gihe cy'amezi makumyabiri n'ane (24), urutonde rw'abakandida batsinze ikizamini batoranywamo abahabwa akazi mu gihe umwanya ukeneye umukozi ubonetse muri icyo gihe. | 2º to maintain, for a period of twenty four (24) months, a valid database of all successful candidates who are eligible for appointment and placement in case a vacant position is reported during that period. | 2º garder, pour une période de vingt-quatre (24) mois, la base de données valide des candidats qui ont réussi l'examen et qui sont éligibles à l'affectation et au placement en cas de déclaration de vacance de poste au cours de cette période. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Itangazo ry'imyanya y'akazi** | **<u>Article 21</u>: Announcement of vacant posts** | **<u>Article 21</u>: Annonce des postes vacants** |
| Minisiteri ifite uburezi mu nshingano itanga itangazo ry'imyanya y'akazi, hashingiwe ku masomo yose yigishwa mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'aya TVET, ibinyujije ku rubuga rw'ikoranabuhanga rukoreshwa mu gushaka abakozi ba Leta. | The Ministry in charge of education publishes the announcement of vacant posts based on all teaching subjects in nursery, primary, secondary and TVET schools through the public service e-recruitment portal. | Le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions publie l'annonce des postes vacants sur base de toutes les matières enseignées dans les écoles maternelles, primaires, secondaires et TVET à travers le système électronique de recrutement de la fonction publique. |
| Itangazo rigomba kugaragaza ibi bikurikira: | The announcement must contain the following details: | L'annonce doit contenir les détails suivants: |
| 1° inyito y'umwanya; | 1° job position title; | 1° le titre du poste; |
| 2° ibisabwa ku mwanya; | 2° requirements of the job position; | 2° les exigences du poste; |
| 3° itariki ntarengwa yo gutanga dosiye isaba akazi. | 3° closing date of submission of application file. | 3° la date limite de dépôt des dossiers de demande d'emploi. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Gutoranya no gutangaza urutonde rw'abemerewe gukora ikizamini** | **<u>Article 22</u>: Shortlisting and publication of the list of candidates** | **<u>Article 22</u>: Présélection et publication de la liste des candidats** |
| Minisiteri ifite uburezi mu nshingano, itoranya kandi igatangaza urutonde rw'abakandida bemerewe gukora ibizamini | The Ministry in charge of Education shortlists and publishes the list of admitted candidates for examination and non-admitted and the reasons | Le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions publie la liste des candidats admis pour passer les examens et la liste des candidats |

| | | |
|---|---|---|
| n'urw'abatemerewe gukora ikizamini n'impamvu zatumye batemererwa. Urutonde rutangazwa hakoreshejwe urubuga rw'ikoranabuhanga rukoreshwa mu gushaka abakozi ba Leta. | for non-eligibility. The list is published through the public service e-recruitment portal. | non admis tout en précisant les causes de la non admissibilité. La liste est publiée à travers le système électronique de recrutement de la fonction publique. |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Ikorwa ry'ikizamini** | **<u>Article 23</u>: Examination process** | **<u>Article 23</u>: Procédure d'examen** |
| Abakandida bemerewe gukora ikizamini bamenyeshwa amatariki, isaha n'ahantu ikizamini kizakorerwa nibura iminsi ibiri (2) mbere y'ikorwa ry'ikizamini. | The shortlisted candidates are informed on the date, time and venue for the examination at least two (2) days before examination. | Les candidats présélectionnés sont tenus informés sur la date, l'heure et le lieu de l'examen au moins deux (2) jours avant l'examen. |
| Ikizamini gikorwa ku munsi n'amasaha by'akazi kandi hakorwa gusa ikizamini cyanditse. | Examination is conducted on a working day and during working hours, and only a written examination is taken. | L'examen est passé à un jour ouvrable et pendant les heures de service, et uniquement l'examen écrit est fait. |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Ururimi ikizamini gikorwamo** | **<u>Article 24</u>: Language of examination** | **<u>Article 24</u>: Langue de l'examen** |
| Ikizamini cy'akazi cy'abarimu gitegurwa kandi kigakorwa mu rurimi rw'Icyongereza. | The examination of teachers is prepared and conducted in English. | L'examen des enseignants est préparé et passé en anglais. |
| Ikizamini cy'akazi cy'abarimu bigisha indimi gitegurwa kandi kigakorwa mu rurimi basabwa kwigisha. | The examination of teachers of language subjects is prepared and conducted in the language which they are required to teach. | L'examen des enseignants des matières des langues est préparé et passé dans la langue qu'ils sont requis d'enseigner. |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Itoranywa ry'abayobozi n'abayobozi bungirije b'ishuri na Komite ibishinzwe** | **<u>Article 25</u>: Selection of Head teachers and Deputy Head teachers and the Committee in charge thereof** | **<u>Article 25</u>: Sélection des Directeurs et des Préfets dans ses attributions et le Comité en charge** |
| Umuyobozi cyangwa umuyobozi w'ishuri | The Head teacher or Deputy Head teacher is | Le Directeur ou le Préfet d'une école est recruté |

| | | |
|---|---|---|
| wungirije atoranywa mu barimu, ku rwego rw'Igihugu, na Komite igizwe n'impuguke ziturukа muri Minisiteri ifite uburezi mu nshingano, no mu mujyi wa Kigali cyangwa mu karere. | recruited among teachers, at the country level, by a Committee that is composed by experts from the Ministry in charge of education and the City of Kigali or the District. | parmi les enseignants, au niveau national, par un comité composé d'experts en provenance du Ministère ayant l'éducation dans ses attributions, de la Ville de Kigali ou du District. |
| Amabwiriza ya Minisitiri ufite uburezi mu nshingano agena uburyo abagize Komite batoranywa n'imikorere ya Komite. | Instructions of the Minister in charge of education determines modalities for appointment of members and functioning of the Committee. | Les instructions du Ministre ayant l'éducation dans ses attributions déterminent les modalités de nomination des membres et le fonctionnement du Comité. |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Ibisabwa mu gushyira mu mwanya Umuyobozi w'ishuri** | **<u>Article 26</u>: Requirements for appointing a Head teacher** | **<u>Article 26</u>: Conditions de nomination d'un Directeur d'école** |
| Umuyobozi w'ishuri ashyirwa mu mwanya hashingiwe kuri ibi bikurikira: | The Head teacher is appointed when he or she fulfils the following requirements: | Un Directeur d'école est nommé lorsqu'il remplit les conditions suivantes: |
| 1° kuba nibura ari mu rwego rwa 3 rw'abarimu mu cyiciro cy'amashuri abarizwamo; | 1° he or she is at least in the third category of teachers in the respective level of formal education he or she is working in; | 1° il est au moins dans la troisième catégorie des enseignants du niveau respectif de l'éducation formelle dans lequel il travaille; |
| 2° kuba agaragaza ubushobozi bwihariye mu kazi; | 2° he or she has outstanding performance; | 2° il fait preuve d'une performance distinguée; |
| 3° kuba ari inyangamugayo; | 3° he or she has integrity; | 3° il fait preuve d'intégrité; |
| 4° kuba arangwa n'indangagaciro z'umwuga we. | 4° he or she has outstanding professional ethics. | 4° il fait preuve d'une éthique professionnelle distinguée. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Ibisabwa mu gushyira mu myanya umuyobozi w'ishuri wungirije ushinzwe amasomo cyangwa umuyobozi w'ishuri wungirije ushinzwe imyitwarire** | **<u>Article 27</u>: Requirements for appointing a Deputy Head teacher in charge of studies or Deputy Head teacher in charge of discipline** | **<u>Article 27</u>: Conditions requises de nomination d'un Préfet des études ou d'un Préfet de discipline** |
| Umuyobozi w'ishuri wungirije ushinzwe amasomo cyangwa umuyobozi w'ishuri wungirije ushinzwe imyitwarire bashyirwa mu mwanya hashingiwe kuri ibi bikurikira: | The Deputy Head teacher in charge of studies or the Deputy Head teacher in charge of discipline are recruited when they fulfil the following requirements: | Un Préfet des études ou un Préfet de discipline sont nommés lorsqu'ils remplissent les conditions suivantes: |
| 1° kuba nibura ari mu rwego rwa 2 rw'abarimu mu cyiciro cy'ishuri abarizwamo; | 1° he or she is at least in the second category of teachers in the respective level of formal education he or she is working in; | 1° il est au moins dans la deuxième catégorie des enseignants du niveau respectif de l'éducation formelle dans lequel il travaille; |
| 2° kuba agaragaza ubushobozi bwihariye mu kazi; | 2° he or she has outstanding performance; | 2° il fait preuve d'une performance distinguée; |
| 3° kuba ari inyangamugayo; | 3° he or she has integrity; | 3° il fait preuve d'intégrité; |
| 4° kuba arangwa n'indangagaciro z'umwuga mu buryo bwihariye. | 4° he or she has outstanding professional ethics. | 4° il fait preuve d'une éthique professionnelle distinguée. |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Ibyangombwa bisabwa umwarimu mbere yo gushyirwa mu mwanya w'akazi** | **<u>Article 28</u>: Documents required from a teacher before appointment** | **<u>Article 28</u>: Documents requis d'un enseignant avant son affectation** |
| Mbere yo gushyirwa mu mwanya w'akazi, umwarimu ashyikiriza Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere ibyangombwa bikurikira: | Before appointment, a teacher must submit to the City of Kigali or the District the following documents: | Avant son affectation, un enseignant doit déposer à la Ville de Kigali ou au District les documents suivants: |
| 1° umwirondoro wuzuye; | 1° a detailed curriculum vitae; | 1° un curriculum vitae détaillé; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° fotokopi y'indangamuntu cyangwa pasiporo; | 2° a photocopy of identity card or passport; | 2° une photocopie de la carte d'identité ou du passeport; |
| 3° fotokopi y'impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi iriho umukono wa noteri; | 3° a certified copy of degree or certificate; | 3° une copie de diplôme ou certificat notariée; |
| 4° ifoto ngufi y'ibara; | 4° a passport photo in colour; | 4° une photo passeport en couleur; |
| 5° icyemezo cy'uko atakatiwe cyangwa yakatiwe n'inkiko; | 5° a criminal record; | 5° l'extrait du casier judiciaire; |
| 6° icyemezo cyo kwa muganga. | 6° a medical certificate. | 6° un certificat médical. |
| **Ingingo ya 29: Gushyira abarimu mu myanya** | **Article 29: Appointment of teachers** | **Article 29: Affectation des enseignants** |
| Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere bashyira abarimu mu myanya hashingiwe ku rutonde rwatanzwe na Minisiteri ifite uburezi mu nshingano. | The Mayor of the City of Kigali or the Mayor of District appoint teachers in accordance with the list transmitted by the Ministry in charge of education. | Le Maire de la Ville de Kigali ou le Maire du district affectent les enseignants en conformité avec la liste transmise par le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions. |
| **Ingingo ya 30: Igihe cyo gushaka abarimu no kubashyira mu myanya** | **Article 30: Period of recruitment and appointment of teachers** | **Article 30: Période de recrutement et d'affectation des enseignants** |
| Gutoranya abemerewe, gukoresha ibizamini, gutangaza amanota no gushyira abarimu mu myanya ntibigomba kurenza igihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi kwakira amadosiye y'abasaba akazi byarangiriyeho. | Shortlisting of candidates, conducting examinations, publication of results and appointment of teachers must not exceed sixty (60) days starting from the closing date of submission of job applications. | La présélection des candidats, la passation des examens, la publication des résultats et l'affectation des enseignants ne doivent pas dépasser soixante (60) jours à compter de la date limite de soumission des demandes d'emploi. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: INDAHIRO Y'ABARIMU** | **<u>CHAPTER IV</u>: TAKING OATH FOR TEACHERS** | **<u>CHAPITRE IV</u>: SERMENT DES ENSEIGNANTS** |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Indahiro** | **<u>Article 31</u>: Taking oath** | **<u>Article 31</u>: Serment** |
| Mbere yo gutangira akazi, umuntu ushizwe mu mwanya w'umwarimu arahirira imbere y'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere ishuri riherereyemo cyangwa undi muntu wese yabihereye ububasha kandi bigakorerwa mu nyubako ya Leta. | Before starting his or her job, a person who is appointed as teacher takes oath before the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of District in which the school is located or any delegated person within public premises. | Avant d'entrer en fonction, une personne affectée au poste d'enseignant prête serment devant le Maire de la Ville de Kigali ou le Maire du District où se trouve l'école ou d'une autre personne déléguée dans un édifice public. |
| Indahiro ni iyi ikurikira: | The oath is the following: | Le serment est le suivant: |
| «Jyewe, ……………………………, | "I, ………………………………, | "Moi, ………………………………, |
| Ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro: | Solemnly swear to the Nation: | Je jure solennellement à la Nation: |
| 1° ko nzakorana umurava umurimo nshinzwe w'uburezi; | 1° to fulfil my educational duties with dedication; | 1° de remplir loyalement les fonctions d'éducation qui me sont confiées; |
| 2° ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda; | 2° to remain loyal to the Republic of Rwanda; | 2° de garder fidélité à la République du Rwanda; |
| 3° ko nzakurikiza Itegeko Nshinga n'andi mategeko; | 3° to uphold the Constitution and other laws; | 3° d'observer la Constitution et les autres lois; |
| 4° ko nzihatira gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda; | 4° to commit myself to strengthening unity of Rwandans; | 4° d'œuvrer à la consolidation de l'unité des Rwandais; |
| 5° ko nzubahiriza mbikuye ku mutima inshingano zanjye zo kurera nta vangura | 5° to sincerely perform my educational duties without discrimination of whatever kind; | 5° de remplir consciencieusement mes fonctions d'éducation sans discrimination |

| | | |
|---|---|---|
| iryo ari ryo ryose; | | aucune; |
| 6º ko ntazigera nkoresha ububasha nahawe bwo kurera mu nyungu zanjye bwite; | 6º never use my educational position for personal motives; | 6º de ne jamais utiliser les pouvoirs d'éducation qui me sont dévolus à des fins personnelles; |
| 7º ko nzubahiriza indangagaciro zigenga umwuga w'uburezi; | 7º to comply with professional ethics of education; | 7º d'observer l'éthique professionnelle de l'éducation; |
| 8º ko nzaharanira iyubahirizwa ry'ubwigenge n'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu muri rusange n'ubw'umwana by'umwihariko n'ibyagirira akamaro Abanyarwanda bose. | 8º to be committed to respect of freedom and basic human rights in general and rights of children in particular and common interests of Rwandans. | 8º de promouvoir le respect des libertés et des droits fondamentaux de la personne en général et ceux de l'enfant en particulier et de veiller aux intérêts du peuple rwandais. |
| Nintatira iyi ndahiro nzabihanirwe n'amategeko. | Shall I fail to honour this oath, may I face the rigours of the law. | En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi. |
| Imana ibimfashemo". | So help me God". | Que Dieu m'assiste". |
| Umwarimu agomba gushyira umukono ku ndahiro ye akimara kurahira. | A teacher must sign his or her oath immediately after taking it. | Chaque enseignant signe son serment immédiatement après sa prestation. |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Uburyo bwo kurahira** | **<u>Article 32</u>: Modalities of taking oath** | **<u>Article 32</u>: Modalités de prestation de Serment** |
| Umwarimu arahira afatishije ibendera ry'Igihugu ikiganza cy'ibumoso azamuye ukuboko kw'iburyo akarambura ikiganza hejuru. | A teacher takes oath by holding the National Flag with his or her left hand while raising the right hand with a stretched palm. | Un enseignant prête serment en tenant avec sa main gauche le drapeau national et en levant en même temps sa main droite avec la paume tendue. |
| Umwarimu ufite ubumuga butuma adashobora | A teacher with disability which does not enable | Un enseignant qui a un handicap de telle sorte |

| | | |
|---|---|---|
| kubahiriza ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, yambikwa ibendera. | him or her to comply with the provisions of Paragraph One of this Article wears the flag. | qu'il ne puisse pas se conformer aux dispositions de l'alinéa premier du présent article, on lui fait porter le drapeau. |
| **<u>UMUTWE WA V</u>: IGERAGEZWA RY'ABARIMU** | **<u>CHAPTER V</u>: TEACHERS' PROBATION** | **<u>CHAPITRE V:</u> STAGE PROBATOIRE DES ENSEIGNANTS** |
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Igihe cy'igeragezwa** | **<u>Article 33</u>: Probation period** | **<u>Article 33</u>: Période de stage probatoire** |
| Umwarimu wese utangiye akazi, ahabwa igihe cy'igeragezwa cy'amezi cumi n'abiri (12), aho Umuyobozi we wo mu rwego rwa mbere asuzuma imikorere ye ku bijyanye n'ubumenyi, ubushobozi n'imyitwarire mu kazi. | Every newly appointed teacher is subjected to a probation period of twelve (12) months where his or her immediate supervisor evaluates the teacher's performance in terms of his or her knowledge, professional capacities and behaviours. | Tout enseignant nouvellement affecté est soumis à un stage probatoire de douze (12) mois au cours duquel son supérieur hiérarchique direct évalue ses performances par rapport aux connaissances, aux aptitudes professionnelles et au comportement de l'enseignant. |
| Igihe umwarimu atangiye igihe cy'igeragezwa, Umuyobozi ubifitiye ububasha agomba kumumenyesha mu nyandiko inshingano ze n'ibyo asabwa kubahiriza. | When a teacher starts the probation period, the competent authority must inform the teacher, in writing, of his or her responsibilities and duties. | Lorsqu'un enseignant commence le stage probatoire l'autorité compétente doit lui notifier, par écrit, de ses attributions et de ses obligations. |
| Umwarimu uri mu igeragezwa agira uburenganzira nk'ubw'umwarimu warangije neza igeragezwa. | A teacher on probation enjoys the same rights as any other teacher who successfully completed the probation. | Un enseignant en stage probatoire jouit des mêmes droits que l'enseignant dont le stage probatoire a été concluant. |
| Umwarimu warangije neza igeragezwa ntiyongera kugeragezwa iyo agiye gukora akazi k'ubwarimu ahandi. | A teacher who has successfully completed probation, is no longer subjected to a new probation, when he or she is employed as a teacher elsewhere. | Un enseignant qui a terminé avec succès son stage probatoire n'est plus soumis au stage probatoire lorsqu'il est employé ailleurs comme enseignant. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 34</u>: Gufasha umwarimu uri mu gihe cy'igeragezwa** | **<u>Article 34</u>: Teacher support during probation period** | **<u>Article 34:</u> Soutien d'un enseignant pendant le stage probatoire** |
| Umwarimu uri mu gihe cy'igeragezwa afashwa kwiyubakamo ubushobozi hakoreshejwe uburyo bukurikira: | A teacher on probation is given support to develop his or her professional capacity through the following way: | Un enseignant en stage probatoire est soutenu dans le développement de ses aptitudes professionnelles de la manière suivante: |
| 1° umuyobozi we wo ku rwego rwa mbere agomba kugenera umwarimu uri mu igeragezwa undi mwarimu cyangwa abandi barimu b'inararibonye mu masomo yigisha cyangwa mu mirimo y'ubuyobozi ashinzwe kugira ngo bamufashe gukoresha neza ibikoresho yahawe, kurangiza neza inshingano yahawe no kwiyubakamo ubushobozi; | 1° his or her immediate supervisor must team up the teacher on probation with a teacher or teachers highly experienced in subject (s) taught by the teacher on probation or his or her administrative duties, in order for them to assist him or her to effectively use tools put at his or her disposal to fulfil his or her responsibilities and to develop his or her professional capacities; | 1° l'autorité du premier degré désigne auprès de l'enseignant en stage probatoire un ou plusieurs enseignants expérimentés dans les disciplines enseignées ou dans les tâches administratives pour qu'ils l'aident dans l'usage efficace des outils mis à sa disposition en vue de l'accomplissement de ses attributions et le développement de ses aptitudes professionnelles; |
| 2° umwarimu cyangwa abarimu bahawe inshingano yo gufasha umwarimu uri mu gihe cy'igeragezwa bamukorera buri gihembwe inyandiko ikubiyemo uko agenda atera imbere mu kuzuza inshingano ze n'inama zo kumufasha kunoza imikorere. | 2° a teacher or teachers with the responsibility of assisting the teacher on probation write termly reports on his or her performance, which highlight the progress made by the teacher on probation in fulfilling his or her responsibilities and advice given to him or her on perfecting performance. | 2° l'enseignant ou les enseignants chargés d'aider un enseignant en stage probatoire établissent des rapports trimestriels sur ses performances, qui mettent en évidence le progrès réalisé par l'enseignant en stage probatoire dans l'exercice de ses attributions et des conseils lui prodigués en vue de l'amélioration de ses performances. |
| **<u>Ingingo ya 35</u>: Irangira ry'igihe cy'igeragezwa** | **<u>Article 35</u>: Completion of the probation period** | **<u>Article 35</u>: Fin du stage probatoire** |
| Iyo igihe cy'igeragezwa kirangiye, Umuyobozi ubifitiye ububasha akorera umwarimu isuzumabushobozi. | At the completion of the probation period, the competent authority assesses the performance of the teacher. | À la fin du stage probatoire, l'autorité compétente évalue les performances de l'enseignant. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo isuzumabushobozi rigaragaje ko umwarimu ashoboye akazi, Umuyobozi wamukoreye isuzuma abimenyesha mu nyandiko Umuyobozi wamuhaye akazi by'agateganyo, kugira ngo amushyire mu mwanya ku buryo bwa burundu. | If the performance assessment is successful, the evaluator notifies in writing the authority who provisionally appointed the teacher, for issuing a definitive appointment. | Si l'évaluation est concluante, l'autorité évaluatrice notifie à l'autorité qui a provisoirement affecté l'enseignant, par écrit, pour qu'elle procède à l'affectation définitive. |
| Iyo isuzumabushobozi rigaragaje ko umwarimu adashoboye akazi, Umuyobozi wamukoreye isuzuma abimenyesha umuyobozi wamuhaye akazi by'agateganyo kugira ngo amusezerere kuri uwo mwanya. | If the assessment shows that the teacher on is incompetent, the evaluator informs the authority who provisionally appointed the teacher for recommending the teacher's removal from that position. | Lorsque l'évaluation révèle que l'enseignant est incompétent, l'autorité évaluatrice en informe l'autorité qui a provisoirement affecté l'enseignant afin de décider de la démission de l'enseignant de ce poste. |
| Icyakora, umuyobozi wahaye umwarimu akazi by'agateganyo ashobora kumwongerera igihe cy'igeragezwa cy'andi mezi cumi n'abiri (12) bitewe n'impamvu zigaragara kandi zisobanutse. | However, the authority who provisionally appointed the teacher may order to extend the probation for a period not exceeding twelve (12) months due to clear and convincing reasons. | Toutefois, l'autorité qui a provisoirement affecté l'enseignant peut, pour des raisons claires et convaincantes, décider l'extension du stage probatoire pour une période ne dépassant pas douze (12) mois. |
| **<u>Ingingo ya 36</u>: Ubujurire ku cyemezo cy'igeragezwa** | **<u>Article 36</u>: Appeal against a decision about probation** | **<u>Article 36</u>: Recours contre la décision du stage probatoire** |
| Umwarimu utishimiye isuzumabushobozi yakorewe, ashobora kujuririra mu nyandiko Umuyobozi w'urwego rwamuhaye akazi by'agateganyo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa uhereye igihe yamenyesherejwe icyemezo yafatiwe. | A teacher who is not satisfied with the performance assessment may appeal in writing, to the authority who provisionally appointed the teacher within fifteen (15) working days after being informed of the decision taken against him or her. | Un enseignant qui s'estime lésé par l'évaluation de performance peut introduire, par écrit, un recours à l'autorité qui l'a provisoirement affecté endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de notification de la décision prise à son égard. |
| Umuyobozi wajuririwe agomba gutanga igisubizo mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa uhereye igihe yaboneyeho ubujurire. | The authority appealed to must respond within fifteen (15) working days from the date of reception of the appeal. | L'autorité d'appel doit répondre endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de réception du recours. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo icyemezo gifashwe kitamushimishije, umwarimu ashobora kujuririra urwego rushinzwe ubujurire bw'abakozi ba Leta, mu rwego rwa nyuma mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi ibarwa uhereye igihe yaherewe igisubizo. | If a teacher is not satisfied with the decision taken, he or she may appeal, in the last instance, to the organ in charge of appeal in public service within five (5) working days from the date of notification of the response. | Lorsque l'enseignant n'est pas satisfait par la décision prise, il peut introduire un recours, au dernier degré, auprès de l'organe chargé de l'appel dans la fonction publique endéans cinq (5) jours ouvrables à compter de la date de notification de la décision. |
| **<u>UMUTWE WA VI</u>: UKO UMWARIMU AGENGWA N'IRI TEKA** | **<u>CHAPTER VI</u>: STATUTORY POSITIONS OF A TEACHER** | **<u>CHAPITRE VI</u>: POSITIONS STATUTAIRES D'UN ENSEIGNANT** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Aho umwarimu aherereye** | **<u>Section one</u>: Status of a teacher** | **<u>Section première:</u> Situation d'un enseignant** |
| **<u>Ingingo ya 37</u>: Aho umwarimu aherereye mu murimo** | **<u>Article 37</u>: Status of a teacher in service** | **<u>Article 37</u>: Situation d'un enseignant en service** |
| Umwarimu ashobora kuba: | A teacher may be: | Un enseignant peut être: |
| 1° mu kazi; | 1° in service; | 1° en service; |
| 2° yimuwe; | 2° on transfer; | 2° en mutation; |
| 3° atijwe; | 3° on secondment; | 3° en détachement; |
| 4° ahagaritswe ku kazi by'agateganyo; | 4° on suspension of duties; | 4° en suspension des fonctions; |
| 5° ahagaritse akazi mu gihe kizwi. | 5° on leave of absence for a specific period. | 5° en disponibilité pour une durée déterminée. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka mbere</u>: Umwarimu uri mu kazi** | **<u>Sub-section one</u>: Teacher in service** | **<u>Sous-section première</u>: Enseignant en service** |
| **<u>Ingingo ya 38</u>: Umwarimu uri mu kazi cyangwa ufatwa nk'uri mu kazi** | **<u>Article 38</u>: Teacher in service or considered to be in service** | **<u>Article 38:</u> Enseignant en service ou considéré être en service** |
| Umwarimu aba ari mu kazi iyo ari mu mwanya w'umurimo yashyizwemo kandi akora inshingano ze. | A teacher is in service if he or she occupies a job position to which he or she was appointed and performs his or her duties. | Un enseignant est en service lorsqu'il occupe le poste d'emploi auquel il a été nommé et exerce ses fonctions. |
| Umwarimu afatwa kandi nk'uri mu kazi iyo: | A teacher is also considered to be in service when: | Un enseignant est également considéré comme étant en service lorsqu'il est: |
| 1° ari mu kiruhuko; | 1° on leave; | 1° en congé; |
| 2° ari mu butumwa bw'akazi; | 2° on official mission; | 2° en mission officielle; |
| 3° akurikirana gahunda yo kongera ubushobozi; | 3° pursuing a capacity development program; | 3° en train de poursuivre un programme de développement des capacités; |
| 4° ari mu Itorero ry'Igihugu; | 4° in *Itorero ry'Igihugu*; | 4° dans l'*Itorero ry'Igihugu;* |
| 5° ari ku rugerero. | 5° in national service. | 5° au service national. |
| **<u>Ingingo ya 39</u>: Amoko y'ibiruhuko** | **<u>Article 39</u>: Types of leave** | **<u>Article 39</u>: Types de congé** |
| Amoko y'ibiruhuko ni: | Types of leave are: | Les types de congé sont: |
| 1° ikiruhuko cy'umwaka; | 1° annual leave; | 1° congé annuel; |
| 2° ikiruhuko cy'ingoboka; | 2° incidental leave; | 2° congé de circonstance; |

| | | |
|---|---|---|
| 3° ikiruhuko cyo kubyara; | 3° maternity leave; | 3° congé de maternité; |
| 4° ikiruhuko cy'uburwayi; | 4° sick leave; | 4° congé de maladie; |
| 5° uruhushya. | 5° authorised absence. | 5° permission d'absence. |
| **<u>Ingingo ya 40</u>: Ikiruhuko cy'umwaka** | **<u>Article 40</u>: Annual leave** | **<u>Article 40</u>: Congé annuel** |
| Umwarimu afata ikiruhuko cy'umwaka gihwanye n'iminsi mirongo itatu (30) y'ukwezi gifatwa mu gihe abanyeshuri bari mu kiruhuko. | A teacher is entitled to an annual leave of thirty (30) calendar days taken during school holidays. | Un enseignant bénéficie d'un congé annuel de trente (30) jours calendrier pris pendant la période des vacances scolaires. |
| Amabwiriza ya Minisitiri ufite uburezi mu nshingano agena igihe cy'ikiruhuko cy'abarimu. | The instructions of the Minister in charge of education determine the period of annual leave for teachers. | Les instructions du Ministre ayant l'éducation dans ses attributions déterminent la période de congé des enseignants. |
| Icyakora, Umuyobozi w'ikigo cy'ishuri n'umwungirije ntibashobora gufatira ikiruhuko cy'umwaka icyarimwe. | However, the Head Teacher and the Deputy Head Teacher cannot take their annual leave at the same time. | Toutefois, le Directeur de l'école ainsi que le Préfet ne peuvent pas prendre leurs congés annuels en même temps. |
| **<u>Ingingo ya 41</u>: Imirimo ikorwa n'umwarimu mu gihe abanyeshuri bari mu biruhuko** | **<u>Article 41</u>: Work done by a teacher during school holidays** | **<u>Article 41</u>: Tâches effectuées par l'enseignant pendant les vacances scolaires** |
| Mu gihe abanyeshuri bari mu biruhuko by'amasomo inzego zifite uburezi mu nshingano zishobora kugenera abarimu ibikorwa binyuranye bigamije iterambere ry'uburezi. | During school holidays, institutions in charge of education may assign to teachers various tasks aiming at the development of education. | Pendant les vacances scolaires, les institutions ayant l'éducation dans leurs attributions peuvent organiser, pour les enseignants, diverses activités visant le développement de l'éducation. |

| Ingingo ya 42: Ikiruhuko cy'ingoboka | Article 42: Incidental leave | Article 42: Congé de circonstance |
|---|---|---|
| Umuyobozi wo ku rwego rwa mbere aha ikiruhuko cy'ingoboka umwarimu kubera ibyiza cyangwa ibyago byabaye mu muryango we mu buryo bukurikira: | An immediate supervisor grants incidental leave to a teacher in case of fortunate or unfortunate event that occurs in his or her family as follows: | Un supérieur hiérarchique au premier degré accorde un congé de circonstance à un enseignant à l'occasion des événements heureux ou malheureux survenus dans sa famille comme suit: |
| 1° iminsi ibiri (2) y'akazi iyo yashyingiwe imbere y'amategeko; | 1° two (2) working days in case of his or her civil marriage; | 1° deux (2) jours ouvrables en cas de son mariage civil; |
| 2° iminsi ine (4) y'akazi iyo umugore we yabyaye; | 2° four (4) working days in case of delivery of his wife; | 2° quatre (4) jours ouvrables en cas d'accouchement de son épouse; |
| 3° iminsi itanu (5) y'akazi iyo habaye ingorane zishingiye ku kubyara k'umugore we; | 3° five (5) working days in case of complication related to his wife's delivery; | 3° cinq (5) jours ouvrables en cas de complications liées à l'accouchement de son épouse; |
| 4° iminsi irindwi (7) y'akazi iyo uwo bashyingiranywe yapfuye; | 4° seven (7) working days in case of death of his or her spouse; | 4° sept (7) jours ouvrables en cas de décès de son conjoint; |
| 5° ukwezi kumwe (1) iyo umugore we apfuye agasiga umwana utarageza ku mezi atatu (3); | 5° one (1) month in case his wife dies while leaving a baby of less than three (3) months; | 5° un (1) mois au cas où sa femme meurt en laissant un enfant de moins de trois (3) mois; |
| 6° iminsi itanu (5) y'akazi iyo umwana we cyangwa uwo abereye umubyeyi ataramubyaye apfuye; | 6° five (5) working days in case of death of his or her child or adoptive child; | 6° cinq (5) jours ouvrables en cas de décès de son enfant ou de son enfant adoptif; |
| 7° iminsi ine (4) y'akazi iyo se, nyina, sebukwe cyangwa nyirabukwe yapfuye; | 7° four (4) working days in case of death of his or her father, mother, father-in-law or mother-in-law; | 7° quatre (4) jours ouvrables en cas de décès de son père, sa mère, son beau- père ou sa belle- mère; |

| | | |
|---|---|---|
| 8° iminsi ine (4) y'akazi iyo umuvandimwe bavukana yapfuye; | 8° four (4) working days in case of death of his or her brother or sister; | 8° quatre (4) jours ouvrables en cas de décès de son frère ou sa sœur; |
| 9° iminsi itatu (3) y'akazi iyo sekuru cyangwa nyirakuru yapfuye; | 9° three (3) working days in case of death of his or her grandfather or grandmother; | 9° trois (3) jours ouvrables en cas de décès de son grand-père ou sa grand-mère; |
| 10° iminsi itatu (3) y'akazi iyo yimuriwe aharenze ibirometero mirongo itatu (30) uvuye aho asanzwe akorera. | 10° three (3) working days in case of his or her transfer in distance of more than thirty (30) kilometres from his or her usual place of work. | 10° trois (3) jours ouvrables en cas de sa mutation dans une distance de plus de trente (30) kilomètres de son lieu de travail habituel. |
| Umwarimu uri mu kiruhuko cy'ingoboka akomeza kubona umushahara n'ibindi agenerwa. | A teacher on incidental leave continues to receive his or her salary and fringe benefits. | Un enseignant en congé de circonstance continue de percevoir son salaire et avantages. |
| **<u>Ingingo ya 43</u>: Ikiruhuko cyo kubyara** | **<u>Article 43</u> Maternity leave** | **<u>Article 43:</u> Congé de maternité** |
| Umwarimukazi wabyaye afite uburenganzira ku kiruhuko cyo kubyara kingana n'ibyumweru cumi na bibiri (12) bikurikirana birimo ibyumweru bibiri (2) ashobora gufata mbere yo kubyara. | A female teacher who gives birth has the right to maternity leave of twelve (12) consecutive weeks including two (2) weeks she may take before delivery. | Une enseignante qui accouche a droit à un congé de maternité de douze (12) semaines consécutives y compris deux (2) semaines qu'elle peut prendre avant l'accouchement. |
| Umwarimukazi ushaka kujya mu kiruhuko cyo kubyara aha umuyobozi we wo ku rwego rwa mbere icyemezo cya muganga wemewe na Leta kigaragaza ko agiye kubyara. | A female teacher who wishes to take her maternity leave transmits to her immediate supervisor a certificate issued by a recognised medical doctor attesting that she is going to give birth. | Une enseignante qui désire prendre son congé de maternité transmet à son supérieur hiérarchique un certificat médical délivré par un médecin agréé attestant qu'elle va accoucher. |
| Umwarimukazi wabyaye umwana upfuye cyangwa upfushije umwana utaramara ukwezi | A female teacher who gives birth to a still-born baby or whose new-born dies before one (1) | Une enseignante qui accouche d'un mort-né ou celle dont le nouveau-né meurt avant un (1) |

| | | |
|---|---|---|
| kumwe (1) ahabwa ikiruhuko cy'ibyumweru bine (4) uhereye igihe yabyariye umwana upfuye cyangwa igihe umwana wavutse yapfiriye. | month is entitled to a leave of four (4) weeks from the date of birth of the still-born baby or of the date of death of the new-born. | mois de sa naissance, bénéficie d'un congé de quatre (4) semaines à compter de la date de naissance du bébé mort-né ou de la date du décès du nouveau-né. |
| **Ingingo ya 44: Ikiruhuko cy'inyongera mu gihe habaye ingorane zishingiye ku kubyara** | **Article 44: Additional leave in case of complications related to delivery** | **Article 44: Congé supplémentaire en cas de complications liées à l'accouchement** |
| Iyo habayeho ingorane zishingiye ku kubyara, umuyobozi wo ku rwego rwa mbere aha umwarimukazi ikiruhuko cy'inyongera gihemberwa kitarenze ukwezi kumwe (1). Umuganga wemewe na Leta atanga icyemezo kigaragaza ko habaye ingorane zishingiye ku kubyara mbere y'uko ikiruhuko cy'inyongera gitangwa. | In case of complications related to delivery, the immediate supervisor grants the female teacher an additional paid leave not exceeding one (1) month. A recognised medical doctor issues a certificate attesting that there have been complications related to delivery prior to the grant of the additional leave. | En cas de complications liées à l'accouchement, le supérieur hiérarchique au premier degré accorde à l'enseignante un congé supplémentaire payé ne dépassant pas un (1) mois. Un médecin agréé émet un certificat attestant qu'il y eu des complications liées à l'accouchement avant l'octroi du congé supplémentaire. |
| **Ingingo ya 45: Ibigenerwa umwarimukazi uri mu kiruhuko cyo kubyara** | **Article 45: Maternity leave benefits granted to a female teacher** | **Article 45: Prestations de congé de maternité accordées à une enseignante** |
| Ibigenerwa umwarimukazi uri mu kiruhuko cyo kubyara bigenwa n'amategeko abigenga. | Maternity leave benefits are granted to a female teacher in accordance with relevant laws. | Les prestations de congé de maternité sont accordées à une enseignante conformément à la législation en la matière. |
| **Ingingo ya 46: Impurirane y'ibiruhuko** | **Article 46: Coincidence of leaves** | **Article 46: Coïncidence des congés** |
| Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 42 y'iri teka, iyo ikiruhuko cy'umwaka gihuye n'ikiruhuko cy'ingoboka cyangwa ikiruhuko cyo kubyara, ikiruhuko cy'umwaka kirasubikwa kikazakomeza nyuma y'ikiruhuko cy'ingoboka cyangwa icyo kubyara. | Without prejudice to provisions of Article 42 of this Order, when annual leave coincides with incidental leave or maternity leave, the annual leave is suspended and resumes after the incidental leave or maternity leave. | Sans préjudice des dispositions de l'article 42 du présent arrêté, en cas de coïncidence du congé annuel et du congé de circonstance ou de maternité, le congé annuel est suspendu et reprend après le congé de circonstance ou de maternité. |

| | | |
|---|---|---|
| Iyo ikiruhuko cy'ingoboka gihuriranye n'ikindi, iminsi yagenewe ikiruhuko kimwe yiyongera ku yagenewe ikindi. | In the event of coincidence of incidental leaves, the days of leave granted to the teacher are accumulated. | En cas de coïncidence des congés de circonstances, les jours de congé accordés à l'enseignant sont accumulés. |
| **<u>Ingingo ya 47</u>: Igihe cyo konsa** | **<u>Article 47</u>: Breastfeeding period** | **<u>Article 47:</u> Période d'allaitement** |
| Mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) nyuma y'ikiruhuko cyo kubyara, Ubuyobozi bw'ishuri bworohereza umwarimukazi wabyaye gufata igihe cyo konsa cy'isaha imwe (1) ku munsi, gifatwa mu masaha y'akazi. | During twelve (12) months, after maternity leave, a female teacher who gives birth is entitled to breastfeeding time of one (1) hour per day, taken during working hours. | Pendant douze mois (12), après son congé de maternité, une enseignante qui accouche a droit à une période d'allaitement d'une (1) heure par jour, prise pendant les heures de travail. |
| **<u>Ingingo ya 48</u>: Ikiruhuko kigufi cy'uburwayi** | **<u>Article 48</u>: Short-term sick leave** | **<u>Article 48:</u> Congé de maladie de courte durée** |
| Umuyobozi wo ku rwego rwa mbere aha umwarimu ikiruhuko kigufi cy'uburwayi kitarengeje iminsi cumi n'itanu (15) kubera impamvu z'uburwayi zemejwe na muganga wemewe na Leta. | An immediate supervisor grants to a teacher a short-term sick leave not exceeding fifteen (15) days for reasons of sickness ascertained by a recognised medical doctor. | Le supérieur hiérarchique au premier degré accorde à l'enseignant un congé de maladie de courte durée ne dépassant pas quinze (15) jours pour des raisons de maladie attestées par un médecin agréé. |
| **<u>Ingingo ya 49</u>: Ikiruhuko kirekire cy'uburwayi** | **<u>Article 49</u>: Long-term sick leave** | **<u>Article 49:</u> Congé de maladie de longue durée** |
| Umuyobozi wo ku rwego rwa mbere aha umwarimu ikiruhuko cy'uburwayi kirengeje iminsi cumi n'itanu (15) ariko kitarenze amezi atandatu (6) nyuma yo kwerekana raporo y'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta mu Rwanda cyangwa raporo y'umuganga wemewe mu mahanga iyo umwarimu yagiye kwivuza mu mahanga mu buryo bwemewe, | An immediate supervisor grants to a teacher a sick leave exceeding fifteen (15) days but not exceeding six (6) months upon presentation of a medical report issued by a committee of three (3) recognized medical doctors in Rwanda, or a medical report issued by a recognized doctor abroad if the teacher has legally gone abroad for treatment attesting that the teacher is unable to | Le supérieur hiérarchique au premier degré accorde à l'enseignant un congé de maladie d'une durée supérieure à quinze (15) jours mais ne dépassant pas six (6) mois sur présentation d'un rapport médical établi par un comité de trois (3) médecins agréés au Rwanda ou d'un rapport médical d'un médecin agréé à l'étranger lorsque l'enseignant s'est légalement rendu à |

| | | |
|---|---|---|
| yemeza ko umwarimu adashoboye gukora, bikamenyeshwa ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali cyangwa ubw'Akarere. | work, and the authority of the City of Kigali or the District is informed about. | l'étranger pour se faire soigner, attestant que l' enseignant est incapable de travailler , et l' autorité de la Ville de Kigali ou du District en est informée. |
| Umwarimu uhawe ikiruhuko kirekire cy'uburwayi afite uburenganzira ku mushahara we wose mu gihe cy'amezi atatu (3) abanza no kuri bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara we ku yandi mezi atatu (3). | A teacher who is granted a long-term sick leave is entitled to his or her full salary during the first three (3) months and two-thirds (2/3) of the salary for the other three (3) months. | Un enseignant qui bénéficie d'un congé de maladie de longue durée a droit à la totalité de son salaire pendant les trois (3) premiers mois et deux tiers (2/3) de son salaire pour les autres trois (3) mois. |
| Nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi, umwarimu asubira mu kazi abanje kwereka umuyobozi wo ku rwego rwa mbere icyemezo cyatanzwe na muganga wemewe na Leta kigaragaza ko umwarimu afite intege z'umubiri n'ubwenge bimushoboza gusubira mu kazi. | At the end of a long-term sick leave, the teacher returns to work and resumes duties after presenting to the immediate supervisor a medical certificate issued by a recognized doctor ascertaining that he or she is physically and mentally able to resume work. | À la fin d'un congé de maladie de longue durée, l'enseignant retourne au travail et reprend ses fonctions après avoir présenté à son supérieur hiérarchique au premier degré un certificat médical délivré par un médecin agréé attestant qu'il est physiquement et mentalement apte à reprendre le travail. |
| Iyo umwarimu adashoboye gusubira mu kazi nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo asezererwa mu kazi n'umuyobozi wamushyize mu mwanya. | If the teacher is not able to resume work after the expiry of the long sick term leave period referred to under Paragraph One of this Article, he or she is removed from office by the authority who appointed him or her. | Lorsque l'enseignant ne peut pas reprendre son travail après l'expiration de la période de congé de maladie de longue durée prévue à l'alinéa premier du présent article, il est démis de ses fonctions par l'autorité qui l'a nommé. |
| **<u>Ingingo ya 50</u>: Uruhushya** | **<u>Article 50</u>: Authorised absence** | **<u>Article 50:</u> Permission d'absence** |
| Ku mpamvu zumvikana, umuyobozi wo ku rwego rwa mbere ashobora guha umwarimu uruhushya rwanditse rutarengeje umunsi umwe (1) kandi rutavanwa mu minsi y'ikiruhuko cy'umwaka. | For justified reasons, the immediate supervisor may grant to a teacher a written authorised absence from work for one (1) day maximum not deducted from annual leave. | Pour des raisons justifiées, le supérieur hiérarchique au premier degré peut accorder à un enseignant une permission d'absence écrite au travail d'un (1) jour au maximum non déduit du congé annuel. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyakora, umuyobozi wo ku rwego rwa mbere ntatanga uruhushya ngo arenze iminsi icumi (10) mu mwaka. | However, the immediate supervisor does not grant an authorised absence for more than ten (10) days per year. | Toutefois, le supérieur hiérarchique au premier degré n'accorde pas de permission d'absence au-delà de dix (10) jours par an. |
| **Ingingo ya 51: Ubutumwa bw'akazi** | **Article 51: Official mission** | **Article 51: Mission officielle** |
| Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora kohereza umwarimu mu butumwa bw'akazi imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga, mu nyungu z'akazi, hakurikijwe amategeko abigenga. | A competent authority may send a teacher on official mission within or outside the country in the interest of service, in accordance with relevant laws. | Une autorité compétente peut envoyer un enseignant en mission officielle à l'intérieur ou à l'extérieur du pays, dans l'intérêt du service, conformément à la législation en la matière. |
| **Ingingo ya 52: Kongera ubushobozi** | **Article 52: Capacity development** | **Article 52: Développement des capacités** |
| Umwarimu afite uburenganzira n'inshingano zo gukurikirana gahunda zo kubaka ubushobozi kugira ngo yongere ubunararibonye n'ubumenyi hakurikijwe amategeko abigenga. | A teacher has the right and the duty to undertake capacity development programs to improve his or her expertise and knowledge, in accordance with relevant laws. | Un enseignant a le droit et l'obligation de suivre des programmes de développement des capacités afin d'améliorer son expertise et ses connaissances, conformément à la législation en la matière. |
| Amahugurwa ahoraho yo guteza imbere umwuga (CPD) w'ubwarimu atangwa mu nyigisho zirimo izi zikurikira: | Continuing Profession Development (CPD) Courses for teachers are organised in subjects including: | Les cours de Formation Continue de Développement de la Profession (CPD) des enseignants sont notamment organisés dans les domaines suivants: |
| 1° imyigishirize; | 1° pedagogical and Instructional; | 1º Cours pédagogique; |
| 2° isuzumabumenyi n'isuzumabushobozi; | 2° measurement and assessment; | 2º évaluation des capacités; |
| 3° uburezi budaheza; | 3° inclusive education; | 3º éducation inclusive; |

| | | |
|---|---|---|
| 4° gufasha guhitamo inyigisho no gutanga inama; | 4° guidance and counselling; | 4º orientation et conseils; |
| 5° kwinjiza ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumahano mu myigire n'imyigishirize; | 5° integration of Information and Communication Technology in teaching and learning; | 5º intégration de la Technologie de la Communication et de l'Information dans l'enseignement et l'apprentissage; |
| 6° kwiyumvamo inshingano n'indangagaciro; | 6° self-awareness and values formation; | 6º auto-conscience et valeurs; |
| 7° gufasha guhitamo icyerekezo. | 7° mentoring and coaching. | 7º guide et orientation. |
| Inzego zishinzwe uburezi zifite inshingano yo kugenera ingengo y'imari, guhuza ibikorwa, gutegura, kuyobora, kugenzura no gusuzuma ibyavuye mu mahugurwa ya CPD yatanzwe. | Institutions in charge of education have the responsibilities for budgeting, coordinating, planning, leading, monitoring and evaluating the outcome of CPD courses offered. | Les institutions chargées de l'éducation ont pour attributions la préparation du budget, la coordination, l'organisation, l'orientation, le suivi et l'évaluation du résultat des cours de CPD délivrés. |
| **<u>Akiciro ka 2</u>: Iyimurwa ry'umwarimu** | **<u>Sub-section 2</u>: Transfer of a teacher** | **<u>Sous section 2:</u> Mutation d'un enseignant** |
| **<u>Ingingo ya 53</u>: Gusaba iyimurwa** | **<u>Article 53</u>: Request for transfer** | **<u>Article 53</u>: Demande de mutation** |
| Umwarimu ashobora gusaba mu nyandiko Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere kuva ku kigo cy'ishuri ajya ku kindi adahinduye intera y'urwego yari asanzweho. | A teacher may apply in writing to the Mayor of the City of Kigali or to the Mayor of District, for transfer from one school to another without changing the grade of his or her category. | Un enseignant peut demander par écrit au Maire de la Ville de Kigali ou au Maire du District, une mutation d'une école à une autre sans toutefois changer le grade de sa catégorie. |
| **<u>Ingingo ya 54</u>: Gusaba iyimurwa** | **<u>Article 54</u>: Request for transfer** | **<u>Article 54</u>: Demande de mutation** |
| Umwarimu wifuza gusaba kwimuka ava mu Mujyi wa Kigali cyangwa Akarere ajya ahandi, cyangwa guhindura ikigo cy'ishuri atanga ibi bikurikira: | A teacher who wishes to apply for transfer from the City of Kigali or a District to another or transfer to another school submits the following: | Un enseignant qui désire demander une mutation de la Ville de Kigali ou du District à un autre ou mutation d'une école à une autre soumet les documents suivants: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° ibaruwa ibisaba yandikirwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere w'aho ishuri yigishamo riherereye. Iryo saba rikorwa nibura hasigaye ukwezi kumwe kugira ngo umwaka w'amashuri urangire; | 1° a request letter addressed to the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of the District in which the school where he or she teaches is located. The request is filed at least one (1) month before the end of the current school year; | 1° une lettre de demande adressée au Maire de la Ville de Kigali ou au Maire du District du lieu de l'école dans laquelle il enseigne. La demande est déposée au moins un (1) mois avant la fin de l'année scolaire en cours; |
| 2° icyemezo cy'uko yagize amanota y'isuzumamikorere atari munsi ya mirongo irindwi ku ijana (70%) mu mwaka w'amashuri atangiyemo ubwo busabe; | 2° a proof that he or she has scored at least 70% during performance evaluation of the school year during which he or she is applying for transfer; | 2° une preuve qu'il a obtenu au moins 70% dans l'évaluation des performances de l'année scolaire pendant laquelle il demande la mutation; |
| 3° icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umugenzuzi w'uburezi ku rwego rw'Umurenge amaze kugisha inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishamo; | 3° a declaration of the teacher's good conduct at work issued by the Sector Education Inspector after consultation with the Head teacher of the school where the applicant is working; | 3° une preuve de bonne conduite au service émise par l'inspecteur de l'éducation au niveau du secteur après consultation du directeur de l'école où travaille l'enseignant; |
| 4° icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere w'aho ishuri yifuza kujya kwigishamo riherereye kigaragaza ko aho yifuza kujya kwigisha hari umwanya; | 4° a declaration by the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of the District of destination, which certifies that there is a vacant position in the school that the applicant would like to join; | 4° une déclaration du Maire de la Ville de Kigali ou du Maire du District de destination certifiant qu'il y a un poste vacant dans l'école où l'enseignant souhaite être muté; |
| 5° icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe. | 5° a declaration by the Head teacher of the school of origin, which certifies that the departure of the teacher will not leave any gap. | 5° une déclaration du directeur de l'école d'origine certifiant que le départ de l'enseignant ne laissera aucune lacune. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 55</u>: Iyimurwa ry'umwarimu ku bw'inyungu z'akazi** | **<u>Article 55</u>: Transfer of a teacher in the interest of service** | **<u>Article 55</u>: Mutation d'un enseignant dans l'intérêt du service** |
| Ku bw'inyungu z'akazi, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere ashobora kwimurira umwarimu utabisabye mu rindi shuri riri mu Mujyi wa Kigali cyangwa mu Karere umwarimu yigishamo. | In the interest of service, the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of District may transfer a teacher, without the teacher's request, to another school located in the City of Kigali or the same District. | Dans l'intérêt du service, le Maire de la Ville de Kigali ou le Maire du District peut muter un enseignant qui ne le demande pas, dans une autre école située dans la Ville de Kigali ou dans le même District. |
| Amafaranga yo kwimuka k'umwarimu wimuwe abisabwe n'umukoresha atangwa n'umukoresha. Minisitiri ufite uburezi mu nshingano agena ingano y'ayo mafaranga n'uburyo atangwa. | Expenses related to transport in case of teacher's transfer initiated by the employer are borne by the employer. The Minister in charge of education determines the amount and modalities for allocation of the fees. | Les frais de déplacement de l'enseignant muté à l'initiative de l'employeur sont supportés par l'employeur. Le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions détermine le montant et les modalités d'allocation de ces frais. |
| **<u>Ingingo ya 56</u>: Igihe cy'iyimurwa ry'umwarimu** | **<u>Article 56</u>: Period of transfer of a teacher** | **<u>Article 56</u>: Période de mutation d'un enseignant** |
| Umwarimu ntashobora kuva mu Mujyi wa Kigali cyangwa mu Karere ngo yimurirwe ahandi, mbere y'uko umwaka w'amashuri urangira. Icyakora, umwarimu ashobora kwimurwa atabisabye, bikozwe n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere, hagati mu mwaka w'amashuri ku bw'inyungu z'akazi. | A teacher cannot be transferred from the City of Kigali or a District to another before the end of the school year. However, a teacher may be transferred by the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of the District in the course of the school year, without his or her request, in the interest of service. | Un enseignant ne peut pas être muté de la Ville de Kigali ou du District à un autre avant la fin de l'année scolaire. Toutefois, un enseignant peut être muté par le Maire de la Ville de Kigali ou le Maire du District au cours de l'année scolaire, sans qu'il le demande, dans l'intérêt du service. |
| Umwarimu ntashobora kwimurwa atararangiza igihe cy'igeragezwa. | A teacher cannot be transferred before the end of the probation period. | Un enseignant ne peut pas être muté avant la fin du stage probatoire. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 57</u>: Uburenganzira bw'Umwarimu wimuwe** | **<u>Article 57</u>: Rights of a teacher who is transferred** | **<u>Article 57</u>: Droits d'un enseignant muté** |
| Umwarimu wimuwe agumana uburenganzira ku ntera yari agezeho hashingiwe ku burambe n'imikorere afite mu kazi. | A teacher who is transferred retains his or her right to the grading previously held depending on his or her professional experience and performance. | Un enseignant muté conserve son droit au grade précédemment détenu en fonction de son expérience professionnelle et sa performance. |
| **<u>Akiciro ka 3</u>: Ugutizwa** | **<u>Subsection 3</u>: Secondment** | **<u>Sous-section 3:</u> Détachement** |
| **<u>Ingingo ya 58</u>: Itizwa ry'umwarimu** | **<u>Article 58</u>: Secondment of a teacher** | **<u>Article 54:</u> Détachement d'un enseignant** |
| Umwarimu aba atijwe, kubera inyungu z'akazi**,** iyo ahawe gukora by'agateganyo mu: | A teacher is on secondment when, in the interest of service, he or she is temporally assigned to work for: | Un enseignant est en détachement lorsque, dans l'intérêt du service, il est temporairement assigné à travailler au sein: |
| 1° rindi shuri rya Leta; | 1° another public school; | 1° d'une autre école publique; |
| 2° ishuri ry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano; | 2° a subsidized school; | 2° d'une école conventionnée; |
| 3° ishuri ryigenga; | 3° a private school; | 3° d'une école privée; |
| 4° mushinga cyangwa gahunda bya Leta. | 4° a Government project or programme. | 4° d'un projet ou un programme du gouvernement. |
| Itizwa ry'umwarimu ryemezwa mu nyandiko n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere umwarimu yigishamo amaze kugisha inama Minisitiri ufite uburezi mu nshingano. | The secondment of a teacher is decided in writing by the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of the District where the teacher is working after consultation with the Minister in charge of education. | Le détachement d'un enseignant est décidé par écrit par le Maire de la Ville de Kigali ou le Maire du District où l'enseignant travaille après consultation avec le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions. |

| | | |
|---|---|---|
| Umwarimu utijwe agengwa n'amategeko y'aho yatijwe.<br><br>Umwarimu utijwe ahabwa umushahara, ibindi agenerwa cyangwa byombi n'aho yatijwe.<br><br>**<u>Ingingo ya 59</u>: Igihe cy'itizwa**<br><br>Igihe itizwa rimara kigenwa n'umuyobozi watije umwarimu.<br><br>**<u>Ingingo ya 60</u>: Kurangira kw'itizwa**<br><br>Iyo itizwa rirangiye bidatewe n'impamvu z'amakosa yakozwe n'umwarimu watijwe, asubira mu kigo cy'ishuri yigishagamo kandi igihe yamaze atijwe kikitabwaho mu mizamukire ye mu ntera.<br><br>Iyo itizwa rirangiye bitewe n'amakosa yakozwe n'umwarimu watijwe, urwego rwamutije rusuzuma amakosa yakozwe rugafata icyemezo rumaze kugisha inama Minisitiri ufite uburezi mu nshingano. | The seconded teacher is governed by laws governing the institution to which he or she is seconded.<br><br>The seconded teacher receives a salary, fringe benefits or both, from the receiving institution.<br><br>**<u>Article 59</u>: Duration of secondment**<br><br>The duration of secondment is determined by the seconding authority.<br><br>**<u>Article 60</u>: End of the secondment**<br><br>If secondment ends, for reasons not related to faults committed by the seconded teacher, he or she returns to his or her original school and the period of secondment is taken into consideration in his or her promotion.<br><br>If secondment ends, subjected to faults committed by the seconded teacher, the seconding institution assesses the faults committed and decides upon the case after consultation with the Minister in charge of education. | Un enseignant détaché est régi par la législation régissant l'institution à laquelle il est détaché.<br><br>Un enseignant détaché reçoit un salaire, les avantages ou les deux de l'institution d'accueil.<br><br>**<u>Article 59:</u> Durée du détachement**<br><br>La durée du détachement est déterminée par l'autorité qui détache l'enseignant.<br><br>**<u>Article 60:</u> Fin du détachement**<br><br>Lorsque le détachement prend fin, pour une cause autre que des fautes commises par l'enseignant détaché, ce dernier regagne son école d'origine et la période de détachement est prise en compte dans sa promotion.<br><br>Lorsque le détachement prend fin, à cause des fautes commises par l'enseignant détaché, l'institution qui l'a détaché évalue les fautes commises et statue sur le cas après consultation avec le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Akiciro ka 4</u>: Guhagarikwa ku murimo by'agateganyo** | **<u>Subsection 4</u>: Suspension from duties** | **<u>Sous-section 4:</u> Suspension des fonctions** |
| **<u>Ingingo ya 61</u>: Impamvu zo guhagarikwa ku murimo by'agateganyo** | **<u>Article 61</u>: Reasons for suspension from duties** | **<u>Article 61:</u> Motifs de suspension des fonctions** |
| Umwarimu ahagarikwa ku murimo by'agateganyo, iyo: | A teacher is suspended from duties if: | Un enseignant est suspendu des fonctions si: |
| 1° afunzwe by'agateganyo mu gihe kirenze iminsi cumi n'itanu (15); | 1° he or she is provisionally detained for a period exceeding fifteen (15) days; | 1° il est détenu provisoirement pour une période qui dépasse quinze (15) jours; |
| 2° akurikiranyweho ikosa ryo mu rwego rw'akazi rishobora gutuma ahanishwa igihano cyo mu rwego rwa kabiri iyo: | 2° he or she is subject to disciplinary proceedings for a fault that may lead to a sanction of the second category if: | 2° il est poursuivi pour une faute disciplinaire pouvant entraîner une sanction de la seconde catégorie si: |
| a. ihagarikwa ry'agateganyo ari bwo buryo bwonyine bwo gutuma ukurikiranywe adasibanganya ibimenyetso cyangwa atotsa igitutu abatangabuhamya; | a. the provisional suspension is the only way to prevent the suspected teacher from disposing of evidence or exerting pressure on witnesses; | a. la suspension provisoire est le seul moyen d'empêcher l'enseignant soupçonné de se débarrasser de preuves ou d'exercer une pression sur les témoins; |
| b. uburemere bw'ikosa ryo mu kazi, uburyo ryakozwemo cyangwa inkurikizi ryateye byagira ingaruka ku isura y'ishuri yigishamo mu gihe adahagaritswe. | b. the serious nature of the disciplinary fault, circumstances under which it was committed or the level of harm caused may undermine the image of the employing school in case he or she is not suspended. | b. la gravité de la faute disciplinaire, les circonstances dans lesquelles elle a été commise ou le préjudice causé peut porter atteinte à l'image de l'école d'emploi s'il n'est pas suspendu. |
| Umwarimu uvugwa mu gace ka mbere k'iyi ngingo ahagarikwa ku murimo by'agateganyo n'umuyobozi we wo ku rwego rwa mbere, | The teacher referred to in point 1° of this Article is provisionally suspended by the immediate supervisor, while the teacher referred to in point | L'enseignant mentionné au point 1° du présent article est provisoirement suspendu par le superviseur hiérarchique au premier degré, |

| | | |
|---|---|---|
| naho umwarimu uvugwa mu gace ka 2° k'iyi ngingo ahagarikwa by'agateganyo n'umugenzuzi w'uburezi ku rwego rw'Umurenge ishuri yigishamo riherereyemo. | 2° of this Article is provisionally suspended by the Sector Education Inspector where the school in which the teacher works is located. | tandis que l'enseignant visé au point 2° du présent article est provisoirement suspendu par l'inspecteur de l'éducation au niveau du Secteur où se trouve l'école dans laquelle l'enseignant travaille. |
| **<u>Ingingo ya 62</u>: Uburenganzira ku mushahara bw'umwarimu wahagaritswe ku mirimo by'agateganyo** | **<u>Article 62</u>: Right to salary of a teacher provisionally suspended from duties** | **<u>Article 62:</u> Droit au salaire d'un enseignant provisoirement suspendu de ses fonctions** |
| Umushahara w'umwarimu uvugwa mu gace ka 1° n'aka 2° tw'ingingo ya 61 y'iri teka ukomeza kubarwa akanawubikirwa mu gihe cy'ihagarikwa ku murimo ry'agateganyo. | The salary of a teacher referred to under points 1° and 2° of Article 61 of this Order continues to be calculated and retained for the teacher during the period of suspension. | Le salaire d'un enseignant mentionné aux points 1° et 2° de l'article 61 du présent arrêté continue d'être calculé et retenu pour cet enseignant pendant la période de suspension. |
| Iyo uwo mwarimu agizwe umwere cyangwa nta kosa ryo mu kazi rimuhamye, ahabwa umushahara yabikiwe. | If the teacher is acquitted or found innocent of the disciplinary fault, he or she receives the salary retained for him or her. | Si l'enseignant est acquitté ou déclaré innocent de la faute disciplinaire, il reçoit le salaire retenu pour lui. |
| Iyo uwo mwarimu ahamwe n'icyaha cyangwa ahaniwe ikosa ryo mu kazi, atakaza uburenganzira ku mushahara yabikiwe. | If that teacher is convicted or sanctioned for a disciplinary fault, he or she loses the right to the retained salary. | Lorsque cet enseignant est reconnu coupable ou sanctionné pour faute disciplinaire, il perd le droit au salaire retenu. |
| **<u>Ingingo ya 63</u>: Igihe guhagarikwa ku murimo by'agateganyo bimara** | **<u>Article 63</u>: Duration of provisional suspension from duties** | **<u>Article 63:</u> Durée de suspension provisoire des fonctions** |
| Igihe cy'ihagarikwa ku murimo ry'agateganyo ku mwarimu uvugwa mu gace ka 1° k'ingingo ya 61 y'iri teka ntigishobora kurenza amezi atandatu (6). | The duration of provisional suspension of a teacher referred to under point 1° of Article 61 of this Order does not exceed six (6) months. | La durée de suspension provisoire d'un enseignant mentionné au point 1° de l'article 61 du présent arrêté ne dépasse pas six (6) mois. |
| Igihe cy'ihagarikwa ku murimo ry'agateganyo | The duration of provisional suspension of a | La durée de suspension provisoire d'un |

| | | |
|---|---|---|
| ku mwarimu uvugwa mu gace ka 2º k'ingingo ya 61 y'iri teka ntigishobora kurenza amezi atatu (3). | teacher referred to under Point 2° of Article 61 of this Order does not exceed three (3) months. | enseignant mentionné au 2° de l'article 61 du présent arrêté ne dépasse pas trois (3) mois. |
| **<u>Ingingo ya 64</u>: Irangira ryo guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo rishingiye ku ifungwa ry'agateganyo** | **<u>Article 64:</u> End of provisional suspension from duties due to detention** | **<u>Article 64:</u> Fin de la suspension provisoire des fonctions due à la détention provisoire** |
| Umwarimu wahagaritswe ku mirimo by'agateganyo kubera ko afunzwe by'agateganyo asubira mu kazi iyo mbere y'amezi atandatu (6): | A teacher provisionally suspended from duties due to provisional detention resumes work if, before six (6) months, he or she: | Un enseignant provisoirement suspendu de ses fonctions en raison de sa détention provisoire reprend son travail si, avant six (6) mois, il: |
| 1° afunguwe by'agateganyo; | 1° is provisionally released; | 1° est provisoirement libéré; |
| 2° agizwe umwere; | 2° is acquitted; | 2° est acquitté; |
| 3° akatiwe igifungo gisubitswe kiri munsi y'amezi atandatu (6). | 3° is sentenced to a suspended penalty of imprisonment term of less than six (6) months. | 3° est condamné à une peine d'emprisonnement de moins de six (6) mois avec sursis. |
| **<u>Akiciro ka 5</u>: Guhagarika akazi mu gihe kizwi** | **<u>Subsection 5</u>: Leave of absence for a specific period** | **<u>Sous-section 5:</u> Mise en disponibilité pour une durée déterminée** |
| **<u>Ingingo ya 65</u>: Impamvu zo guhagarika akazi mu gihe kizwi** | **<u>Article 65</u>: Reasons for leave of absence for a specific period** | **<u>Article 65:</u> Motifs de la mise en disponibilité pour une durée déterminée** |
| Guhagarika akazi mu gihe kizwi ni igihe umwarimu yemererwa guhagarika imirimo ye mu gihe kizwi kubera imwe mu mpamvu zikurikira: | Leave of absence for a specific period is a situation where a teacher is authorised to stop working for a specific period of time due to one of the following reasons: | La mise en disponibilité pour une durée déterminée est une situation dans laquelle un enseignant est autorisé à suspendre ses fonctions pour une période déterminée pour l'un des motifs suivants: |

| | | |
|---|---|---|
| 1° kurwaza uwo bashyingiranywe, umubyeyi we, umwana we cyangwa umuvandimwe igihe kitarenze amezi atatu (3) gishobora kongerwa inshuro imwe iyo hari impamvu zumvikana zitanzwe n'uwo mwarimu mbere y'uko igihe yahawe kirangira; | 1° to provide care to his or her sick spouse, parent, child, sister or brother for a period not exceeding three (3) months which may be renewed once upon justifiable reasons provided for by the teacher before expiry of the allocated period; | 1° s'occuper de son conjoint, de son parent, de son enfant, de sa sœur ou de son frère malade pendant une période ne dépassant pas trois (3) mois, renouvelable une fois pour des motifs justifiés fournis par l'enseignant avant l'expiration du délai lui accordé; |
| 2° guherekeza uwo bashyingiranywe wimukiye mu mahanga kubera impamvu z'akazi mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1); | 2° to accompany his or her spouse who moves abroad due to work related reasons for a period not exceeding one (1) month; | 2° accompagner son conjoint qui va s'établir à l'étranger pour des raisons de service pour une période ne dépassant pas un (1) mois; |
| 3° indi mpamvu yose yemewe na Minisitiri ufite uburezi mu nshingano abisabwe n'uwo mwarimu binyujijwe ku Muyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere abereye umukozi. Igihe ahabwa ntigishobora kurenza amezi atatu (3). | 3° any other reason approved by the Minister in charge of education upon request of the teacher through the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of the District employing him or her. The granted period cannot exceed three (3) months. | 3° tout autre motif approuvé par le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions à la demande de l'enseignant à travers le Maire de la Ville de Kigali ou le Maire du District qui l'emploie. La durée accordée ne peut pas dépasser trois (3) mois. |
| **Ingingo ya 66: Ingaruka zo guhagarika akazi mu gihe kizwi** | **Article 66: Effects of leave of absence for a specific period** | **Article 66: Effets de la mise en disponibilité pour une durée déterminée** |
| Umwarimu wemerewe guhagarika akazi mu gihe kizwi ntagira uburenganzira ku mushahara n'ibindi yagenerwaga. | A teacher authorised for leave of absence for a specific period is not entitled to his or her salary and fringe benefits. | Un enseignant autorisé à la mise en disponibilité pour une durée déterminée n'a pas droit à son salaire et avantages. |
| Iyo igihe cy'ihagarika ry'akazi mu gihe kizwi kirangiye, umwarimu asubira ku mirimo ye. | When the period for leave of absence for a specific period ends, the teacher resumes his or her duties. | Lorsque la période de la mise en disponibilité pour une durée déterminée prend fin, l'enseignant reprend ses fonctions. |

| | | |
|---|---|---|
| Umwarimu utagarutse ku mirimo ye nyuma y'icyo gihe afatwa nk'uwataye akazi. | A teacher who does not resume his or her duties after the expiry of the period is presumed to have deserted his or her position. | Un enseignant qui ne reprend pas ses fonctions après l'expiration de ce délai est présumé avoir abandonné son poste. |
| **<u>Ingingo ya 67</u>: Uburyo guhagarika akazi mu gihe kizwi bikorwa** | **<u>Article 67</u>: Modalities for leave of absence for a specific period** | **<u>Article 67:</u> Modalités de mise en disponibilité pour une durée déterminée** |
| Umwarimu asaba mu nyandiko guhagarika akazi mu gihe kizwi umuyobozi wamushyize mu mwanya kandi akabihererwa icyemezo cy'iyakira. | A teacher requests in writing the leave of absence for a specific period to the appointing authority and the teacher is given an acknowledgment of receipt. | Un enseignant demande, par écrit, la mise en disponibilité pour une durée déterminée à l'autorité d'affectation et l'enseignant en reçoit l'accusé de réception. |
| Umwarimu usabye guhagarika akazi mu gihe kizwi aguma ku mirimo ye kugeza igihe aboneye igisubizo ku busabe bwe. | A teacher who requests for leave of absence for a specific period continues to fulfil his or her duties until the response to his or her request is given. | Un enseignant qui demande la mise en disponibilité pour une durée déterminée continue d'assumer ses fonctions jusqu'à la réponse sur sa demande. |
| Icyakora, iyo hashize igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi umuyobozi washyize umwarimu mu mwanya yaboneyeho ibaruwa ibisaba kandi umwarimu atarasubizwa mu nyandiko, guhagarika akazi mu gihe kizwi bifatwa ko byemewe. | However, if fifteen (15) days from the receipt of the request by the appointing authority expire with no written response to the teacher, the leave of absence for a specific period is considered as granted. | Toutefois , si le délai de quinze (15) jours à compter de la réception de la demande par l 'autorité d'affectation expire sans réponse écrite à l'enseignant , la mise en disponibilité pour une durée déterminée est réputée acceptée . |
| Umuyobozi washyize umwarimu mu mwanya ashobora kutemerera umwarimu guhagarika akazi mu gihe kizwi kubera inyungu z'akazi. | The appointing authority may not grant to a teacher a leave of absence for a specific period in the interest of the service. | L'autorité d'affectation peut refuser à un enseignant la mise en disponibilité pour une durée déterminée dans l'intérêt du service. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA VII</u>: ISIMBURWA RY'AGATEGANYO RY'UMWARIMU** | **<u>CHAPTER VII</u>: TEMPORARY REPLACEMENT OF A TEACHER** | **<u>CHAPITRE VII:</u> REMPLACEMENT TEMPORAIRE D'UN ENSEIGNANT** |
| **<u>Ingingo ya 68</u>: Igihe umwarimu asimburwa by'agateganyo** | **<u>Article 68</u>: Circumstances of temporary replacement of the teacher** | **<u>Article 68</u>: Circonstances du remplacement temporaire de l'enseignant** |
| Umwarimu, ku mpamvu iyo ari yo yose, uhagaritse akazi by'agateganyo mu gihe kitari munsi y'iminsi cumi n'itanu (15), asimbuzwa by'agateganyo undi mwarimu uri ku rutonde rw'agateganyo rw'abatsinze ikizamini cy'akazi. | A teacher, for any reason, who suspends work for at least fifteen (15) days, is temporarily replaced by another teacher who is on the waiting list of those who have passed the recruitment examination. | Un enseignant, pour une raison quelconque, qui suspend son travail pendant au moins une période de quinze (15) jours, est remplacé temporairement par un autre qui est sur la liste d'attente de ceux ayant réussi l'examen de recrutement. |
| **<u>Ingingo ya 69</u>: Uburyo bw'imicungire y'abarimu b'abasimbura** | **Article 69: Modalities of management of substitute teachers** | **<u>Article 69:</u> Modalités de gestion des enseignants remplaçants** |
| Umwarimu ushyizwe mu mwanya ngo asimbure undi ahita akurwa by'agateganyo ku rutonde rw'abarimu batsinze ikizamini batarahabwa akazi. | A teacher who is appointed to replace another is temporarily removed from the waiting list of those who have passed the examination, but are not yet placed. | Un enseignant qui est affecté pour remplacer un autre est provisoirement rayé de la liste d'attente de ceux ayant réussi l'examen, mais qui ne sont pas encore placés. |
| Umwarimu ugiye gusimbura undi mu gihe cy'agateganyo ahabwa amasezerano y'akazi y'igihe kitarenze igihe uwo asimbura azamara. Icyo gihe yamaze asimbura gihabwa agaciro mu ibarwa ry'uburambe ku kazi. | A teacher who temporarily replaces another signs a service contract of a duration not exceeding that of the absence of the replaced teacher. The period served in replacement is taken into account in calculation of the experience of the teacher. | Un enseignant qui remplace provisoirement un autre signe un contrat de travail d'une durée qui ne dépasse pas celle de l'absence de l'enseignant remplacé. Cette période servie en remplacement est pris en considération lors du calcul de l'expérience de l'enseignant. |
| Iyo amasezerano y'akazi arangiye cyangwa iyo uwo yasimbuye agarutse mu kazi amasezerano y'akazi y'umusimbura atararangira, umusimbura asubizwa ku rutonde | If the employment contract expires or if the replaced teacher returns to work before the expiry of the substitute teacher's contract, the substitute teacher is re-registered at his or her | Si le contrat de travail expire ou si l'enseignant remplacé revient au service avant l'expiration du contrat de l'enseignant remplaçant, le remplaçant regagne sa place sur la liste |

| | | |
|---|---|---|
| rw'abategereje guhabwa akazi ku mwanya w'urutonde yari agezeho. | first place on the waiting list. | d'attente. |
| Iyo umwarimu wasimbuwe by'agateganyo agarutse mu mirimo ye mbere y'uko amasezerano y'umwarimu w'umusimbura arangira, ayo masezerano agomba guhita aseswa umusimbura agahemberwa iminsi yakoze. | If the temporarily replaced teacher returns to work before the expiration of his or her substitute teacher's employment contract, the contract is immediately terminated and the substitute teacher is paid proportionately to the days he or she has worked. | Si l'enseignant temporairement remplacé regagne son travail avant l'expiration du contrat de son enseignant remplaçant, le contrat est immédiatement résilié et l'enseignant remplaçant est payé proportionnellement aux jours prestés. |
| **<u>Ingingo ya 70</u>: Umushahara w'umwarimu w'umusimbura** | **<u>Article 70</u>: Salary of a substitute teacher** | **<u>Article 70:</u> Salaire d'un enseignant remplaçant** |
| Umushahara w'umwarimu w'umusimbura ugenwa n'amasezerano hakurikijwe amategeko agenga umurimo kandi ntushobora kuruta uw'umwarimu yasimbuye cyangwa ngo ujye munsi y'umushahara w'umwarimu w'umutangizi banganya impamyabumenyi. | The salary of a substitute teacher is determined in a contract in accordance with the labour law and cannot be higher than the one of the replaced teacher or inferior to that of a Junior teacher with the same degree. | Le salaire d'un enseignant remplaçant est déterminé par le contrat en conformité avec le code du travail et ne peut pas être supérieur au salaire de l'enseignant remplacé ou inférieur au salaire de l'enseignant débutant de même qualification. |
| **<u>UMUTWE WA VIII</u>: UBURENGANZIRA BW'UMWARIMU N'INSHINGANO Z'UMUKORESHA** | **<u>CHAPTER VIII</u>: RIGHTS OF A TEACHER AND OBLIGATIONS OF THE EMPLOYER** | **<u>CHAPITRE VIII</u>: DROITS D'UN ENSEIGNANT ET OBLIGATIONS DE L'EMPLOYEUR** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Uburenganzira bw'umwarimu** | **<u>Section one</u>: Rights of a teacher** | **<u>Section première</u>: Droits d'un enseignant** |
| **<u>Ingingo ya 71</u>: Uburenganzira kuri dosiye y'akazi** | **<u>Article 71</u>: Right to professional file** | **<u>Article 71</u>: Droit au dossier professionnel** |
| Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bakorera umwarimu idosiye y'akazi. Iyo dosiye ibikwa | The City of Kigali or the District constitutes a personal file for a teacher. The original file is | La Ville de Kigali ou le District constituent un dossier personnel pour un enseignant. Le |

| | | |
|---|---|---|
| n'Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali cyangwa ubw'Akarere, kopi yayo ikabikwa n'Umugenzuzi w'uburezi ku Murenge n'Umuyobozi w'Ishuri. | kept by the authority of the City of Kigali or the District, and copies are kept respectively by the Sector Education Inspector and the Head teacher of the school where the teacher is appointed. | dossier original est conservé par l'autorité de la Ville de Kigali ou du District et des copies sont respectivement conservées par l'inspecteur de Secteur et le Directeur de l'école où l'enseignant est affecté. |
| Idosiye y'akazi y'umwarimu igomba kuba irimo inyandiko zirebana n'imikorere n'imyitwarire ye mu kazi, umwirondoro we wuzuye n'ibindi byangombwa bisabwa. | A teacher's personal file must contain all documents related to his or her professional performance and conduct, his or her detailed curriculum vitae and other required documents. | Le dossier personnel de l'enseignant doit contenir toutes les pièces relatives à ses performances et conduite professionnelles, son curriculum vitae et autres pièces requises. |
| Umwarimu afite uburenganzira bwo kumenya ibikubiye muri dosiye ye y'akazi n'ubwo gusaba ubuyobozi mu nyandiko ko ibiyikubiyemo bijyana n'igihe. | A teacher enjoys the right of access to his or her personal file and the right to request, in writing, to update it. | L'enseignant jouit du droit d'accès à son dossier personnel et de demander, par écrit, sa mise à jour. |
| **Ingingo ya 72: Uburenganzira bwo gushyiraho cyangwa kwinjira mu masendika** | **Article 72: Right to establish or join trade unions** | **Article 72: Droit de créer ou d'adhérer à des syndicats** |
| Umwarimu afite uburenganzira bwo gushyiraho cyangwa kwinjira muri sendika yihitiyemo. | A teacher has the right to establish or to join any trade union of his or her choice. | L'enseignant a le droit de créer ou d'adhérer à un syndicat de son choix. |
| **Ingingo ya 73: Umushahara** | **Article 73: Salary** | **Article 73: Salaire** |
| Umwarimu afite uburenganzira ku mushahara. | A teacher is entitled to a salary. | L'enseignant a droit au salaire. |
| Umushahara w'umwarimu ubarwa hakurikijwe imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo. | The teacher's salary is determined in accordance with the job classification table. | Le salaire d'un enseignant est déterminé sur base du tableau de classification des emplois. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 74</u>: Umushahara mbumbe** | **<u>Article 74</u>: Gross salary** | **<u>Article 74</u>: Salaire brut** |
| Umushahara mbumbe ugenerwa umwarimu ugizwe na: | The gross salary for a teacher is composed of: | Le salaire brut d'un enseignant est constitué: |
| 1° umushahara fatizo; | 1° the basic salary; | 1° du salaire de base; |
| 2° indamunite y'icumbi, iy'urugendo, amafaranga yo kwivuza n'ay'ubwiteganyirize. | 2° housing, transport, medical and social security allowances. | 2° des indemnités de logement, de transport, des frais médicaux et de la sécurité sociale. |
| Iyo umwarimu yoroherejwe ibijyanye n'icumbi n'urugendo, indamunite zijyanye na byo ntizibarirwa mu mushahara mbumbe. Izo indamunite zisimbuzwa indamunite y'uburemere bw'umurimo. | In case a teacher is facilitated in housing and transport, allowances related thereto are not included in the gross salary. These allowances are replaced by service allowance. | Lorsqu'un enseignant jouit des facilités de logement et de transport, les indemnités y afférentes ne sont pas comprises dans son salaire brut. Elles sont remplacées par l'indemnité de fonction. |
| **<u>Ingingo ya 75</u>: Ibarwa ry'umushahara fatizo** | **<u>Article 75</u>: Calculation of the basic salary** | **<u>Article 75:</u> Calcul du salaire de base** |
| Umushahara fatizo ungana nibura na mirongo irindwi ku ijana (70%) by'umushahara mbumbe. Ubarwa hafashwe umubare fatizo ugakubwa n'agaciro k'umubare fatizo. | A basic salary is equivalent to at least seventy per cent (70%) of the gross salary. It is calculated by multiplying the index by the index value. | Le salaire de base constitue au moins soixante-dix pour cent (70%) du salaire brut. Il est calculé en multipliant l'indice par la valeur indiciaire. |
| **<u>Ingingo ya 76</u>: Umubare ntarengwa w'ibikurwa ku mushahara** | **<u>Article 76</u>: Maximum deductions from the salary** | **<u>Article 76:</u> Plafond de retenues salariales** |
| Gukuraho amafaranga, ifatiratambama cyangwa gukuraho amafaranga ku bushake bw'umwarimu ntibishobora kurenza kimwe cya kabiri (1/2) cy'umushahara we utahanwa. | Deductions from salary, seizure by garnishment or deductions upon consent of a teacher must not exceed half (1/2) of his or her net salary. | Les retenues, la saisie-arrêt ou la cession volontaire du salaire par un enseignant ne peuvent pas aller au-delà de la moitié (1/2) du salaire net. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 77</u>: Ibarwa ry'umushahara** | **<u>Article 77</u>: Calculation of salary** | **<u>Article 77:</u> Calcul du salaire** |
| Umushahara w'umwarimu utangira kubarwa guhera ku munsi yatangiriyeho imirimo kandi ugahagarikwa ku munsi ukurikira umunsi yahagarikiyeho imirimo. | A salary of a teacher is calculated from the day of commencement of duties and stopped on the day following his or her termination of duties. | Le salaire d'un enseignant commence à être calculé dès son entrée en fonctions et est suspendu le lendemain du jour de cessation des fonctions. |
| Iyo umwarimu yakoze iminsi itagera kuri mirongo itatu (30), umushahara we w'ukwezi ugabanywamo ibice mirongo itatu (30), akishyurwa hakurikijwe iminsi yakoze. | When a teacher has worked less than thirty (30) days per month, his or her salary is divided in thirtieths and paid up to the payable number of days worked. | Lorsqu'un enseignant a travaillé moins de trente (30) jours par mois, son salaire est fractionné en trentièmes et il est payé à concurrence du nombre de jours prestés. |
| **<u>Ingingo ya 78</u>: Isimburwa ry'agateganyo ry'umuyobozi n'umushahara w'umwarimu wamusigariyeho** | **<u>Article 78</u>: Temporary replacement of a school administrator and salary for the acting school Administrator** | **<u>Article 78</u>: Remplacement provisoire au poste administratif et salaire d'un enseignant intérimaire** |
| Iyo, kubera impamvu runaka, umwanya w'ubuyobozi mu ishuri nta muntu uwurimo, umuyobozi ubifitiye ububasha agena by'agateganyo undi mwarimu ukora kuri uwo mwanya. | When, for a reason or another, there is a managerial vacant position within a school, a competent authority temporarily appoints a teacher to serve in that position. | Lorsque, pour une raison quelconque, il y a un poste administratif vacant dans une école, l'autorité compétente nomme provisoirement un enseignant pour occuper ce poste. |
| Umwarimu ashobora gusigariraho umuyobozi mu gihe kitarenze umwaka umwe (1), uretse igihe: | A teacher may be in an acting administrative position for a period not exceeding one (1) year except in case: | Un enseignant peut assurer l'intérim d'un poste administratif pour une période ne dépassant pas un (1) an sauf dans les cas où: |
| 1° uwo muyobozi yagiye gukurikirana gahunda yo kongera ubushobozi; | 1° the school administrator is pursuing a capacity development program; | 1° cet agent administratif de l'école est en train de poursuivre un programme de développement des capacités; |
| 2° hari indi mpamvu yemewe na Minisitiri | 2° there is another reason approved by the | 2° il y a un autre motif approuvé par le Ministre |

| | | |
|---|---|---|
| ufite uburezi mu nshingano abisabwe n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa w'Akarere. | Minister in charge of education upon request of the Mayor of the City of Kigali or the Mayor of the District. | ayant l'éducation dans ses attributions à la demande du Maire de la Ville de Kigali ou du Maire du District. |
| Umwarimu umaze iminsi irenga mirongo itatu (30) asigariyeho umuyobozi ahabwa umushahara n'ibindi bitangwa buri kwezi bijyanye n'umwanya yasigayeho. | A teacher in interim position of school administrator for more than thirty (30) days is entitled to the salary and other monthly benefits associated with the acting position. | Un enseignant qui assure l'intérim au poste administratif au-delà de trente (30) jours est en droit de jouir du salaire et des avantages mensuels inhérents au poste d'intérim. |
| Umushahara n'ibindi bigenerwa umwarimu usigariyeho umuyobozi bitangira kubarwa kuva ku munsi wa mirongo itatu n'umwe (31) w'ubusigire. | The salary and fringe benefits entitled to a teacher acting in the administrative position are calculated from the thirty first ($31^{st}$) day in the interim position. | Le salaire et les avantages à accorder à un enseignant qui assure l'intérim au poste administratif sont calculés à partir du trente et unième ($31^{ème}$) jour d'intérim. |
| Ibivugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo ntibireba umwarimu washyizwe by'agateganyo mu mwanya, umwarimu wasigaye mu mwanya w'ubuyobozi, cyangwa mu mwanya uwari uwurimo yaremerewe guhagarika akazi mu gihe kizwi. Icyo gihe, ahabwa umushahara n'ibindi bitangwa buri kwezi bijyanye n'umwanya yashyizwemo cyangwa yasigayemo, uhereye igihe yaherewe izo nshingano. | Provisions of Paragraph 4 of this Article do not apply to a teacher appointed in an acting position, a teacher acting on a vacant administrative position or a position of which incumbent has been granted a leave of absence for a specific period. In this case, he or she is entitled to a salary and monthly fringe benefits related to the position he or she is provisionally appointed to or acting in, from the time he or she is assigned those responsibilities. | Les dispositions de l'alinéa 4 du présent article ne s'appliquent pas à un enseignant nommé à titre provisoire, à un enseignant assurant l'intérim à un poste administratif vacant ou un poste dont le titulaire a bénéficié d'une mise en disponibilité pour une durée déterminée. Dans ce cas, il a droit au salaire et avantages mensuels liés à ce poste auquel il est nommé à titre provisoire ou occupe par intérim à partir du moment où il est affecté à ces attributions. |
| **<u>Ingingo ya 79</u>: Igihe cy'ubuzime bw'ibirarane** | **<u>Article 79</u>: Limitation of arrears** | **<u>Article 79:</u> Prescription des arriérés** |
| Igihe cy'ubuzime bwo kwishyura umushahara, indamunite n'imperekeza ni imyaka ibiri (2). Igihe cy'ubuzime kibarwa uhereye ku munsi umwarimu yagombaga kubona umushahara, | The limitation period for payment of salary, allowances and terminal benefits is two (2) years. The limitation period is counted from the date on which a teacher had to receive the | Le délai de prescription de paiement du salaire, indemnités et indemnités de départ est de deux (2) ans. Le délai de prescription est calculé à partir de la date à laquelle un enseignant devait |

| | | |
|---|---|---|
| indamunite cyangwa imperekeza. | salary, allowances or terminal benefits. | recevoir le salaire, les indemnités ou les indemnités de départ. |
| Icyakora: | However: | Toutefois: |
| 1° igihe cy'ubuzime kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gihagarikwa iyo umukoresha yemeranyije n'umwarimu ko ubwishyu bwe ari ideni agomba umwarimu cyangwa uwahoze ari umwarimu; | 1° the limitation period provided for in Paragraph One of this Article is interrupted when the employer has agreed with the teacher or the former teacher that the payment constitutes a debt to him or her; | 1° le délai de prescription prévu à l'alinéa premier du présent article cesse de courir lorsque l'employeur s'est convenu avec l'enseignant que les paiements constituent une dette due à l'enseignant ou à l'ancien enseignant; |
| 2° igihe cy'ubuzime kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gisubikwa: | 2° the limitation period provided for in Paragraph One of this Article is suspended: | 2° le délai de prescription prévu à l'alinéa premier du présent article est suspendu: |
| a. iyo ikirego cy'umwarimu kigikurikiranwa n'urwego rubifitiye ububasha; cyangwa | a. when the teacher's case is pending before competent institution; or | a. lorsque la plainte de l'enseignant est pendante devant l'institution compétente; ou |
| b. iyo ikirego kiri mu rukiko. | b. when the case is before the court. | b. lorsque l'affaire est devant la juridiction. |
| **<u>Ingingo ya 80</u>: Uburenganzira bwo kongera ubushobozi** | **<u>Article 80</u>: Right to capacity building** | **<u>Article 80</u>: Droit au renforcement des capacités** |
| Umwarimu ufite impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi y'ishuri ryisumbuye nderabarezi (A2), iy'icyiciro cy'amashuri makuru nderabarezi ya A1 cyangwa iya A0, afite uburenganzira bwo guhabwa buruse itishyurwa yo kwiga amashuri makuru kugeza | A teacher having a teaching certificate (A2), a diploma (A1) or a Bachelor Degree (A0) in education is entitled to a non-refundable scholarship to pursue higher education studies up to a Masters level, when he or she meets the following conditions: | Un enseignant titulaire d'un diplôme ou certificat pédagogique de fin d'enseignement secondaire (A2), d'enseignement supérieur (A1) ou de fin de premier cycle d'enseignement supérieur (A0) a droit à une bourse d'études non remboursable afin de poursuivre des études |

| | | |
|---|---|---|
| ku rwego rw'icyiciro cya kabiri (2) cy'amashuri makuru, iyo yujuje ibi bikurikira: | | d'enseignement supérieur jusqu'au niveau de Maîtrise lorsqu'il remplit les conditions suivantes: |
| 1° kuba ari umunyarwanda; | 1° to be Rwandan by nationality; | 1° être de nationalité rwandaise; |
| 2° kuba amaze nibura imyaka itatu (3) ari umwarimu w'umwuga, ku mwarimu ufite impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi ya A2, cyangwa imyaka itanu (5) ku mwarimu ufite impamyabumenyi ya A1 cyangwa A0; | 2° to have completed at least three (3) years as a professional teacher for a teacher with a teaching certificate (A2) or five (5) years for a teacher with a diploma (A1) or a Bachelor Degree (A0); | 2° avoir passé au moins trois (3) ans en tant qu'enseignant professionnel pour un enseignant titulaire d'un diplôme ou certificat de niveau A2 ou cinq (5) ans pour un enseignant titulaire d'un diplôme de niveau A1 ou A0; |
| 3° kuba yaremerewe kwiga mu ishuri rikuru ryemewe na Leta; | 3° to be admitted in an accredited higher learning institution; | 3° être admis dans une institution d'enseignement supérieur accréditée; |
| 4° kuzuza ifishi isaba yabigenewe; | 4° to fill an appropriate application form; | 4° remplir un formulaire de demande approprié; |
| 5° kuba atarengeje imyaka mirongo itatu n'itanu (35); | 5° not to be beyond thirty five (35) years old; | 5° ne pas avoir plus de trente-cinq (35) ans; |
| 6° kuba agiye kwiga amasomo yerekeranye n'uburezi; | 6° to be admitted to pursue a course related to education; | 6° être admis à poursuivre les cours d'enseignement pédagogique; |
| 7° kuba agaragaza ubushobozi mu kazi; | 7° to have outstanding performance; | 7° faire preuve d'une performance distinguée; |
| 8° kuba ari inyangamugayo; | 8° to have integrity; | 8° faire preuve d'intégrité; |
| 9° kuba arangwa n'indangagaciro z'umwuga we. | 9° to have outstanding professional ethics. | 9° faire preuve d'éthique professionnelle distinguée. |

| | | |
|---|---|---|
| Umwarimu wahawe buruse mu buryo buteganywa n'iyi ngingo agirana amasezerano n'urwego rushinzwe gucunga buruse. | The teacher who has obtained the scholarship under the conditions provided for this article signs a contract with the organ responsible for the management of bursary. | L'enseignant ayant obtenu la bourse d'études dans les conditions prévues par le présent article signe un contrat avec l'organe ayant la gestion des bourses d'études dans ses attributions. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Inshingano z'umukoresha** | **<u>Section 2</u>: Obligations of the employer** | **<u>Section 2:</u> Obligations de l'employeur** |
| **<u>Ingingo ya 81</u>: Ibikoresho** | **<u>Article 81</u>: Equipment** | **<u>Article 81:</u> Matériel** |
| Leta iha umwarimu ibikoresho bya ngombwa kugira ngo abashe kurangiza inshingano ze. | The State provides a teacher with necessary equipment to carry out his or her duties. | L'État met à la disposition d'un enseignant le matériel nécessaire lui permettant d'accomplir ses fonctions. |
| **<u>Ingingo ya 82</u>: Gukumira no kurinda ibyateza impanuka aho akazi gakorerwa** | **<u>Article 82</u>: Prevention and protection against hazards at workplace** | **<u>Article 82:</u> Prévention et protection contre les accidents du lieu de travail** |
| Leta ifite inshingano zo gukumira no kurinda umwarimu impanuka zo ku kazi. | The State has obligations of preventing and protecting a teacher against occupational hazards. | L'État a l'obligation de prévenir et de protéger un enseignant contre les accidents de travail. |
| **<u>Ingingo ya 83</u>: Kuvuza umwarimu** | **<u>Article 83</u>: Healthcare of a teacher** | **<u>Article 83:</u> Soins médicaux d'un enseignant** |
| Leta yunganira umwarimu mu kwivuza no kuvuza abandi umwarimu ashinzwe hakurikijwe amategeko abigenga. | The State provides a healthcare support to a teacher and other people under the teacher's care<br>in accordance with relevant laws. | L'État donne un soutien en soins médicaux d'un enseignant et d'autres personnes à sa charge conformément à la législation en la matière. |
| **<u>Ingingo ya 84</u>: Kumenyekanisha impanuka cyangwa indwara bikomoka ku kazi** | **<u>Article 84</u>: Declaration of occupational hazards or occupational diseases** | **<u>Article 84:</u> Déclaration des accidents ou des maladies de travail** |
| Leta imenyekanisha impanuka cyangwa | The State declares occupational hazards or | L'État déclare les accidents ou les maladies de |

| | | |
|---|---|---|
| indwara bikomoka ku kazi byabaye ku mwarimu hakurikijwe amategeko abigenga**.** | diseases occurred to a teacher in accordance with relevant laws. | travail survenus à un enseignant conformément à la législation en la matière. |
| **<u>UMUTWE WA IX</u>: INSHINGANO Z'UMWARIMU N'IBITABANGIKANYWA N'UMURIMO WE** | **<u>CHAPTER IX</u>: OBLIGATIONS AND INCOMPATIBILITIES RELATED TO THE PROFESSION OF A TEACHER** | **<u>CHAPITRE IX</u>: OBLIGATIONS ET INCOMPATIBILITÉS RELATIFS À LA PROFESSION D'UN ENSEIGNANT** |
| **<u>Ingingo ya 85:</u> Inshingano zifitanye isano no gutunganya umurimo** | **<u>Article 85</u>: Obligations related to performance of duties** | **<u>Article 85</u>: Obligations en rapport avec la prestation des services** |
| Umwarimu agomba gutunganya ubwe umurimo asabwa, kuwitaho buri gihe, gukorana ubupfura, kutagira aho abogamira, kubaha no kubahisha urwego akoramo, kubaha umutungo wa Leta, kwibwiriza no kwita ku bifitiye akamaro abaturarwanda. | The teacher is required to personally perform duties as required, devote him or herself to his or her work all the time with probity and impartiality, respect and honour his or her institution, preserve public property, and have a sense of responsibility and public interest. | L'enseignant est tenu d'assurer personnellement le service à sa charge, de s'y consacrer en permanence avec probité et neutralité, de respecter et honorer son institution, de respecter le patrimoine de l'Etat et d'avoir l'esprit d'initiative, et de promouvoir l'intérêt général. |
| Umwarimu agomba kubahiriza amabwiriza yihariye cyangwa rusange ahabwa n'umukuriye mu kazi hakurikijwe amategeko. | The teacher must respect the particular or general instructions given by his or her hierarchical superior in accordance with laws. | L'enseignant doit observer les instructions particulières ou générales données par son supérieur hiérarchique conformément aux lois. |
| **<u>Ingingo ya 86:</u> Imirimo itabangikanywa n'iy'umwarimu** | **<u>Article 86</u>: Activities incompatible with the profession of a teacher** | **<u>Article 86</u>: Activités incompatibles avec la fonction d'enseignant** |
| Ibitabangikanywa n'umurimo w'umwarimu ni ibi bikurikira: | The following are incompatible with the profession of a teacher: | Sont incompatibles avec la fonction d'enseignant: |
| 1° kugira undi mwanya w'umurimo uhoraho mu butegetsi bwa Leta; | 1° holding another position on full time basis in public service; | 1° occuper un autre emploi permanent sous statut dans la fonction publique; |

| | | |
|---|---|---|
| 2º gukora umwuga cyangwa ibikorwa ibyo ari byo byose by'ubucuruzi cyangwa by'inganda byabangamira imirimo ashinzwe; | 2º carrying out any business or industrial profession or activity that may likely be detrimental to the performance of his or her duties; | 2º occuper toute profession ou activité commerciale ou industrielle préjudiciable à l'accomplissement de ses fonctions; |
| 3º kuba mu buyobozi buhoraho, mu butegetsi bw'isosiyete cyangwa ubw'ikigo icyo ari cyo cyose cy'ubucuruzi cyangwa inganda igihe byabangamira imirimo ashinzwe. Icyakora ibyo ntibikurikizwa ku bahagarariye inyungu za Leta mu bigo byigenga; | 3º participating in permanent leadership, administration of a company or any other commercial or industrial enterprise likely to be detrimental to the duties of the teacher. However, this does not apply to teachers representing the Government interest in private enterprises; | 3º toute participation à la direction de façon permanente, à l'administration d'une société ou toute autre entreprise commerciale ou industrielle de nature à nuire à ses fonctions. Toutefois, ceci ne concerne pas les enseignants qui représentent l'Etat dans des entreprises privées; |
| 4º kugira inyungu mu kigo ashinzwe kugenzura ubwe cyangwa gifite aho gihuriye na we, haba ku giti cye cyangwa yitwaje undi muntu, uko cyaba cyitwa kose, igihe izo nyungu zamutera kwica akazi ke cyangwa kumubuza ubwigenge no gukoresha ukuri n'ubutabera nta kubogama. | 4º having any interest in an enterprise under his or her direct control or one related to him or her, whether as an individual or through a proxy, under any title, in case such interest is likely to compromise with his or her duties or restrict his or her independence, truth, justice and objectivity. | 4º avoir, dans une entreprise soumise à son contrôle direct ou en relation avec lui, par lui-même ou par personne interposée, sous quelque dénomination que ce soit, des intérêts de nature à compromettre ou à restreindre l'indépendance, la vérité, la justice et l'objectivité de son action. |
| Haseguriwe ibivugwa muri iyi ngingo, iyo bitabangamiye imirimo ashinzwe, umwarimu ashobora kugirana amasezerano y'akazi n'abandi bakoresha batandukanye, haba ari mu nzego z'imirimo ya Leta cyangwa se mu bikorera. | Subject to the provisions of this Article, where it is not detrimental to his or her duties, a teacher may sign employment contracts with different employers, whether in public or private sector. | Sous réserve des dispositions du présent article, lorsque ceci ne peut pas nuire à ses fonctions, l'enseignant peut signer des contrats de travail avec différents employeurs, dans le secteur public ou privé. |
| Icyakora, mbere yo gusinya ayo masezerano, umwarimu agomba kubanza kubyemererwa | However, before signing such contracts, a teacher must be authorized in writing by his or | Toutefois, avant de signer de tels contrats, l'enseignant doit en être autorisé par écrit par |

| | | |
|---|---|---|
| n'umukoresha we binyuze mu nyandiko. | her employer. | son employeur. |
| **<u>UMUTWE WA X</u>: UBURYO BWO GUHANA AMAKOSA N'INZIRA ZO KUJURIRA** | **<u>CHAPTER X</u>: DISCIPLINARY REGIME AND APPEAL PROCEDURES** | **<u>CHAPITRE X</u>: RÉGIME DISCIPLINAIRE ET PROCÉDURES DE RECOURS** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Amahame agenga imihanire** | **<u>Section one</u>: Disciplinary regime principles** | **<u>Section première:</u> Principes du régime disciplinaire** |
| **<u>Ingingo ya 87</u>: Amahame agenga uburyo bwo guhana ikosa ryo mu kazi** | **<u>Article 87</u>: Principles governing imposition of a disciplinary fault** | **<u>Article 87</u>: Principes régissant l'infliction d'une faute disciplinaire** |
| Gukurikirana ikosa ryo mu kazi no guhana umwarimu warikoze bigomba kubahiriza amahame akurikira: | Investigations of a disciplinary fault and imposing a related sanction must be in respect of the following principles: | L'investigation d'une faute disciplinaire et l'imposition d'une sanction correspondante doivent respecter les principes suivants: |
| 1° Umwarimu ukurikiranyweho ikosa ryo mu kazi akomeza kubahirwa uburenganzira bwe ntayegayezwa nk'umuntu; | 1° a teacher alleged to have committed a disciplinary fault continues being respected for his or her inalienable rights as a human being; | 1° un enseignant poursuivi pour une faute disciplinaire continue à jouir du respect lié à tous ses droits inaliénables en tant qu'être humain; |
| 2° gukurikirana ikosa ry'umwarimu no kumuhana bikorwa mu nyandiko; | 2° the disciplinary proceeding is conducted in writing; | 2° la procédure disciplinaire est écrite; |
| 3° nta gihano cyo mu rwego rw'akazi gishobora guhabwa umwarimu atabanje guhabwa umwanya wo kwisobanura mu nyandiko; | 3° no disciplinary sanction can be imposed to a teacher without prior consideration of his or her written means of defence; | 3° aucune sanction disciplinaire ne peut être imposée à un enseignant sans avoir examiné ses moyens de défense présentés par écrit; |
| 4° ikosa ryo mu kazi rihanwa hashingiwe ku buremere bwaryo; | 4° the sanction for a disciplinary fault is based on its gravity; | 4° la sanction d'une faute disciplinaire est basée sur sa gravité; |

| | | |
|---|---|---|
| 5° ikosa cyangwa igihano byo mu kazi ntibibangamira cyangwa ngo bibangamirwe n'uburyozwe n'uburyo bwo gukurikirana icyaha cyangwa ikosa biteganywa n'amategeko ahana cyangwa agenga uburyozwe bw'indishyi; | 5° a disciplinary fault and sanction are independent from the criminal or civil liabilities and related proceedings; | 5° la faute et la sanction disciplinaire sont indépendantes de la responsabilité pénale et civile ainsi que des procédures y relatives; |
| 6° umwarimu ntashobora guhanirwa inshuro irenze imwe ikosa ryo mu kazi rimwe; | 6° a teacher cannot be sanctioned more than once for the same disciplinary fault; | 6° un enseignant ne peut pas être sanctionné plus d'une fois du chef de la même faute disciplinaire; |
| 7° uburyozwe bw'ikosa ryo mu kazi ni gatozi ku warikoze; | 7° the liability of a disciplinary fault is personal; | 7° la responsabilité de la faute disciplinaire est personnelle; |
| 8° gukurikirana ikosa no guhana umukozi bikorwa mu mucyo, nta kubogama cyangwa gutonesha uko ari ko kose. | 8° the disciplinary proceeding is conducted with transparency, impartiality and without any favouritism. | 8° la procédure disciplinaire est faite en toute transparence, impartialité et sans aucun favoritisme. |
| **Ingigo ya 88: Uburyozwe bw'ukuriye umwarimu** | **Article 88: Liability of the supervisor of a teacher** | **Article 88: Responsabilité du supérieur d'un enseignant** |
| Ukuriye umwarimu aryozwa ikosa ryakozwe n'umwarimu akuriye mu gihe ntacyo yabikozeho, kandi yari azi ko uwo mwarimu yenda gukora ikosa, yarimo gukora ikosa, cyangwa yamaze gukora ikosa. Muri icyo gihe ukuriye umwarimu ahanishwa igihano cyisumbye ku gihabwa umwarimu wakoze ikosa. | The supervisor of a teacher is liable for a fault committed by his or her subordinate in case he or she has not reacted on it while he or she knew that the subordinate was about to commit , was committing or has already committed a fault. In that case, the supervisor of a teacher is punished by a sanction directly superior to the one to be given to the subordinate. | Le supérieur d'un enseignant est responsable de la faute de son subordonné s'il n'a pas réagi alors qu'il savait que le subordonné était sur le point de commettre, était en train de commettre ou a déjà commis une faute. Dans ce cas, le supérieur d'un enseignant encourt la sanction directement supérieure à celle du subordonné. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Uburemere bw'ikosa ryo mu kazi** | **<u>Section 2</u>: Gravity of a disciplinary fault** | **<u>Section 2:</u> Gravité d'une faute disciplinaire** |
| **<u>Ingingo ya 89</u>: Gupima uburemere bw'ikosa ryo mu kazi** | **<u>Article 89:</u> Determining the gravity of a disciplinary fault** | **<u>Article 89:</u> Détermination de la gravité d'une faute disciplinaire** |
| Uburemere bw'ikosa ryo mu kazi bupimwa hitawe ku buryo ryabayemo n'ingaruka zaryo. | The gravity of a disciplinary fault is determined by taking into account the circumstances in which it was committed and the related consequences. | La gravité d'une faute disciplinaire est déterminée en fonction des circonstances de sa commission et les conséquences qui en découlent. |
| Hashingiwe ku mpamvu zongera cyangwa zoroshya uburemere bw'ikosa ziteganyijwe mu ngingo ya 90 n'iya 91 z'iri teka, umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora gukuriraho umwarimu wakosheje igihano, kumuha igihano gito cyangwa igisumba igiteganyirijwe ikosa. | Basing on circumstances that aggravate or mitigate the gravity of a fault as provided for in Articles 90 and 91 of this Order, the competent authority may remove a sanction or impose a less or more serious sanction than the sanction provided for the fault. | En se basant sur les circonstances aggravantes ou atténuantes de la faute prévues aux articles 90 et 91 du présent arrêté, l'autorité compétente peut lever la sanction ou imposer une sanction inférieure ou supérieure à celle qui est prévue pour la faute. |
| Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga igihano cyo mu rwego rw'akazi aha agaciro impamvu zongera cyangwa zoroshya uburemere bw'ikosa, ari izaribanjirije, ari izariherekeje cyangwa izarikurikiye. | The competent authority to impose a disciplinary sanction considers appropriateness of aggravating or mitigating circumstances which preceded, accompanied or followed a fault. | L'autorité compétente pour imposer une sanction disciplinaire apprécie les circonstances aggravantes ou atténuantes qui ont précédé, accompagné ou suivi la faute. |
| Gushingira ku mpamvu zongera cyangwa zoroshya uburemere bw'ikosa ryo mu kazi mu gutanga igihano cyo mu rwego rw'akazi no kugena igihano gikwiranye n'iryo kosa bigomba gusobanurwa mu ibaruwa imenyesha umwarimu igihano yahawe. | Consideration of aggravating or mitigating circumstances related to a disciplinary fault and the corresponding sanction must be justified in the letter of notification of the disciplinary sanction issued to a teacher. | La considération des circonstances aggravantes ou atténuantes liées à la faute disciplinaire ainsi que la sanction correspondante doivent être motivées dans une lettre de notification de la sanction disciplinaire délivrée à un enseignant. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya _90</u>: Impamvu zongera uburemere bw'ikosa ryo mu kazi** | **<u>Article 90</u>: Aggravating circumstances** | **<u>Article 90:</u> Circonstances aggravantes** |
| Hashingiwe ku isesengura ryakozwe kandi rifitiwe ibimenyetso, uburemere bw'ikosa ryo mu kazi bushobora kongerwa n'impamvu imwe cyangwa irenze imwe muri izi zikurikira: | In accordance with an analysis based on evidence, the gravity of a disciplinary fault may be aggravated by one or several of the following circumstances: | En considération d'une analyse basée sur des preuves, la gravité d'une faute disciplinaire peut être aggravée par l'une ou plusieurs des circonstances suivantes: |
| 1º isubirakosa ribaye mu gihe kitarenze umwaka w'amashuri umwe (1); | 1° recidivism occurred within the period of one (1) school year; | 1° récidive au cours de la période d'une (1) année scolaire; |
| 2º impurirane y'amakosa yo mu kazi; | 2° concurrence of several disciplinary faults; | 2° concours de plusieurs fautes disciplinaires; |
| 3º ikosa ryakozwe rigatera ingaruka mbi zibangamira inyungu rusange ku buryo budasanzwe; | 3° the committed fault is likely to have a serious negative impact on public interest; | 3° la faute commise a un impact grossièrement négatif sur l'intérêt général; |
| 4º kuba hari ibimenyetso bifatika kandi bidashidikanywaho byerekana ko habaye gucura umugambi no kugambirira gukora ikosa; | 4° serious proved conspiracy and premeditation to commit a fault; | 4° existence de preuves tangibles de conspiration et de préméditation de commettre une faute; |
| 5º ikosa ryo mu kazi ryakozwe n'abarimu barenze umwe bashyize hamwe; | 5° the fault has been jointly committed by more than one teacher; | 5° la faute a été commise conjointement par plus d'un enseignant; |
| 6º ikosa ryakozwe n'umwarimu ushinzwe kuyobora abandi. | 6° the fault has been committed by a teacher in charge of other teachers. | 6° la faute a été commise par un enseignant ayant d'autres enseignants sous sa supervision. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 91</u>: Impamvu zoroshya uburemere bw'ikosa ryo mu kazi** | **<u>Article 91</u>: Mitigating circumstances** | **<u>Article 91:</u> Circonstances atténuantes** |
| Hashingiwe ku isesengura ryakozwe kandi rifitiwe ibimenyetso, uburemere bw'ikosa ryo mu kazi bushobora kugabanywa n'impamvu imwe cyangwa irenze imwe muri izi mpamvu zikurikira: | Considering an analysis based on evidence, the gravity of a disciplinary fault may be mitigated by one or several of the following circumstances: | En considération d'une analyse basée sur des preuves, la gravité d'une faute disciplinaire peut être atténuée par l'une ou plusieurs des circonstances suivantes: |
| 1° iyo ari ubwa mbere umwarimu akoze ikosa ryo mu kazi mu kigo cy'ishuri akorera, kandi yari asanzwe agaragaza imyitwarire myiza no kuba intangarugero mu kazi, kandi hagaragazwa ibimenyetso bifatika by'uko ikosa ryamugwiririye; | 1° when it is the first time the teacher commits a disciplinary fault within his or her school whereas the teacher is usually characterised by good behaviour and serves as role model at work; and it is proved that he or she committed the fault unintentionally; | 1° lorsque c'est la première fois que l'enseignant commet une faute disciplinaire dans son école, alors qu'il fait normalement preuve de bonne conduite et sert de modèle au travail; et qu'il est prouvé qu'il a commis la faute sans intention; |
| 2° iyo mbere yo gukurikiranwa, umwarimu ahise yirega agasaba imbabazi; | 2° when before the commencement of the disciplinary proceeding, a teacher pleads guilty and requests for forgiveness; | 2° lorsqu'avant le déclenchement des poursuites, l'enseignant plaide coupable et demande pardon; |
| 3° iyo igikorwa cyangwa imyitwarire byabyaye ikosa byatewe n'uko umwarimu yasembuwe bikomeye n'uwatumye akosa. | 3° when the act or conduct that resulted into a fault has been triggered by serious provocation from another person. | 3° lorsque l'acte ou la conduite qui ont généré la faute résulte d'une provocation avérée de la part d'une autre personne. |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Inzego z'ibihano byo mu rwego rw'akazi** | **<u>Section 3</u>: Categories of disciplinary sanctions** | **<u>Section 3:</u> Catégories des sanctions disciplinaires** |
| **<u>Ingingo ya 92</u>: Ibihano byo mu rwego rwa mbere** | **<u>Article 92</u>: Sanctions of the first category** | **<u>Article 92:</u> Sanctions de la première catégorie** |
| Ibihano byo mu rwego rwa mbere bijyana | Sanctions of the first category correspond with | Les sanctions de la première catégorie |

| | | |
|---|---|---|
| n'amakosa yo mu kazi yoroheje bitewe n'uburemere bwayo. | petty disciplinary faults according to their gravity. | correspondent aux fautes disciplinaires légères en fonction de leur gravité. |
| Uhereye ku gihano cyoroheje ujya ku kiremereye, ibihano byo mu rwego rwa mbere bikurikirana ku buryo bukurikira: | From the least to the most serious, sanctions of the first category are as follows: | De la moins grave à la plus grave, les sanctions de la première catégorie, se suivent comme suit: |
| 1° kwihanangirizwa; | 1° warning; | 1° avertissement; |
| 2° kugawa. | 2° reprimand. | 2° blâme. |
| **<u>Ingingo ya 93</u>: Ibihano byo mu rwego rwa kabiri** | **<u>Article 93</u>: Sanctions of the second category** | **<u>Article 93:</u> Sanctions de la deuxième catégorie** |
| Ibihano byo mu rwego rwa kabiri bijyana n'amakosa yo mu kazi aremereye bitewe n'uburemere bwayo.<br>Uhereye ku gihano cyoroheje ujya ku kiremereye, ibihano byo mu rwego rwa kabiri bikurikirana ku buryo bukurikira: | Sanctions of the second category correspond with serious disciplinary faults according to their gravity.<br>From the least to the most serious, sanctions of the second category are as follows: | Les sanctions de la deuxième catégorie correspondent aux fautes disciplinaires lourdes en fonction de leur gravité.<br>De la moins grave à la plus grave, les sanctions de la deuxième catégorie se suivent comme suit: |
| 1° guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa; | 1° suspension for a period not exceeding three (3) months without being paid; | 1° suspension pour une période ne dépassant pas trois (3) mois sans être payé; |
| 2° kwirukanwa burundu ku kazi. | 2° dismissal. | 2° révocation. |
| **<u>Ingingo ya 94</u>: Guhanishwa igihano cyo kwihanangirizwa** | **<u>Article 94</u>: Imposition of a warning** | **<u>Article 94</u>: Infliction d'un avertissement** |
| Umwarimu ahanishwa igihano cyo kwihanangirizwa, iyo: | A teacher is sanctioned by a warning, if he or she: | Un enseignant est sanctionné par l'avertissement, s'il: |

| | | |
|---|---|---|
| 1º atambaye ikarita ndangamwarimu n'umwambaro wa mwarimu; | 1º does not wear a teacher service card and professional cloth; | 1º ne porte pas de carte de service d'enseignant et tenue vestimentaire professionnelle; |
| 2º atubahirije isaha yo kugera no kuva ku kazi nta mpamvu ifatika kandi izwi; | 2º fails to respect the time of arrival to and departure from work place without valid and communicated reason; | 2° ne respecte pas l'heure d'arrivée et de départ du lieu de travail sans motif valable communiqué; |
| 3º anywereye itabi ku ishuri. | 3º smokes at school. | 3° fume à l'école. |
| **<u>Ingingo ya 95</u>: Guhanishwa igihano cyo kugawa** | **<u>Article 95</u>: Imposition of a reprimand** | **<u>Article 95</u>: Infliction d'un blâme** |
| Umwarimu ahanishwa igihano cyo kugawa, iyo: | A teacher is sanctioned by a reprimand, if he or she: | Un enseignant est sanctionné par un blâme s'il: |
| 1° asibye akazi umunsi umwe (1) nta ruhushya yahawe; | 1º is absent to work for one (1) day without authorisation; | 1° s'absente au travail une (1) journée sans autorisation; |
| 2° ahaye abanyeshuri amabwiriza nta bubasha abifitiye cyangwa nta burenganzira yabiherewe; | 2º issues to learners instructions without powers or authorisation; | 2° donne des instructions aux apprenants sans pouvoir ou sans autorisation; |
| 3° atatanze amabwiriza ashinzwe gutanga; | 3º fails to issue instructions falling under his or her responsibilities; | 3° ne donne pas des instructions relevant de ses attributions; |
| 4° atagenzuye abanyeshuri, ibikoresho cyangwa ibikorwa ashinzwe kugenzura; | 4º fails to supervise learners, physical resources or activities under his or her responsibilities; | 4° ne supervise pas les apprenants, les ressources physiques ou les activités relevant de ses attributions; |
| 5° atitabiriye ibikorwa biteganywa n'ishuri bigamije uburere n'imibereho myiza y'abanyeshuri; | 5º does not participate in extracurricular activities organised by the school for the purpose of learners' discipline and social welfare; | 5° ne participe pas à des activités parascolaires organisées par l'école dans le cadre de la discipline et du bien-être des apprenants; |

| | | |
|---|---|---|
| 6° atatanze ku gihe raporo yerekeranye n'ubutumwa bw'akazi cyangwa amahugurwa yagiyemo; | 6º fails to submit on time the report related to the mission or training he or she has attended; | 6° ne transmet pas à temps le rapport relatif à la mission ou à la formation à laquelle il a participé; |
| 7° akoresheje amagambo, ibimenyetso cyangwa ibikorwa bituka umuntu uri mu kigo cy'ishuri cyangwa hanze yacyo; | 7º uses insulting words, signs or actions towards any person within and outside the school; | 7° utilise des mots, des signes ou des actions insultants à l'égard de toute personne à l'intérieur et à l'extérieur de l'école; |
| 8° akoresheje nabi ububasha afite cyangwa akoze nabi akazi ashinzwe ku nyungu ze bwite; | 8º abuses his or her powers or poorly performs his or her duties for personal interests; | 8° abuse de son pouvoir ou ne remplit pas bien ses fonctions à cause des intérêts personnels; |
| 9° atagaragaje ko hari ukugongana kw'inyungu ze bwite n'iz'ishuri kandi byari bikenewe; | 9º does not disclose a conflict of interests, if any; | 9° ne révèle pas l'existence d'un conflit d'intérêts, le cas échéant; |
| 10° atubahirije amabwiriza ariho arebana n'uburezi; | 10º fails to adhere to educational instructions in force; | 10° ne respecte pas les instructions pédagogiques en vigueur; |
| 11° abeshye mu byerekeranye n'akazi akora; | 11º tells lies in matters pertaining to his or her work; | 11° dit des mensonges en ce qui concerne son travail; |
| 12° atubahirije ingengabihe y'amasomo cyangwa amasaha ye yo kwigisha; | 12º fails to effectively comply with teaching time table and assigned teaching load; | 12° ne se conforme pas de façon efficace au calendrier d'enseignement et à la charge horaire lui assignée; |
| 13° atateguye cyangwa ngo akoreshe uko bikwiye ibidanago bisabwa; | 13º fails to effectively prepare and utilize relevant pedagogical materials and instruments; | 13° ne prépare pas ou n'utilise pas efficacement les matériels et instruments pédagogiques requis; |
| 14° yambaye, mu kazi, imyenda inyuranyije n'iteganywa n'amategeko ngengamikorere | 14º has dressing which does not comply with internal rules and regulations of the school, | 14° s'habille de façon qui n'est pas conforme au règlement d'ordre interne de l'école, ou |

| | | |
|---|---|---|
| y'ishuri yigishamo cyangwa adafite isuku; | or lacks hygiene at the work place; | manque d'hygiène au lieu de travail; |
| 15° akoranye umwete muke akazi ashinzwe; | 15º carries out an assignment given to him or her with negligence; | 15° s'acquitte avec négligence d'une tâche lui confiée; |
| 16° yoherejwe mu butumwa cyangwa amahugurwa mu rwego rw'akazi ntabe ariho ajya; | 16º has been sent on official mission or for training, but deviated from it; | 16° est envoyé en mission officielle ou en formation, mais s'en écarte; |
| 17° akoresheje telefoni cyangwa ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga mu bikorwa bidafite aho bihuriye n'isomo mu gihe arimo kwigisha; | 17º uses, in class, telephone and other electronic devices for unrelated activities other than teaching and learning; | 17° utilise le téléphone ou d'autres objets électroniques en classe pour des fins autres que l'enseignement et l'apprentissage; |
| 18° adakurikiranye imyitwarire y'abanyeshuri ashinzwe mu gihe cy'amasomo cyangwa mu ngendo shuri; | 18º fails to monitor learners' discipline while they are in classroom or in field trips; | 18° ne parvient pas à contrôler la discipline des apprenants lorsqu'ils sont en classe ou en visite d'étude; |
| 19° yigometse akanga gushyira mu bikorwa impinduka zisabwa mu burezi. | 19º is rebellious and resists to implement changes made in the education system. | 19° se rebelle et résiste contre la mise en œuvre des changements apportés dans le système éducatif. |
| **<u>Ingingo ya 96</u>: Guhanishwa igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa** | **<u>Article 96</u>: Imposition of a suspension for a period not exceeding three (3) months without being paid** | **<u>Article 96</u>: Infliction d'une suspension pour une période ne dépassant pas trois (3) mois sans être payé** |
| Umwarimu ahanishwa igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa, iyo: | A teacher is sanctioned by suspension for a period not exceeding three (3) months without being paid, if he or she: | Un enseignant est sanctionné par une suspension pour une période ne dépassant pas trois (3) mois sans être payé, s'il: |
| 1º atutse umunyeshuri, undi mukozi cyangwa umwarimu bahuje intera cyangwa wo mu | 1º defames verbally, in writing, by images or pictures a learner, another employee or a | 1° diffame verbalement, par écrit, images ou photos un apprenant, un autre employé ou |

| | | |
|---|---|---|
| ntera iri munsi y'iye hakoreshejwe amagambo, inyandiko, ibishushanyo cyangwa amafoto; | teacher of the same or lower job level; | un enseignant de même grade ou de grade inférieur; |
| 2º akoreye ku ishuri igikorwa gikoza isoni mu buryo ubwo aribwo bwose ku mubiri w'undi; | 2º performs at school an indecent act against another person's body in any manner whatsoever; | 2° attente à la pudeur d'un corps d'une autre personne, au sein de l'école, de n'importe quelle manière; |
| 3º akoresheje uburyo butari ubwa kinyamwuga mu gutanga cyangwa guhindura amanota y'abanyeshuri hadakoreshejwe ibipimo ngenderwaho mu kwigisha no gutanga ibizamini; | 3º uses unprofessional manner in providing or altering marks to learners without following teaching and assessment standards; | 3º utilise une méthode non professionnelle dans l'attribution ou la modification des notes des apprenants sans suivre les normes d'enseignement et d'évaluation; |
| 4º ashyize ku nkeke umunyeshuri; | 4º harasses a learner; | 4º harcèle un apprenant; |
| 5º atubahirije amabwiriza y'umuyobozi we mu gihe atavuguruza amategeko ariho; | 5º fails to comply with legitimate instructions from the supervisor; | 5º ne se conforme pas aux instructions légitimes du supérieur hiérarchique; |
| 6º atabyaje umusaruro, akoresheje nabi cyangwa yangije igikoresho yahawe n'ishuri; | 6º fails to effectively utilize, mishandles or damages scholastic materials and equipment given by the school; | 6º n'utilise pas efficacement, utilise mal ou endommage le matériel scolaire et l'équipement donné par l'école; |
| 7º anyweye inzoga mu masaha y'akazi; | 7º takes alcohol during working hours; | 7° prend de l'alcool pendant les heures de travail; |
| 8º aje ku kazi bimugaragaraho ko yasinze; | 8º reports to work in a state of drunkenness; | 8° se présente au travail en état d'ivresse ; |
| 9º akoze ibikorwa bigamije kubuza bagenzi be cyangwa abanyeshuri gukora imirimo bashinzwe; | 9º engages in acts intended to discourage his or her colleagues or learners from doing their duties; | 9° se livre à des actes visant à décourager ses collègues ou les apprenants à faire leurs devoirs; |

| | | |
|---|---|---|
| 10º atanze amakuru y'ibanga arebana n'akazi ashinzwe; | 10º discloses confidential information related to his or her work; | 10° divulgue des renseignements confidentiels liés à son travail; |
| 11º ahimbye cyangwa akwirakwije amakuru agamije gukangisha, gucamo abantu ibice, inzangano cyangwa gutera ubwoba ku ishuri; | 11º creates or disseminates information meant to create fear, threaten, divisive, hatred or panic within the school; | 11° crée ou diffuse des informations destinées à créer la peur, la menace, la division, la haine ou la panique à l'intérieur de l'école; |
| 12º ashoye abanyeshuri mu bikorwa byo kugura, kugurisha cyangwa kunywa inzoga cyangwa ibindi biyobyabwenge. | 12º engages learners in buying, selling or using alcohol or other prohibited drugs. | 12° engage les apprenants dans l'achat, la vente ou la consommation d'alcool ou d'autres drogues. |
| **<u>Ingingo ya 97</u>: Guhanishwa igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi** | **<u>Article 97</u>: Imposition of a dismissal** | **<u>Article 97:</u> Infliction d'un licenciement** |
| Umwarimu ahanishwa igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi, iyo: | A teacher is sanctioned by dismissal, if he or she: | Un enseignant est sanctionné par le licenciement, s'il: |
| 1º ataye akazi nta mpamvu izwi cyangwa nta ruhushya mu gihe kigeze nibura ku minsi itanu (5) ikurikirana; | 1º deserts his or her work without valid reasons or without authorization for a period of at least five (5) consecutive days; | 1° déserte son travail pour une période de cinq (5) jours consécutifs au moins sans motif valable ou permission; |
| 2º ahimbye cyangwa atangaje amakuru agamije ibikorwa by'iterabwoba ku ishuri; | 2º creates or disseminates information meant to create terror activities within the school; | 2° crée ou diffuse des informations destinées à créer des activités terroristes à l'intérieur de l'école; |
| 3º ayoboye cyangwa agize uruhare mu bikorwa ibyo ari byo byose by'uburiganya mu gukosora cyangwa gutanga amanota; | 3º prompts or is involved in any form of assessment or marking malpractices; | 3° invite ou participe à toute forme de malversation dans l'évaluation ou la correction; |
| 4º yangije umutungo w'ishuri abigambiriye; | 4º deliberately destructs the school property; | 4° détruit délibérément les biens de l'école; |

| | | |
|---|---|---|
| 5º yakatiwe burundu n'urukiko igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6); | 5º definitively sentenced by a court to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months; | 5° a été définitivement condamné par une juridiction à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois; |
| 6º yakatiwe burundu n'urukiko kubera icyaha cya jenoside cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenoside; | 6º definitively sentenced by a court for the crime of genocide or genocide ideology; | 6° a été définitivement condamné par une juridiction pour le crime de génocide ou d'idéologie du génocide; |
| 7º akoresheje imvugo cyangwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bushyigikira ingengabitekerezo ya jenoside cyangwa irindi vangura iryo ari ryo ryose; | 7º uses language or any other means to support genocide ideology or any other form of discrimination; | 7° utilise un langage ou tout autre moyen pour soutenir l'idéologie du génocide ou toute autre forme de discrimination; |
| 8º akoze uburiganya agahindura ibikubiye muri dosiye ye y'akazi, cyangwa iy'undi mwarimu; | 8º fraudulently alters the content of his or her or another teacher's professional file; | 8° modifie frauduleusement le contenu de son dossier professionnel ou celui d'un autre enseignant; |
| 9º yatanze ibyangombwa mpimbano bigashingirwaho kugira ngo ahabwe akazi; | 9º has submitted among his or her credentials falsified documents in order to get recruited; | 9° a déposé dans son dossier de demande d'emploi un document falsifié pour être recruté; |
| 10º yibye ku kazi; | 10º commits theft at work; | 10° commet un vol au travail; |
| 11º arwanye ku kazi; | 11º assaults another person at work; | 11° agresse une autre personne au travail; |
| 12º atutse umuyobozi w'ishuri, umwungirije, umwarimu wo mu ntera iri hejuru y'iye hakoreshejwe amagambo, inyandiko, ibishushanyo cyangwa amafoto; | 12º insults verbally, in writing, by images or pictures the Head teacher, Deputy Head teacher or any other teacher of the superior grade; | 12° insulte verbalement, par écrit, par images ou par photos le directeur de l'école, le préfet ou tout autre enseignant de grade supérieur; |
| 13º akoze uburiganya bugamije gutonesha cyangwa kugabanyiriza amahirwe | 13º commits a fraudulent act or omission aimed at favouring a candidate or putting his or her | 13° commet un acte ou une omission frauduleuse dans l'intention de favoriser ou |

| | | |
|---|---|---|
| umukandida mu bijyanye n'itangwa ry'akazi; | at disadvantage in course of recruitment process; | désavantager un candidat au cours d'une compétition de recrutement; |
| 14º asabye, yakiriye cyangwa atanze impano cyangwa indonke kugira ngo hatangwe serivisi; | 14º requires, receives or offers a donation or illegal benefit for provision of a service; | 14° exige, reçoit ou offre un don ou un avantage illégal en vue de la prestation d'un service; |
| 15º ahoza umunyeshuri cyangwa undi mukozi w'ishuri ku nkeke iyo ari yo yose ishingiye ku gitsina; | 15º commits any form of sexual harassment against a learner or any other staff member; | 15° exerce toute forme de harcèlement sexuel à un apprenant ou un autre membre du personnel; |
| 16º akoze ihohotera rishingiye ku gitsina ku ishuri; | 16º commits a gender-based violence at school; | 16° commet une violence basée sur le genre à l'école; |
| 17º ahaye umunyeshuri amanota atabikwiriye, yorohereje umunyeshuri gukopera cyangwa yimye umunyeshuri amanota akwiriye kubera inyungu ze bwite; | 17º awards to a learner inappropriate marks, facilitates a learner to cheat or does not award to a learner his or her appropriate marks due to personal interest; | 17° attribue à un apprenant une note inappropriée, facilite à un apprenant de tricher ou ne lui donne pas sa note appropriée en raison de son intérêt personnel; |
| 18º ashyizeho cyangwa agiye mu mutwe w'abagizi ba nabi ugamije kubangamira ibikorwa by'ishuri; | 18º forms or joins a criminal association for the purpose of harming the school activities; | 18° forme ou adhère à une association de malfaiteurs dans le but de nuire aux activités de l'école; |
| 19º yanze kurahira indahiro mu buryo buteganywa n'amategeko. | 19º refuses to take oath in accordance with relevant laws. | 19° refuse de prêter serment conformément à la législation en la matière. |
| **<u>Ingingo ya 98</u>: Kugena andi makosa yo mu kazi atagaragara muri iri teka** | **<u>Article 98</u>: Establishing Other disciplinary faults not provided for by this Order** | **<u>Article 98</u>: Qualification d'autres fautes disciplinaires non prévues par le présent arrêté** |
| Iyo umwarimu akoze igikorwa cyangwa agize | When a teacher commits an act or behaves in | Lorsqu'un enseignant commet un acte ou se |

| | | |
|---|---|---|
| imyitwarire binyuranya n'inshingano ze z'akazi bikabyara ikosa ryo mu kazi ridateganyijwe muri iri teka, Umugenzuzi w'uburezi wo ku rwego rw'igihugu ashingiye ku myanzuro y'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi, agena uburemere bw'icyabyaye ikosa ryo mu kazi n'ubwoko bw'igihano bikwiranye mu bihano biteganyijwe n'iri teka. | a way that breaches his or her work obligation while such act or conduct is not among disciplinary faults provided for by this Order, the Inspector of education at national level, upon recommendation of the Internal disciplinary committee, determines the gravity of acts or behaviour taken as disciplinary fault and its corresponding sanction, among sanctions provided for by this Order. | conduit d'une façon qui contrevient à son obligation professionnelle alors que cet acte ou cette conduite ne figure pas parmi les fautes disciplinaires prévues par le présent arrêté, l'Inspecteur de l'éducation au niveau national, considérant les recommandations du Comité interne ayant la discipline dans ses attributions, détermine la gravité de l'acte ou conduite qualifié comme faute ainsi que la sanction correspondante, sur la liste des sanctions prévues par le présent arrêté. |
| **<u>Icyiciro cya 4</u>: Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi** | **<u>Section 4:</u> Internal disciplinary committee** | **<u>Section 4</u>: Comité interne de discipline** |
| **<u>Ingingo ya 99</u>: Ishyirwaho ry'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi** | **<u>Article 99</u>: Establishment of Internal disciplinary committee** | **<u>Article 99</u>: Mise en place d'un Comité interne de discipline** |
| Buri kigo cy'ishuri kigomba gushyiraho akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi. | Each school must establish an Internal disciplinary committee. | Chaque école doit mettre en place un Comité interne de discipline. |
| **<u>Ingingo ya 100</u>: Inshingano z'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi** | **<u>Article 100</u>: Responsibilities of the Internal disciplinary committee** | **<u>Article 100</u>: Attributions du Comité interne de discipline** |
| Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi gafite inshingano zikurikira: | The Internal disciplinary committee has the following responsibilities: | Le Comité interne de discipline a les attributions suivantes: |
| 1° gukora iperereza ryo mu rwego rw'akazi ku ikosa umwarimu akekwaho hagamijwe | 1° to carry out administrative investigations on the fault alleged to a teacher, intended to | 1° mener des enquêtes administratives sur une faute prétendue être commise par un |

| | | |
|---|---|---|
| gusesengura uburyo ikosa ryabayemo, ingaruka zaryo, ndetse no kugaragaza ibimenyetso bishimangira ko ikosa ryabayeho; | the analysis of the circumstances surrounding the commission of the fault, its consequences and collection of evidence; | enseignant, en vue d'analyser les circonstances dans lesquelles la faute a été commise, ses conséquences et la recherche des preuves; |
| 2° gutanga inama ku gihano cyafatirwa umwarimu no gushyikiriza umuyobozi ufite ububasha bwo guhana raporo y'iperereza. | 2° suggest a sanction to be imposed on the teacher and to submit a relevant investigation report to the competent authority to impose sanctions. | 2° proposer la sanction à infliger à un enseignant et transmettre un rapport d'enquête à l'autorité compétente pour imposer des sanctions. |
| **<u>Ingingo ya 101</u>: Abagize Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi mu mashuri y'incuke n'abanza** | **<u>Article 101</u>: Composition of Internal disciplinary committee in nursery and primary schools** | **<u>Article 101</u>: Composition du Comité interne de discipline dans les écoles maternelles et primaires** |
| Ku rwego rw'amashuri y'incuke n'abanza, akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi kagizwe n'abantu batanu (5) bakurikira: | In nursery and primary schools, the internal disciplinary committee comprises the following five (5) members: | Dans les écoles maternelles et primaires, le comité interne chargé de discipline est composé de cinq (5) membres suivants: |
| 1° umuyobozi w'akanama: umwarimu utorwa na begenzi be: | 1° the Committee Chairperson: a teacher elected by his or her peers; | 1° le Président du comité: un enseignant élu par ses pairs; |
| 2° abarimu babiri (2) batorwa na bagenzi babo, umwe akaba Visi Perezida, undi akaba Umunyamabanga w'akanama; | 2° two (2) representatives of teachers elected by colleagues, one as the Vice-Chairperson the other as the Secretary of the committee; | 2° deux (2) représentants des enseignants élus par leurs pairs, l'un assumant le poste de Vice-Président et l'autre de Secrétaire du comité; |
| 3° umubyeyi w'umugabo n'umubyeyi w'umugore bahagarariye abandi babyeyi barerera kuri iryo shuri. | 3° a male and a female parents representing parents whose children are learners at the school. | 3° un parent de sexe féminin et un parent de sexe masculin représentant les parents dont les enfants fréquentent l'école. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 102</u>: Abagize Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi mu mashuri yisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingiro** | **<u>Article 102</u>: Composition of Internal disciplinary committee in secondary and TVET schools** | **<u>Article 102</u>: Composition du Comité interne de discipline dans les écoles secondaires et techniques et professionnelles** |
| Mu mashuri yisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingiro, Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi kagizwe n'abantu barindwi (7) bakurikira: | In secondary and technical and vocational schools, the internal disciplinary committee is composed by the following seven (7) members: | Dans les écoles secondaires et techniques et professionnelles, le comité interne de discipline est composé de sept (7) membres suivants: |
| 1º Perezida w'akanama: umuyobozi wungirije ushinzwe imyifatire n'imyitwarire; | 1º Chairperson of the committee: the Deputy Head Teacher in charge of discipline; | 1° Président du comité: le Préfet de discipline; |
| 2º Visi Perezida w'akanama: umwarimu utorwa na bagenzi be,; | 2º Vice Chairperson of the committee: a teacher elected by his or her peers ; | 2° Vice-Président du comité: un enseignant élu par ses pairs; |
| 3º abarimu batatu (3) barimo Umwanditsi w'Akanama, batorwa na bagenzi babo; | 3º three (3) representatives of teachers, including the Secretary of the committee, who are elected by colleagues; | 3° trois (3) représentants des enseignants y compris le Secrétaire du comité, élus par leurs pairs; |
| 4º Umubyeyi w'umugabo n'umubyeyi w'umugore barerera kuri iryo shuri bahagarariye abandi babyeyi. | 4º a male and a female parent representing parents whose children are learners at the school. | 4° un parent de sexe féminin et un parent de sexe masculin représentant les parents dont les enfants fréquentent cette école. |
| **<u>Ingingo ya 103</u>: Igihe abagize Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi bamara kuri uwo mwanya** | **<u>Article 103</u>: Term of office of members of Internal disciplinary committee** | **<u>Article 103</u>: Mandat des membres du Comité interne de discipline** |
| Abagize Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi badatorwa babamo ku | Non-elected members of the Internal disciplinary committee are permanent, while | Les membres du Comité interne de discipline non élus sont permanents, tandis que les autres |

| | | |
|---|---|---|
| buryo buhoraho, mu gihe abagomba gutorwa batorerwa manda y'umwaka umwe (1) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa. | other members are elected for a term of office of one (1) year renewable only once. | membres sont élus pour un mandat d'une (1) année renouvelable une seule fois. |
| **<u>Ingingo ya 104</u>: Ihezwa ry'ugize Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi** | **<u>Article 104</u>: Non-participation of a member to meetings of Internal disciplinary committee** | **<u>Article 104</u>: Exclusion d'un membre aux réunions du Comité interne de discipline** |
| Iyo ugize akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi, uwo bashakanye cyangwa uwo bafitanye isano rishingiye ku buvandimwe ku rwego rwa mbere akurikiranyweho ikosa, ugize akanama ntiyemererwa kwitabira imirimo ijyanye no gusuzuma ikosa akekwaho. | In case a committee member of the internal disciplinary committee, his or her spouse, or a person of kinship at the first degree is alleged to have committed a fault, the committee member does not participate in the committee's activities related to the analysis on his or her case. | S'il y a des allégations de faute portées contre un membre du comité interne de discipline, son conjoint ou une personne ayant un lien de parenté avec le membre au premier degré, le membre du comité ne participe pas aux activités du comité relatives à l'examen de son affaire. |
| **<u>Ingingo ya 105</u>: Ikurikiranwa rya Perezida w'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi** | **<u>Article 105</u>: Proceedings over the Chairperson of Internal disciplinary committee** | **<u>Article 105:</u> Poursuite du Président du Comité interne de discipline** |
| Amakosa yo mu kazi yakozwe na Perezida w'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa ku ishuri akurikiranwa n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi ku rwego rw'Umurenge ishuri riherereyemo. | Disciplinary faults committed by the Chairperson of the school disciplinary committee are investigated by the Internal disciplinary committee of the Sector in which the school is located. | Les fautes disciplinaires commises par le Président du comité de discipline de l'école sont poursuivies par le Comité interne de discipline du Secteur où se trouve l'école. |
| **<u>Ingingo ya 106</u>: Itumirwa ry'undi muntu mu nama y'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi** | **<u>Article 106</u>: Invitation of a resource person in meeting of Internal disciplinary committee** | **<u>Article 106:</u> Invitation d'une personne ressource dans une réunion du Comité interne de discipline** |
| Iyo bibaye ngombwa, Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi gashobora | If considered necessary, the Internal Disciplinary Committee may invite to its | En cas de besoin, le Comité interne de discipline peut inviter une personne ressource à sa |

| | | |
|---|---|---|
| gutumira mu nama undi muntu gakeneyeho amakuru. Icyakora umuntu watumiwe ntagira uburenganzira mu gutora cyangwa mu ifatwa ry'ibyemezo. | meeting a resource person. However, that resource person does not have right to vote or to participate in taking decisions. | réunion. Cependant, la personne ressource n'a pas le droit de voter ni de participer à la prise de décisions. |
| **Icyiciro cya 5: Ububasha bwo guha umwarimu igihano cyo mu rwego rw'akazi** | **Section 5: Competence to impose a disciplinary sanction to a teacher** | **Section 5: Compétence pour infliger une sanction disciplinaire à un enseignant** |
| **Ingingo ya 107: Umuyobozi ufite ububasha bwo guha umwarimu igihano cyo mu rwego rw'akazi** | **Article 107: Competent authority to impose a disciplinary sanction to a teacher** | **Article 107: Autorité compétente pour infliger une sanction disciplinaire à un enseignant** |
| Bisabwe n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi, Umuyobozi w'ishuri atanga ibihano ku mwarimu wakoze ikosa rihanishwa igihano cyo kwihanangirizwa cyangwa kugawa bikamenyeshwa Umurenge n'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere ishuri riherereyemo. | Upon recommendation of the school disciplinary committee, the Head teacher imposes sanctions to a teacher who committed one of the fault sanctioned by warning or reprimand with a copy to the Sector and to the City of Kigali or the District where the school is located. | Sur recommandation du comité de discipline de l'école, le Directeur de l'école inflige une sanction à un enseignant qui a commis l'une des fautes sanctionnées par un avertissement ou une réprimande avec une copie au Secteur et à la Ville de Kigali ou le District où se trouve l'école. |
| Ku byerekeye amakosa ahanishwa guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) nta mushahara cyangwa igihano cyo kwirukanwa ku kazi burundu, igihano gitangwa n'umuyobozi wahaye umwarimu akazi ashingiye ku myanzuro y'Umuyobozi w'Ishuri abisabwe n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi. | Regarding faults sanctioned by suspension for a period not exceeding three (3) months without being paid or dismissal, the sanction is imposed by the appointing authority, upon the recommendations of the Head teacher based on the school disciplinary committee. | En ce qui concerne les fautes sanctionnées par la suspension pour une période ne dépassant pas trois (3) mois sans être payé ou le licenciement, la sanction est imposée par l'autorité de nomination sur recommandations du Directeur de l'école sur demande du comité de discipline de l'école. |
| Mu gihe ikosa rihanishwa kwihanangirizwa, kugawa, guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa | When a fault sanctioned by warning, reprimand, suspension for a period not exceeding three (3) months without being paid or dismissal is | Lorsqu'une faute sanctionnée par l'avertissement, la réprimande, la suspension pour une période ne dépassant pas trois (3) mois |

| | | |
|---|---|---|
| cyangwa kwirukanwa ku kazi burundu yakozwe n'Umuyobozi w'ishuri, igihano gitangwa n'umuyobozi wamuhaye akazi ashingiye ku myanzuro y'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi ko ku rwego rw'Umurenge ishuri riherereyemo kayobowe n'Umugenzuzi w'Uburezi mu Murenge. | committed by the head teacher, the sanction is imposed by the appointing authority upon recommendations of the disciplinary committee of the Sector in which the school is located headed by the Inspector of education at Sector level. | sans être payé ou le licenciement est commise par le directeur de l'école, la sanction est imposée par l'autorité de nomination sur les recommandations du comité de discipline du Secteur dans lequel se trouve l'école qui est présidé par l'inspecteur de l'éducation au niveau du Secteur. |
| Umugenzuzi w'uburezi ku rwego ariho urwo ari rwo rwose ashobora guhagarika by'agateganyo umwarimu wakoze ikosa cyangwa wafatiwe mu cyuho ari mu gikorwa gihanishwa guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa cyangwa kwirukanwa ku kazi burundu. Uwo mugenzuzi abikorera inyandiko mvugo ashyikiriza uwahaye umwarimu akazi n'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi. | An inspector of education, at any level, may temporarily suspend a teacher who committed a fault or who is caught in any act sanctioned by suspension for a period not exceeding three (3) months without being paid or dismissal. The inspector makes a report thereof and submit to the teacher's appointing authority and to the internal disciplinary committee. | Un inspecteur de l'éducation, à n'importe quel niveau, peut provisoirement suspendre un enseignant qui a commis une faute ou qui est pris en flagrant délit dans un acte quelconque sanctionné par une suspension pour une période ne dépassant pas trois (3) mois sans être payé ou par un licenciement. L'inspecteur en dresse un procès –verbal qu'il transmet à l'autorité de nomination de l'enseignant et au comité interne de discipline. |
| Iyo umwarimu yahagaritswe by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atatu (3), ibyerekeye kumukurikirana kubera ayo makosa bihita bitangira. | In case a teacher is suspended for a period not exceeding three (3) months, the disciplinary procedure is immediately initiated. | Lorsqu'un enseignant est suspendu pour une période ne dépassant pas trois (3) mois, la procédure disciplinaire est immédiatement engagée. |
| **<u>Icyiciro cya 6</u>: Uburyo bwo guha umwarimu ibihano byo mu rwego rw'akazi** | **<u>Section 6:</u> Modalities for imposing disciplinary sanctions to a teacher** | **<u>Section 6:</u> Modalités d'imposition des sanctions disciplinaires à un enseignant** |
| **<u>Ingingo ya 108</u>: Uburyozwe bw'ikosa ryo mu kazi n'uburyozwe bw'icyaha** | **<u>Article 108</u>: Disciplinary liability and criminal liability** | **<u>Article 108</u>: Responsabilité disciplinaire et responsabilité pénale** |
| Igihano cyo mu rwego rw'akazi cy'umwarimu | A disciplinary sanction of a teacher is | La sanction disciplinaire d'un enseignant est |

| | | |
|---|---|---|
| ntikibangamira uburyozwe bw'icyaha ku buryo ikosa rimwe rishobora gutuma hatangizwa icyarimwe ikurikiranwa ku ikosa ryo mu kazi n'ikurikiranacyaha. | independent from criminal liability to the extent that the same fault may lead to both disciplinary proceedings and criminal proceedings. | indépendante de la responsabilité pénale à tel point qu'une même faute peut déclencher une poursuite disciplinaire et une poursuite pénale en même temps. |
| Iyo umwarimu akurikiranyweho icyaha gifitanye isano n'ikosa ryo mu kazi, urwego akorera rumukurikirana ku ikosa ryo mu kazi rutabanje gutegereza ko ikurikiranacyaha rirangira. | If a teacher is prosecuted for an offense related to a disciplinary fault, his or her employing organ opens disciplinary proceedings, without waiting for the closure of criminal proceedings. | Si un enseignant est poursuivi pour une infraction liée à une faute disciplinaire, l'organe d'emploi déclenche les procédures disciplinaires sans attendre la clôture de la procédure pénale. |
| **<u>Ingingo ya 109</u>: Kwisobanura** | **<u>Article 109</u>: Means of defence** | **<u>Article 109</u>: Moyens de défense** |
| Umuyobozi ufite ububasha bwo guhana umwarimu asaba umwarimu wagaragaweho ikosa gutanga ibisobanuro ku ikosa akekwaho. | The competent authority to impose a sanction on the teacher requests the teacher who is alleged to have committed a fault to respond to charges against him or her. | L'autorité compétente à infliger une sanction à un enseignant demande à l'enseignant de donner des explications sur les faits lui reprochés. |
| Umwarimu atanga ibyo bisobanuro mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi, uhereye igihe yaboneye urwandiko rumusaba kwisobanura. | The teacher responds to charges against him or her within five (5) working days, from the date of receipt of the written notification. | L'enseignant est tenu de fournir les explications sur les faits lui reprochés endéans cinq (5) jours ouvrables, comptés à partir de la date de notification de la demande d'explication. |
| Umuyobozi wasabye umwarimu kwisobanura amumenyesha ko ibisobanuro yatanze byumvikanye cyangwa bitumvikanye mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi, ibarwa uhereye igihe umwarimu yagejeje ibaruwa itanga ibisobanuro ku muyobozi wabimusabye. Iyo icyo gihe gishize umwarimu ataramenyeshwa mu nyandiko umwanzuro ku bisobanuro yatanze, | The competent authority who requested explanations from the teacher informs him or her whether his or her response has been satisfactory or not, within ten (10) working days from the date the written response letter reached the authority who had requested it. If that period expires without written response to the teacher, his or her explanations are considered as satisfactory. | L'autorité compétente qui a demandé à l'enseignant des explications sur les faits lui reprochés, informe l'enseignant si les explications fournies sont satisfaisantes ou non endéans dix (10) jours ouvrables, comptés à partir de la date de soumission de la lettre d'explications à l'autorité qui avait demandé des explications. Lorsque cette période expire sans réponse écrite donnée à l'enseignant, ses |

| | | |
|---|---|---|
| ibisobanuro bye bifatwa nk'aho byumvikanye kandi byemewe. | | explications sont considérées comme satisfaisantes. |
| **<u>Ingingo ya 110</u>: Gukurikirana no guhana ikosa ryo mu kazi** | **<u>Article 110</u>: Proceedings over a disciplinary fault** | **<u>Article 110</u>: Poursuite et sanction d'une faute disciplinaire** |
| Iyo umwarimu ukekwaho ikosa atanze ibisobanuro byumvikana, gukurikiranwa birahagarara na dosiye yari akurikiranyweho igashyingurwa burundu. | When a suspected teacher produces satisfactory explanations, the disciplinary action is withdrawn and all charges closed. | Lorsqu'un enseignant suspecté d'une faute fournit des explications satisfaisantes, l'action disciplinaire s'éteint et le dossier y relatif est classé sans suite. |
| Iyo ibisobanuro umwarimu atanze bitumvikana, umuyobozi ubifitiye ububasha ahita asaba Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi, gukurikirana iryo kosa kugira ngo karitangeho raporo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye umunsi kasabiwe gutangira gukurikirana ikosa. | When the explanations produced by the teacher are not satisfactory, upon request by the competent authority, the Internal disciplinary committee makes investigations and provides a report within fifteen (15) working days from the date it received the request to start investigations. | Lorsque les explications fournies par l'enseignant ne sont pas satisfaisantes, sur demande de l'autorité compétente, le Comité interne de discipline procède avec les poursuites et donne un rapport endéans quinze (15) jours ouvrables, à partir du jour de la demande de commencer les poursuites. |
| Umuyobozi ubifitiye ububasha amenyesha umwarimu mu nyandiko umwanzuro yafatiwe mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye umunsi yaboneyeho inama yatanzwe n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi. | The competent authority notifies the teacher in writing of a decision taken against him or her within five (5) working days, from the date the competent authority received views from the Internal disciplinary committee. | L'autorité compétente notifie par écrit à l'enseignant concerné de la décision prise contre lui dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables comptés à partir du jour de la réception de l'avis du Comité interne ayant la discipline dans ses attributions. |
| Umwarimu ukurikiranweho ikosa ntashobora koherezwa mu mahugurwa cyangwa kwemererwa gusezera ku kazi hatarafatwa umwanzuro ku ikosa akurikiranweho. | A teacher who is under investigations for a fault cannot be sent on training, and his or her resignation cannot be approved before a final decision on the alleged fault is taken. | Un enseignant qui est sujet d'investigations pour une faute ne peut pas être envoyé en formation et sa démission ne peut pas être acceptée avant la décision finale sur sa faute. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 111</u>: Ihagarikwa ry'agateganyo mu gihe cy'iperereza** | **<u>Article 111:</u> Suspension during investigation** | **<u>Article 111:</u> Suspension par mesure d'ordre** |
| Umwarimu ukekwaho ikosa riremereye rishobora gutuma ahanishwa igihano cyo mu rwego rwa kabiri, ashobora guhagarikwa by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atandatu (6), kugira ngo hakorwe iperereza ryimbitse ku ikosa rye. Muri icyo gihe umushahara w'umwarimu wahagaritswe by'agateganyo kubera iperereza ukomeza kubarwa wose akanawubikirwa. Iyo nta kosa rimuhamye ahabwa imishahara ye uko yayibikiwe. Iyo ikosa rimuhamye, atakaza uburenganzira ku mishahara yose yari yarabikiwe. | A teacher suspected of having committed a serious fault which can be punished by a sanction of the second category, may be suspended for a period not exceeding six (6) months pending further investigations. During this period the whole salary of the suspended teacher continues to be calculated and retained. In case of innocence with regard to disciplinary charges against him or her, the teacher receives the salary retained for him or her. If the teacher is found guilty, he or she is not entitled to the salary that was retained for him or her. | Un enseignant suspecté d'avoir commis une faute grave passible d'une sanction de la deuxième catégorie peut être suspendu par mesure d'ordre pour une période ne dépassant pas six (6) mois en attendant les conclusions de l'enquête. Pendant cette période de suspension tout le salaire de l'enseignant suspendu par mesure d'ordre continue d'être calculé et conservé pour lui. En cas de non culpabilité à l'égard de la faute disciplinaire, l'enseignant reçoit le salaire conservé pour lui. Si l'enseignant est reconnu coupable, il n'a pas droit à tout le salaire qui a été conservé pour lui. |
| Iyo igihe cyo guhagarikwa by'agateganyo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kirangiye, kandi umwarimu ataramenyeshwa icyemezo yafatiwe ahita asubira ku murimo ndetse agafatwa nk'utarahamwe n'ikosa. | In case the period of suspension mentioned in Paragraph One of this Article elapses without any conclusion on his or her case, the concerned teacher immediately resumes his or her work and is considered innocent with regard to disciplinary charges against him or her. | Au cas où la période de suspension mentionnée à l'alinéa premier du présent article arrive à terme sans que la dernière décision ait été prise, l'enseignant concerné retourne immédiatement au travail et il est considéré comme non coupable à l'égard de la faute disciplinaire. |
| Icyemezo gihagarika umwarimu by'agateganyo ku mpamvu z'iperereza gifatwa n'umuyobozi ufite ububasha bwo guhana ikosa akurikiranyweho amaze kugisha inama Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi. | A decision of suspension of a teacher for investigations is taken by the authority competent to impose the sanction after consultation with the Internal disciplinary committee. | La décision de suspendre un enseignant pour raison d'enquête est prise par l'autorité compétente pour infliger la sanction après avoir consulté le Comité interne de discipline. |
| Iyo umwarimu wahagaritswe ku kazi kugira | If the teacher who has been suspended for | Lorsque l'enseignant suspendu par mesure |

| | | |
|---|---|---|
| ngo hakorwe iperereza ahamwe n'ikosa, igihano ahawe kigira agaciro kuva igihe umwarimu yahagarikiwe by'agateganyo, kugira ngo hakorwe iperereza. | further investigations is found guilty, his or her sanction takes effects from the date he or she was suspended to carry out investigations. | d'ordre est reconnu coupable, sa sanction prend effet à partir du jour où il a été suspendu pour raison d'enquête. |
| **<u>Ingingo ya 112</u>: Ibaruwa y'igihano** | **<u>Article 112</u>: Letter of sanction** | **<u>Article 112</u>: Lettre de sanction** |
| Igihano cyose gitangwa mu buryo bw'ibaruwa, aho umuyobozi ubifitiye ububasha agaragariza umwarimu mu buryo burambuye ikosa yakoze n'igihano ahawe. | Each sanction is imposed through a letter issued by the competent authority who clarifies in details the fault committed and its sanction. | Chaque sanction est infligée par l'autorité compétente sous forme d'une lettre qui clarifie en détails la faute commise et sa sanction. |
| Ibaruwa y'igihano gitanzwe ishyikirizwa umwarimu ubwe, na we akayishyiraho icyemezo cy'iyakira mu nyandiko. Kopi y'iyo baruwa y'igihano yashyizweho icyemezo cy'iyakirwa ibikwa muri dosiye y'umwarimu. | The letter of the imposed sanction is delivered to the concerned teacher with confirmation of receipt. A copy of the letter marked with an acknowledgement of receipt is kept in the concerned teacher's file. | La lettre de la sanction infligée est donnée à l'enseignant concerné avec accusé de réception. La copie de cette lettre portant accusé de réception est classée dans le dossier de l'enseignant concerné. |
| **<u>Ingingo ya 113</u>: Ibyubahirizwa bijyana n'igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa** | **<u>Article 113</u>: Modalities concerning the sanction of suspension for a period not exceeding three (3) months without being paid** | **<u>Article 113</u>: Modalités liées à la sanction de suspension disciplinaire pour une période ne dépassant pas trois (3) mois sans être payé** |
| Iyo igihano cyahawe umwarimu ari uguhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahemberwa, umuyobozi ubifitiye ububasha agaragaza mu ibaruwa itariki ahagarikiweho n'itariki azagarukiraho ku kazi. | In case the sanction imposed to a teacher is a suspension for a period not exceeding three (3) months without being paid, the competent authority indicates dates of the beginning and end of such suspension. | Lorsque la sanction infligée à un enseignant est une suspension disciplinaire pour une période ne dépassant pas trois (3) mois sans être payé, l'autorité compétente mentionne dans la lettre les dates du début et de la fin de ladite suspension. |
| Mu gihe cyose umwarimu ari mu gihano cyo guhagarikwa ku kazi ntagenerwa umushahara | During the period of the sanction of suspension, the concerned teacher is not entitled to salary | Pendant la période de la sanction de suspension, l'enseignant concerné ne bénéficie pas de son |

| | | |
|---|---|---|
| n'ibindi bigenerwa umwarimu mu rwego rwo kumufasha gutunganya imirimo ye. | and fringe benefits allocated for service purposes. | salaire et des avantages alloués dans le cadre du travail. |
| **<u>Ingingo ya 114</u>: Ibyubahirizwa bijyana n'igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi** | **<u>Article 114:</u> Modalities concerning the sanction of dismissal** | **<u>Article 114</u>: Modalités liées à la sanction de révocation** |
| Umwarimu wirukanywe burundu ku kazi ahita ashyirwa ku rutonde rw'abatemerewe gushaka akazi cyangwa gushyirwa mu mwanya w'akazi mu Butegetsi bwa Leta. | A teacher who is dismissed from work is registered on a black list for public servants prohibited from recruitment into the public service. | Un enseignant révoqué du travail est enregistré sur la liste noire des agents de l'Etat interdits au recrutement dans la fonction publique. |
| Urutonde ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rukorwa na Minisiteri ifite uburezi mu nshingano rugashyikirizwa Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano. | The black list referred to in Paragraph One of this Article is prepared by the Ministry in charge of education and transmitted to the Ministry in charge of public service. | La liste noire visée à l'alinéa premier du présent article est préparée par le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions et transmise au Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions. |
| **<u>Ingingo ya 115</u>: Ubwishyu mu gihe cy'igihano cyo mu rwego rw'akazi kijyanye n'ikosa ryo kwangiza cyangwa guta igikoresho cy'akazi** | **<u>Article 115</u>: Compensation in case of disciplinary sanction based on the loss or damage of office equipment** | **<u>Article 115</u>: Remboursement en cas de sanction disciplinaire relative à la perte ou endommagement du matériel de travail** |
| Umwarimu wahawe igihano cyo mu rwego rw'akazi kubera ko yangije cyangwa yataye igikoresho cy'akazi nk'uko biteganywa n'iri teka yishyura na none ishuri akorera amafaranga angana n'agaciro kacyo mu gihe cyangijwe cyangwa cyatawe. | A teacher to whom a disciplinary sanction was imposed because of damage or loss of office equipment in accordance with the provisions of this Order, is also ordered to compensate the school based on the monetary value of the lost or damaged office equipment. | Un enseignant à qui on inflige une sanction disciplinaire suite à la perte ou l'endommagement du matériel de travail conformément aux dispositions du présent arrêté paie aussi en argent la valeur du matériel endommagé ou perdu. |
| Ingano y'amafaranga umwarimu wahanwe agomba kwishyura igaragazwa mu ibaruwa imumenyesha igihano. | The amount of money to be paid to compensate the damage is communicated through the letter of sanction. | Le montant à payer en termes de remboursement est communiqué dans la lettre de sanction. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 116</u>: Uburyo bwo guhana impurirane y'amakosa yo mu kazi** | **<u>Article 116</u>: Modalities of imposing a sanction in case of concurrence of disciplinary faults** | **<u>Article 116</u>: Modalités d'infliger une sanction en cas de concours de fautes disciplinaires** |
| Iyo umwarimu ahamwe n'amakosa yo mu kazi y'uruhurirane akomotse ku gikorwa kimwe, ahabwa igihano kimwe gusa gisumba ibindi mu biteganyirijwe amakosa yakozwe. | When a teacher is convicted of several disciplinary faults as a result of one fact, he or she is imposed only the most severe sanction among sanctions provided for the concerned faults. | Lorsqu'un enseignant est reconnu coupable de plusieurs fautes disciplinaires résultant d'un seul acte, il est infligé la sanction la plus sévère parmi toutes les sanctions qui étaient prévues pour les fautes commises. |
| **<u>Ingingo 117</u>: Uburyo bwo guhana umwarimu watijwe** | **<u>Article 117</u>: Modalities of sanctioning a teacher on secondment** | **<u>Article 117:</u> Modalités de sanction d'un enseignant détaché** |
| Iyo umwarimu watijwe akoze ikosa ryo mu kazi, akurikiranwa kandi agahanwa hakurikijwe amategeko y'urwego yatijwemo. | When a teacher on secondment commits a disciplinary fault, he or she is subject to investigations and sanctioned in accordance with the laws of the host institution. | Lorsqu'un enseignant détaché commet une faute disciplinaire, il fait l'objet d'enquête et est sanctionné conformément aux lois qui régissent l'institution d'accueil. |
| Iyo umwarimu wavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ukoze ikosa ryo mu kazi rihanishwa igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi, gukurikirana ikosa no kurihana bikorwa ku bufatanye bw'Urwego umwarimu yatijwemo n'urwego yaturutsemo. | When the teacher referred to in Paragraph One of this Article commits a disciplinary fault which should be sanctioned by dismissal, the disciplinary proceedings and the sanction are carried out in collaboration between the institution of secondment and his or her institution of origin. | Lorsque l'enseignant mentionné à l'alinéa premier du présent article commet une faute disciplinaire qui est sanctionnée par la révocation, la poursuite disciplinaire et la sanction sont faites en collaboration entre l'institution d'accueil et son institution d'origine. |
| **<u>UMUTWE WA XI</u>: UBUJURIRE** | **<u>CHAPTER XI</u>: APPEAL** | **<u>CHAPITRE XI:</u> RECOURS** |
| **<u>Ingingo ya 118</u>: Uburenganzira bw'umwarimu bwo kujurira** | **<u>Article 118:</u> Right of a teacher to appeal** | **<u>Article 118</u>: Droit de recours pour un enseignant** |
| Umwarimu ubona ko icyemezo yafatiwe | A teacher who considers that a decision taken | Un enseignant qui estime qu'une décision prise |

| | | |
|---|---|---|
| kitamunyuze afite uburenganzira bwo kujurira. | against him or her is not justified has a right to appeal. | à son encontre n’est pas justifiée a le droit de faire recours. |
| **<u>Ingingo ya 119</u>: Uburyo gutakamba no kujurira bikorwa** | **<u>Article 119</u>: Procedure for request for reconsideration and appeal** | **<u>Article 119</u>: Procédure de recours gracieux et d’appel** |
| Umwarimu utanyuzwe n’umwanzuro yafatiwe ashobora gutakamba mu nyandiko ku rwego rwa mbere ku muyobozi wafashe icyemezo, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y’akazi ibarwa uhereye igihe umwarimu yamenyesherejwe icyemezo yafatiwe. Igisubizo ku gutakamba kimenyeshwa umwarimu mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) y’akazi ibarwa uhereye igihe ugutakamba kwakiriwe. | A teacher who is not satisfied with the decision taken against him or her may file a written request for reconsideration in the first instance to the authority who took the decision within five (5) working days from the date the decision is notified to the teacher. The response to the teacher is provided within fifteen (15) working days from the date the request for reconsideration is received. | Un enseignant qui s’estime lésé par la décision prise à son encontre peut, endéans cinq (5) jours ouvrables à compter de la date à laquelle la décision est notifiée à l’enseignant, introduire par écrit au premier degré un recours gracieux auprès de l’autorité qui a pris la décision. La réponse au recours gracieux est communiquée à l’enseignant endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de réception du recours. |
| Umwarimu utanyuzwe n’icyemezo cyafashwe ku rwego rwa mbere ashobora kujuririra ku rwego rwa kabiri ubuyobozi bw’Umujyi wa Kigali cyangwa ubw’Akarere ishuri riherereyemo. Ubujurire butangwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y’akazi ibarwa uhereye igihe umwarimu yaherewe igisubizo cyangwa yagombaga kuba yagihawe. Ubuyobozi bw’Umujyi wa Kigali cyangwa ubw’Akarere ishuri riherereyemo butanga igisubizo mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) y’akazi ibarwa uhereye igihe ubujurire bwakiriwe. | A teacher who is not satisfied with the decision taken at the first level may appeal in the second instance to the City of Kigali or the District where the school is located. The appeal is lodged within five (5) working days from the date the teacher was notified or would have been notified of the decision. The administration of the City of Kigali or the District where the school is located responds within fifteen (15) working days from the date the appeal is received. | Un enseignant qui n’est pas satisfait par la décision prise au premier degré peut introduire un recours au deuxième degré auprès de l’administration de la Ville de Kigali ou du District où l’école se trouve. Le recours est introduit endéans cinq (5) jours ouvrables à compter de la date à laquelle l’enseignant a été notifié ou aurait dû être notifié de la décision. L’administration de la Ville de Kigali ou du district où se trouve l’école donne la réponse endéans quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de réception du recours. |
| Umwarimu utanyuzwe n’icyemezo cyafashwe n’Ubuyobozi bw’Umujyi wa Kigali cyangwa | A teacher who is not satisfied with the decision taken at the second level by the administration | Un enseignant qui n’est pas satisfait de la décision prise au deuxième degré par |

| | | |
|---|---|---|
| ubw'Akarere ishuri riherereyemo, ajuririra Minisiteri ifite uburezi mu nshingano. Ubujurire butangwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe umwarimu yaherewe igisubizo cyangwa yagombaga kuba yagihawe. Minisiteri ifite uburezi mu nshingano itanga igisubizo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi ibarwa uhereye igihe ubujurire bwakiriwe. | of the City of Kigali or the District where the school is located may file his or her appeal to the Ministry in charge of education. The appeal is lodged within five (5) working days from the date the teacher was notified or would have been notified of the decision. The Ministry in charge of education responds within thirty (30) working days from the date the appeal is received. | l'administration de la Ville de Kigali ou du District peut introduire un recours auprès du Ministère ayant l'éducation dans ses attributions. Le recours est introduit endéans cinq (5) jours ouvrables à compter de la date à laquelle l'enseignant a été notifié ou aurait dû être notifié de la décision. Le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions donne la réponse endéans trente (30) jours ouvrables à compter de la date de réception du recours. |
| Umwarimu utanyuzwe n'icyemezo cyafashwe na Minisiteri ifite uburezi mu nshingano, ajuririra ku rwego rwa nyuma, urwego rwa Leta rwakira ubujurire mu micungire y'abakozi ba Leta. Ubujurire butangwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe umwarimu yaherewe igisubizo cyangwa yagombaga kuba yagihawe. Urwego rwa Leta rwakira ubujurire mu micungire y'abakozi ba Leta rutanga igisubizo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi ibarwa uhereye igihe ubujurire bwakiriwe. | A teacher who is not satisfied with the decision taken by the Ministry in charge of education may file his or her appeal in last instance to the public institution in charge of appeal related to the management of public servants. The appeal is lodged within five (5) working days from the date the teacher was notified or would have been notified of the decision. The public institution in charge of appeal related to the management of public servants responds within thirty (30) working days from the date the appeal is received. | Lorsqu'un enseignant n'est pas satisfait de la décision prise par le Ministère ayant l'éducation dans ses attributions, il peut introduire un recours au dernier degré auprès de l'institution publique chargée de statuer sur l'appel en rapport avec la gestion des agents de l'État. Le recours est introduit endéans cinq (5) jours ouvrables à compter de la date à laquelle l'enseignant a été notifié ou aurait dû être notifié de la décision. L'institution publique chargée de statuer sur l'appel en rapport avec la gestion des agents de l'État donne la réponse endéans trente (30) jours ouvrables à compter de la date de réception du recours. |
| Icyemezo cy'urwego rwa Leta rwakira ubujurire mu micungire y'abakozi ba Leta ntikijuririrwa mu rwego rw'ubutegetsi. | The decision of the public institution in charge of appeal related to the management of public servants is not subject to any other administrative appeal. | La décision de l'institution publique chargée de statuer sur l'appel en rapport avec la gestion des agents de l'État ne fait objet d'aucun autre recours administratif. |
| Ibikubiye muri iyi ngingo ntibireba ubujurire | Provisions of this Article do not apply in case of | Les dispositions du présent article ne |

| | | |
|---|---|---|
| mu bijyanye no gushaka abakozi. | appeal in recruitment matters. | s'appliquent pas en cas de recours en matière de recrutement. |
| **<u>Ingingo ya 120</u>: Ububasha bw'umuyobozi wakiriye ubujurire** | **<u>Article 120</u>: Powers of the authority in charge of appeal** | **<u>Article 120</u>: Pouvoirs de l'autorité chargée de statuer sur l'appel** |
| Umuyobozi wakiriye ubujurire ubonye ko umuyobozi wafashe icyemezo cyajuririwe atubahirije ibiteganywa n'iri teka, asaba mu nyandiko umuyobozi wafashe icyo cyemezo, gukosora amakosa yagaragaye cyangwa gusesa icyemezo yafashe. | The authority in charge of appeal who finds that the authority who took the decision subjected to appeal did not respect provisions of this Order requests, in writing, the authority who took that decision, to correct identified irregularities or to cancel the decision taken. | L'autorité chargée de statuer sur l'appel qui constate que l'autorité qui a pris la décision faisant l'objet d'appel n'a pas respecté les dispositions du présent arrêté demande, par écrit, à l'autorité qui a pris cette décision de corriger les irrégularités identifiées ou d'annuler la décision prise. |
| **<u>Ingingo ya 121</u>: Kuregera inkiko** | **<u>Article 121</u>: Filing a case in court** | **<u>Article 121</u>: Saisine d'une juridiction** |
| Umwarimu utanyuzwe n'icyemezo cy'umuyobozi yajuririye ku rwego rwa nyuma ashobora kuregera inkiko hakurikijwe amategeko abigenga. | A teacher, who is not satisfied with a decision of an authority with whom the appeal has been filed in the last instance, may file a case in court in accordance with relevant laws. | Un enseignant qui n'est pas satisfait de la décision de l'autorité auprès de laquelle le recours a été introduit au dernier degré peut saisir une juridiction conformément à la législation en la matière. |
| **<u>UMUTWE XII</u>: GUHANAGURWAHO UBUSEMBWA N'UBUZIME BW'IKOSA RYO MU KAZI** | **<u>CHAPTER XII</u>: REHABILITATION AND PRESCRIPTION OF A DISCIPLINARY FAULT** | **<u>CHAPITRE XII</u>: RÉHABILITATION ET PRESCRIPTION D'UNE FAUTE DISCIPLINAIRE** |
| **<u>Ingingo ya 122</u>: Ihanagurabusembwa** | **<u>Article 122</u>: Rehabilitation** | **<u>Article 122</u>: Réhabilitation** |
| Nyuma yo kurangiza igihano, umwarimu ashobora gusaba mu nyandiko umuyobozi wamuhaye igihano guhanagurwaho ubusembwa. | After the execution of a sanction, a teacher may request to the authority who imposed the sanction for a rehabilitation. | Après avoir exécuté une sanction, un enseignant peut demander la réhabilitation à l'autorité qui a infligé la sanction. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 123</u>: Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ihanagurabusembwa** | **<u>Article 123:</u> Competent authority to grant rehabilitation** | **<u>Article 123</u>: Autorité compétente pour accorder une réhabilitation** |
| Ihanagurabusembwa ritangwa n'umuyobozi watanze igihano amaze kubigirwaho inama n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa yo mu kazi, iyo igihano gisabirwa ihanagurabusembwa ari icyo mu rwego rwa mbere. Ku bihano byo mu rwego rwa kabiri, ihanagurabusembwa ritangwa n'umuyobozi watanze igihano amaze kugisha inama Minisitiri ufite uburezi mu nshingano. | Rehabilitation is granted by the authority who imposed the sanction after consultation with the Internal disciplinary committee for sanctions of the first category. For sanctions of the second category, rehabilitation is granted by the authority that imposed the sanction after consultation with the Minister in charge of education. | La réhabilitation est accordée par l'autorité qui a imposé la sanction après l'avis consultatif émis par le Comité interne de discipline pour les sanctions de la première catégorie. Pour les sanctions de la deuxième catégorie, la réhabilitation est accordée par l'autorité qui a imposé la sanction après l'avis consultatif émis par le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions. |
| **<u>Ingingo ya 124</u>: Ibyubahirizwa mu gutanga ihanagurabusembwa** | **<u>Article 124</u>: Requirements to grant rehabilitation** | **<u>Article 124</u>: Conditions pour accorder une réhabilitation** |
| Ihanagurabusembwa rishobora kwemerwa iyo hari ibimenyetso byerekana ko umwarimu nyuma yo guhanwa yisubiyeho kandi akarangwa n'imyitwarire myiza. | Rehabilitation may be granted if there are proofs that, after the sanction, a teacher has demonstrated remorse and good behaviour. | La réhabilitation peut être accordée s'il y a des preuves tangibles qu'après la sanction, l'enseignant s'est repenti et a fait preuve d'un bon comportement. |
| Ihanagurabusembwa ku bihano byo mu rwego rwa mbere rishoboka ari uko hashize nibura imyaka itatu (3) umwarimu ahawe igihano. | For the sanctions of the first category, rehabilitation may be granted only after three (3) years from the date on which the sanction was imposed to the teacher. | Pour les sanctions de la première catégorie, la réhabilitation ne peut être accordée qu'après trois (3) ans à partir de la date à laquelle la sanction a été infligée à l'enseignant. |
| Ihanagurabusembwa ku bihano byo mu rwego rwa kabiri rishoboka ari uko hashize nibura imyaka irindwi (7) umwarimu ahawe igihano. | For the sanctions of the second category, rehabilitation may be granted only after seven (7) years from the date on which the sanction was imposed to the teacher. | Pour les sanctions de la deuxième catégorie, la réhabilitation ne peut être accordée qu'après sept (7) ans à partir de la date à laquelle la sanction a été infligée à l'enseignant. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 125</u>: Uburenganzira bukomoka ku ihanagurabusembwa** | **<u>Article 125</u>: Rights established by rehabilitation** | **<u>Article 125</u>: Droits établis par la réhabilitation** |
| Ihanagurabusembwa rituma umwarimu warihawe agira uburenganzira nk'ubw'umwarimu utarahawe igihano cyatangiwe ihanagurabusembwa. | Rehabilitation causes the teacher to be entitled to rights of a teacher who did not face the sanction on which such rehabilitation is related to. | La réhabilitation pourvoit l'enseignant des droits d'un enseignant qui n'a pas encouru la sanction à laquelle se rapporte cette réhabilitation. |
| Iyo ihanagurabusembwa ritanzwe ku gihano cyo kwirukanwa burundu, uwarihawe yongera kugira uburenganzira bwo kuba yakongera kuba umwarimu binyuze mu ipiganwa. | When rehabilitation is granted for a sanction of dismissal, the beneficiary regains rights of re-joining the teaching position through recruitment. | Lorsque la réhabilitation est accordée pour une sanction de révocation, le bénéficiaire recouvre les droits de pouvoir redevenir enseignant à travers le recrutement. |
| Uburenganzira bukomoka ku ihanagurabusembwa buvugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo, bugira agaciro uhereye ku munsi ihanagurabusembwa ryatangiwe. | The rights established by rehabilitation referred to in Paragraphs One and 2 of this Article take effect from the date the rehabilitation is granted. | Les droits résultant de la réhabilitation dont mention est faite aux alinéas premier et 2 du présent arrêté prennent effet à partir du jour où la réhabilitation est accordée. |
| Inyandiko y'ihanagurabusembwa ibikwa muri dosiye y'umwarimu. | The letter of rehabilitation is kept in the teacher's file. | La lettre de réhabilitation est gardée dans le dossier administratif de l'enseignant. |
| **<u>Ingingo ya 126</u>: Ubusaze bw'ikosa ryo mu kazi** | **<u>Article 126</u>: Limitation on a disciplinary fault** | **<u>Article 126</u>: Prescription de la faute disciplinaire** |
| Iyo ikosa ridahanwe hagashira umwaka umwe (1) ku ikosa ryo mu kazi rihanishwa igihano cyo mu rwego rwa mbere, cyangwa imyaka ibiri (2) ku ikosa rihanishwa igihano cyo mu rwego rwa kabiri, iryo kosa ntiriba rigihanwe. | When a period of one (1) or of two (2) years elapses respectively for a disciplinary fault sanctioned by a sanction of the first category or of the second category, without imposing sanction, such a fault is no longer punished. | Lorsqu'un délai d'une (1) année ou de deux (2) ans s'écoule respectivement pour une faute disciplinaire passible d'une sanction de la première catégorie ou de la deuxième catégorie, sans infliger une sanction, la faute n'est plus en mesure d'être sanctionnée. |

| | | |
|---|---|---|
| Igihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gitangira kubarwa uhereye igihe umuyobozi ubifitiye ububasha yamenyeye iryo kosa. | The period of time specified in Paragraph One of this Article starts from the date the competent authority became aware of the occurrence of the fault. | Le délai spécifié à l'alinéa premier du présent article est compté à partir de la date à laquelle l'autorité compétente a eu connaissance de la faute. |
| **<u>UMUTWE WA XIII</u>: KUVA MU KAZI K'UMWARIMU** | **<u>CHAPTER XIII</u>: TERMINATION OF EMPLOYMENT OF A TEACHER** | **<u>CHAPITRE XIII</u>: CESSATION DES FONCTIONS D'UN ENSEIGNANT** |
| **<u>Ingingo ya 127</u>: Impamvu zo kuva mu kazi k'umwarimu** | **<u>Article 127</u>: Grounds for termination of employment of a teacher** | **<u>Article 127</u>: Motifs de cessation des fonctions d'un enseignant** |
| Umwarimu ava mu kazi k'ubwarimu iyo: | Termination of employment of a teacher occurs when he or she: | La cessation d'emploi d'un enseignant a lieu lorsque l'enseignant: |
| 1° ahagaritse akazi mu gihe kitazwi; | 1° is granted a leave of absence for non-specific period; | 1° bénéficie d'une mise en disponibilité pour une durée indéterminée; |
| 2° asezeye burundu ku kazi; | 2° resigns; | 2° démissionne; |
| 3° asezerewe mu kazi; | 3° is removed from office; | 3° est démis d'office; |
| 4° yirukanywe burundu; | 4° is dismissed; | 4° est révoqué; |
| 5° ahawe ikiruhuko cy'izabukuru; | 5° retires; | 5° est admis à la retraite; |
| 6° apfuye. | 6° dies. | 6° décède. |
| Kurangira k'umurimo w'umwarimu bituma umwarimu ahanagurwa ku rutonde rw'abarimu. | Termination of employment of a teacher results in his or her removal from the record of teachers. | La cessation d'emploi d'un enseignant entraîne sa radiation de la liste des enseignants. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 128</u>: Guhagarika akazi mu gihe kitazwi** | **<u>Article 128</u>: Leave of absence for non-specific period** | **<u>Article 128</u>: Mise en disponibilité pour une durée indéterminée** |
| Gusaba guhagarika akazi mu gihe kitazwi ni icyemezo cy'umwarimu kigaragaza mu nyandiko ubushake bwe bwo guhagarika umurimo wo kuba umwarimu. | Application for leave of absence for non-specific period is made by a teacher indicating in writing his or her willing to cease duties. | La demande de la mise en disponibilité pour une durée indéterminée est une décision prise par un enseignant indiquant par écrit son désir de cesser ses fonctions. |
| **<u>Ingingo ya 129</u>: Uburyo bwo guhagarika akazi mu gihe kitazwi** | **<u>Article 129</u>: Modalities for leave of absence for non-specific period** | **<u>Article 129</u>: Modalités de mise en disponibilité pour une durée indéterminée** |
| Guhagarika akazi mu gihe kitazwi bisabwa, mu nyandiko, umuyobozi washyize umwarimu mu mwanya. | Leave of absence for non-specific period is applied in writing to the appointing authority. | La demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée est adressée par écrit à l'autorité d'affectation. |
| Ubusabe bwo guhagarika akazi mu gihe kitazwi ku mwarimu bushobora kutemerwa kubera inyungu rusange. | The leave of absence for non-specific period may not be granted to a teacher for public interest. | La mise en disponibilité pour une durée indéterminée peut être refusée à un enseignant pour des raisons d'intérêt public. |
| Umwarimu usabye guhagarika akazi mu gihe kitazwi akomeza gukora imirimo ye kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo ku busabe bwe. | A teacher who has submitted his or her application for leave of absence for non-specific period continues to perform his or her duties until he or she is notified of the decision on his or her application. | Un enseignant qui a soumis sa demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée continue à exercer ses fonctions jusqu'à ce que la décision sur sa demande lui soit notifiée. |
| Icyakora, iyo hashize igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye umunsi umuyobozi washyize umwarimu ku mwanya yaboneyeho ubusabe kandi umwarimu atarasubizwa mu nyandiko, guhagarika akazi mu gihe kitazwi bifatwa ko byemewe. | However, if there is no written response provided to the teacher within thirty (30) days from the day the appointing authority received the application, the leave of absence for non-specific period is considered accepted. | Toutefois, lorsqu'il n'y a pas une réponse écrite à la demande de l'enseignant endéans trente (30) jours à compter de la réception de la demande par l'autorité d'affectation, sa mise en disponibilité pour une durée indéterminée est réputée acquise. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 130</u>: Gusubira mu kazi nyuma y'ihagarika ry'akazi mu gihe kitazwi** | **<u>Article 130</u>: Reinstatement after leave of absence for non-specific period** | **<u>Article 130</u>: Réintégration après la mise en disponibilité pour une durée indéterminée** |
| Umwarimu wemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi afite uburenganzira bwo gusubira mu kazi k'ubwarimu binyuze mu nzira zo gushaka akazi k'ubwarimu ziteganywa n'iri teka. | A teacher who was granted a leave of absence for non-specific period has the right to be reinstated in teaching service as per the provisions related to teachers' recruitment provided for in this Order. | Un enseignant dont la demande de mise en disponibilité pour une durée indéterminée a été acceptée a le droit de réintégrer le service d'enseignement selon les dispositions relatives au recrutement des enseignants visées dans le présent arrêté. |
| Umwarimu ugarutse mu kazi nyuma yo guhagarika akazi mu gihe kitazwi akomereza ku ntera n'urwego yari agezeho mbere yo guhagarika akazi. | A teacher who is reinstated after a leave of absence for non-specific period progresses from the grading of category at which he or she had been placed before being granted a leave of absence for non-specific period. | Un enseignant qui est réintégré après une mise en disponibilité pour une durée indéterminée progresse du grade de la catégorie à laquelle il avait été placé avant que la mise en disponibilité ne lui soit accordée pour une durée indéterminée. |
| **<u>Ingingo ya 131</u>: Gusaba gusezera ku kazi** | **<u>Article 131</u>: Application for resignation** | **<u>Article 131</u>: Demande de démission** |
| Gusaba gusezera ku kazi ni icyemezo cy'umwarimu kigaragaza mu nyandiko ubushake bwe bwo gusezera ku kazi. | Application for resignation is a decision of a teacher expressing in writing his or her willing to cease duties. | La démission est une décision d'un enseignant exprimant par écrit sa volonté de cesser ses fonctions. |
| **<u>Ingingo ya 132</u>: Uburyo bukurikizwa mu gusezera ku kazi** | **<u>Article 132</u>: Modalities for resignation** | **<u>Article 132</u>: Modalités de démission** |
| Ubusabe bwo gusezera ku kazi bushyikirizwa umuyobozi washyize umwarimu mu mwanya. | The application for resignation is addressed to the appointing authority. | La demande de démission est adressée à l'autorité d'affectation. |
| Umwarimu usabye gusezera ku kazi akomeza gukora imirimo ye kugeza igihe amenyesherejwe icyemezo ku busabe bwe. | A teacher who has submitted his or her resignation application continues to perform his or her duties until he or she is notified of the decision on his or her application. | Un enseignant qui a soumis sa démission continue à exercer ses fonctions jusqu'à ce que la décision sur sa demande lui soit notifiée. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyakora, iyo hashize igihe cy'iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye umunsi umuyobozi washyize umwarimu mu mwanya yakiriyeho ubusabe kandi umwarimu akaba atarasubizwa mu nyandiko; gusezera ku kazi bifatwa ko byemewe. | However, if there is no written response provided to the teacher within thirty (30) days from the day the appointing authority received the application, his or her resignation is considered accepted. | Toutefois, lorsqu'il n'y a pas une réponse écrite à la demande de l'enseignant endéans trente (30) jours à compter de la réception de la demande par l'autorité de nomination, sa démission est réputée acquise. |
| **<u>Ingingo ya 133</u>: Gusubira mu kazi nyuma yo gusezera ku kazi** | **<u>Article 133</u>: Reinstatement after resignation** | **<u>Article 133</u>: Réintégration après démission** |
| Umwarimu wemerewe gusezera ku kazi ashobora gusubira mu kazi nyuma y'imyaka itanu (5) ibarwa uhereye igihe yemerewe gusezera ku kazi. | A teacher whose resignation has been accepted may be reinstated in teaching service after five (5) years from the day his or her resignation was accepted. | Un enseignant dont la démission a été acceptée peut être réintégré au sein du service d'enseignement après cinq (5) ans à compter du jour de l'acceptation de sa démission. |
| Gusubira mu kazi k'ubwarimu bikorwa binyuze mu nzira zo gushaka akazi k'ubwarimu ziteganwa n'iri teka. | Reinstatement in teaching service is done as per the provisions related to teachers' recruitment provided for in this Order. | La réintégration du service d'enseignement se fait selon les dispositions relatives au recrutement des enseignants visés dans le présent arrêté. |
| Icyakora, kubera inyungu z'akazi, umwarimu wemerewe gusezera ku kazi ashobora gusubizwa mu kazi mbere y'imyaka itanu (5). | However, in case of the interest of service, a teacher whose resignation has been accepted may be reinstated in teaching service before expiration of five (5) years. | Toutefois, dans l'intérêt du service, un enseignant dont la démission a été acceptée peut être réintégré au sein du service d'enseignement avant cinq (5) ans. |
| Umwarimu ugarutse mu kazi nyuma yo gusezera ku kazi akomereza ku ntera n'urwego yari agezeho mbere yo kwemererwa gusezera ku kazi. | A teacher who is reinstated after resignation progresses from the grading of category at which he or she had been placed before being granted resignation. | Un enseignant qui est réintégré après une démission progresse du grade de la catégorie à laquelle il avait été placé avant que la démission ne lui soit accordée. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 134</u>: Gusezerera umwarimu** | **<u>Article 134</u>: Removal from office of a teacher** | **<u>Article 134</u>: Démission d'office d'un enseignant** |
| Gusezerera umwarimu ni icyemezo gifatwa n'umuyobozi washyize umwarimu mu mwanya iyo: | The removal from office of a teacher is a decision taken by an appointing authority if: | La démission d'office d'un enseignant est une décision prise par une autorité d'affectation si: |
| 1° nyuma y'igihe cy'igeragezwa, isuzumabushobozi rigaragaje ko umwarimu adashoboye; | 1° after the probation period, the teacher's performance appraisal is not satisfactory; | 1° après le stage probatoire l'évaluation des performances de l'enseignant n'est pas concluante; |
| 2° umwarimu ahagaritswe by'agateganyo mu gihe kirenze amezi atandatu (6) kubera ko afunzwe by'agateganyo; | 2° a teacher is suspended for a period exceeding six (6) months due to provisional detention; | 2° un enseignant est suspendu pour une période supérieure à six (6) mois à cause de la détention provisoire; |
| 3° umwarimu akatiwe igihano cy'igifungo, uretse ikiri munsi y'amezi atandatu (6) gisubitswe; | 3° a teacher is sentenced to a penalty of imprisonment, except imprisonment for a term of less than six (6) months with suspension; | 3° un enseignant est condamné à une peine d'emprisonnement, à l'exception de l'emprisonnement de moins de six (6) mois avec sursis; |
| 4° umwarimu adafite intege cyangwa ubwenge bishobora gutuma asubira mu kazi nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi; | 4° a teacher is not physically or mentally able to resume his or her duties after a long term sick leave; | 4° un enseignant n'est pas physiquement ou mentalement apte à reprendre ses fonctions après un congé de maladie de longue durée; |
| 5° isuzumabushobozi ry'umwarimu rigaragaje ko adashoboye hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko agenga imicungire y'imihigo y'abarimu. | 5° the performance appraisal of a teacher indicates that he or she is incompetent in accordance with performance management laws. | 5° l'évaluation des performances d'un enseignant indique qu'il est incompétent conformément aux lois de gestion de la performance. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 135</u>: Ibisabwa kugira ngo hatangwe amafaranga y'imperekeza** | **<u>Article 135</u>: Requirements for granting termination benefits** | **<u>Article 135</u>: Conditions d'octroi des indemnités de départ** |
| Umwarimu afite uburenganzira ku mafaranga y'imperekeza iyo: | A teacher is entitled to termination benefits in case of: | Un enseignant a droit à des indemnités de départ en cas de: |
| 1° umurimo ukuweho cyangwa uhagaze; | 1° job removal or discontinuance; | 1° suppression ou discontinuité d'emploi; |
| 2° umwarimu adafite intege cyangwa ubwenge bishobora gutuma asubira mu kazi nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi. | 2° a teacher being physically or mentally unable to resume his or her duties after a long term sick leave. | 2° un enseignant qui est physiquement ou mentalement incapable de reprendre ses fonctions après un congé de maladie de longue durée. |
| Icyakora, iyo umwarimu wasezerewe agahabwa imperekeza yongeye guhabwa akazi akongera gusezererwa, amafaranga y'imperekeza ahabwa abarwa hashingiwe ku gihe yakoze nyuma yo kongera kugaruka mu kazi. | However, when a teacher removed from office and granted termination benefits has been recruited in the teaching service again and he or she is again removed from office, the termination benefits to be granted to the teacher are calculated on the basis of his or her period served after reintegrating the teaching service. | Toutefois, lorsqu'un enseignant démis de ses fonctions et bénéficiant des indemnités de départ a de nouveau été recruté dans le service d'enseignement et qu'il est de nouveau démis de ses fonctions, les indemnités de départ lui accordées sont calculées sur base de sa période de service après la réintégration du service d'enseignement. |
| Bitabangamiye ibivugwa muri iyi ngingo, umwarimu wimuriwe muri sosiyete y'ubucuruzi aho Leta ari yo munyamigabane rukumbi nta burenganzira agira ku mafaranga y'imperekeza. Icyakora, igihe umwarimu yakoze mu kazi k'ubwarimu cyitabwaho iyo amasezerano y'umurimo umwarimu afitanye na sosiyeti aho Leta ari yo munyamigabane rukumbi arangiye. | Without prejudice to provisions of this Article, a teacher transferred to a State owned company is not entitled to termination benefits. However, the period a teacher served in teaching service is considered in case of the end of the contract in a State owned company. | Sans préjudice des dispositions du présent article, un enseignant muté dans une société commerciale appartenant à l'État n'a pas droit aux indemnités de départ. Toutefois, la période qu'un enseignant a servi dans le service d'enseignement est prise en compte dans le cas où le contrat prend fin dans une société commerciale appartenant à l'État. |

| Ingingo ya 136: Ibarwa ry'amafaranga y'imperekeza | Article 136: Calculation of termination benefits | Article 136: Calcul des indemnités de départ |
|---|---|---|
| Amafaranga y'imperekeza yishyurwa umwarimu abarwa hashingiwe ku mushahara mbumbe yari agezeho kandi hakurikijwe igihe umwarimu amaze mu kazi k'ubwarimu mu buryo bukurikira: | Termination benefits for a teacher are calculated on the basis of his or her last gross salary and on basis of his or her period served in teaching service as follows: | Les indemnités de départ d'un enseignant sont calculées en fonction de son dernier salaire brut et en fonction de la période de service dans le service d'enseignement comme suit: |
| 1° amezi atatu (3) y'umushahara ku mwarimu wujuje nibura umwaka umwe (1) ariko ataruzuza imyaka itanu (5) y'uburambe mu kazi; | 1° three (3) months salary for a teacher with at least one (1) year but less than five (5) years of experience; | 1° trois (3) mois de salaire pour un enseignant justifiant d'une ancienneté d'un (1) an au moins mais inférieure à cinq (5) ans; |
| 2° amezi ane (4) y'umushahara ku mwarimu umaze nibura imyaka itanu (5) ariko ataruzuza imyaka icumi (10) y'uburambe mu kazi; | 2° four (4) months salary for a teacher with at least five (5) years but less than ten (10) years of experience; | 2° quatre (4) mois de salaire pour un enseignant justifiant d'une ancienneté de cinq (5) ans au moins mais inférieure à dix (10) ans; |
| 3° amezi atanu (5) y'umushahara ku mwarimu umaze nibura imyaka icumi (10) ariko ataruzuza imyaka cumi n'itanu (15) y'uburambe mu kazi; | 3° five (5 ) months salary for a teacher with at least ten (10) years but less than fifteen (15) years of experience; | 3° cinq (5) mois de salaire pour un enseignant justifiant d'une ancienneté de dix (10) ans au moins mais inférieure à quinze (15) ans; |
| 4° amezi atandatu (6) y'umushahara ku mwarimu umaze nibura imyaka cumi n'itanu (15) ariko ataruzuza imyaka makumyabiri (20) y'uburambe mu kazi; | 4° six (6) months salary for a teacher with at least fifteen (15) years but less than twenty (20) years of experience; | 4° six (6) mois de salaire pour un enseignant justifiant d'une ancienneté de quinze (15) ans au moins mais inférieure à vingt (20) ans; |
| 5° amezi arindwi (7) y'umushahara ku mwarimu umaze nibura imyaka makumyabiri (20) ariko ataruzuza imyaka | 5° seven (7) months salary for a teacher with at least twenty (20) years but less than twenty-five (25) years of experience; | 5° sept (7) mois de salaire pour un enseignant justifiant d'une ancienneté de vingt (20) ans au moins mais inférieure à vingt-cinq (25) |

| | | |
|---|---|---|
| makumyabiri n'itanu (25) y'uburambe mu kazi; | | ans; |
| 6° amezi umunani (8) y'umushahara ku mwarimu umaze nibura imyaka makumyabiri n'itanu (25) ariko ataruzuza imyaka mirongo itatu (30) y'uburambe mu kazi; | 6° eight (8) months salary for a teacher with at least twenty-five (25) years of experience but less than thirty years (30); | 6° huit (8) mois de salaire pour un enseignant justifiant d'une ancienneté de vingt-cinq (25) ans au moins mais inférieure à trente (30) ans; |
| 7° amezi cumi na kumwe (11) y'umushahara ku mwarimu umaze imyaka nibura mirongo itatu (30) y'uburambe mu kazi. | 7° eleven (11) months for a teacher with at least thirty years (30) of experience. | 7° onze (11) mois de salaire pour un enseignant justifiant d'une ancienneté de trente (30) ans au moins. |
| Icyakora, amafaranga y'imperekeza ahabwa umwarimu wasezerewe nyuma y'ikiruhuko kirekire cy'uburwayi ntashobora kujya munsi y'amezi ane (4) y'umushahara mbumbe. | However, termination benefits granted to a teacher removed from office after a long-term sick leave cannot be less than four (4) months gross salary. | Toutefois, les indemnités de départ accordées à un enseignant démis de ses fonctions après le congé de maladie de longue durée ne peuvent pas être en dessous de quatre (4) mois de salaire brut. |
| **Ingingo ya 137: Ikiruhuko cy'izabukuru** | **Article 137: Retirement** | **Article 137: Retraite** |
| Umwarimu wujuje imyaka mirongo itandatu n'itanu (65) afata ikiruhuko cy'izabukuru. | A teacher who attains sixty five (65) years retires. | Un enseignant qui atteint l'âge de soixante-cinq (65) ans prend sa retraite. |
| Icyakora, umwarimu wujuje nibura imyaka mirongo itandatu (60) y'amavuko ashobora gusaba umuyobozi ubifitiye ububasha kujya mu kiruhuko cy'izabukuru igihe giteganyijwe kitaragera. | However, a teacher who attains at least sixty (60) years of age may apply to the competent authority for early retirement. | Toutefois, un enseignant âgé de soixante (60) ans au moins peut adresser à l'autorité compétente la demande de mise à la retraite anticipée. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 138</u>: Amafaranga y'impamba y'ikiruhuko cy'izabukuru** | **<u>Article 138</u>: Retirement benefits** | **<u>Article 138</u>: Indemnités de mise à la retraite** |
| Umwarimu ushyizwe mu kiruhuko cy'izabukuru agenerwa impamba y'izabukuru hashingiwe ku gihe amaze mu kazi. | A teacher who retires is entitled to retirement benefits on the basis of the period he or she served the teaching service. | Un enseignant admis à la retraite bénéficie d'une indemnité de mise à la retraite en fonction de la période qu'il a servi dans le service d'enseignement. |
| Amafaranga y'impamba y'ikiruhuko cy'izabukuru abarwa mu buryo bumwe n'ubuvugwa mu ngingo ya 136 y'iri teka. | Retirement benefits are computed in the same way as provided for in Article 136 of this Order. | Les indemnités de mise à la retraite sont calculées de la même manière que celle prévue à l'article 136 du présent arrêté. |
| Amafaranga y'impamba y'ikiruhuko cy'izabukuru ntabangikanywa n'amafaranga y'imperekeza agenerwa umwarimu usezerewe. | Retirement benefits are incompatible with benefits granted to a teacher removed from office. | Les indemnités de mise à la retraite sont incompatibles avec les indemnités accordées à un enseignant démis d'office. |
| **<u>Ingingo ya 139</u>: Impozamarira n'amafaranga y'ishyingura** | **<u>Article 139</u>: Death allowances and funeral expenses** | **<u>Article 139</u>: Indemnités de décès et dépenses funéraires** |
| Iyo umwarimu apfuye akiri ku mirimo, abazungura bemewe n'amategeko bahabwa amafaranga y'impozamarira atangirwa rimwe angana n'inshuro esheshatu (6) z'umushahara mbumbe umwarimu yari agezeho utavanwaho umusoro. | In case a teacher dies while still in service, the legally recognised successors are granted death allowances equivalent to a non-taxable lump sum of six (6) times of the last monthly gross salary of the deceased which are not taxable. | En cas de décès d'un enseignant qui est toujours en fonction, ses successeurs légaux reçoivent des indemnités de décès sous forme d'une allocation unique équivalant à six (6) fois le dernier salaire brut mensuel du défunt non taxable. |
| **<u>Ingingo ya 140</u>: Icyemezo cy'imirimo yakozwe** | **<u>Article 140</u>: Work certificate** | **<u>Article 140</u>: Attestation de services rendus** |
| Umuyobozi wahaye umwarimu akazi cyangwa uwo yabihereye ububasha aha umwarimu icyemezo cyemeza ko yakoze imirimo y'ubwarimu. | The appointing authority or his or her delegate provides a teacher with a certificate attesting that he or she has served as a teacher. | L'autorité d'affectation ou son délégué délivre à l'enseignant un certificat attestant qu'il a servi comme enseignant. |

| | | |
|---|---|---|
| Icyemezo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gihita gitangwa umwarimu akiva mu kazi kandi kikagaragaza itariki yo kwinjira mu kazi, umwanya yakozeho n'itariki y'umunsi wa nyuma w'akazi. | The certificate provided for in Paragraph one of this Article is issued immediately after the teacher ceases his or her duties and indicates the date of entry into service, position held and date of last day of service. | Le certificat prévu à l'alinéa premier du présent article est délivré immédiatement après la cessation des fonctions de l' enseignant et indique la date de son entrée en service, le poste d'emploi occupé et la date du dernier jour de service. |
| **<u>UMUTWE WA XIV</u>: INGINGO Z'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER XIV</u>: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE XIV</u>: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 141</u>: Ishyirwa mu ntera ry'abarimu basanzwe mu kazi** | **<u>Article 141</u>: Grading teachers currently in service** | **<u>Article 141</u>: Placement aux grades des enseignants actuellement en service** |
| Umwarimu usanzwe mu kazi, wamaze guhabwa uruhushya rwo kwigisha, ashyirwa mu ntera y'urwego n'urwego rwa Leta rushinzwe iterambere ry'abarimu hashingiwe ku burambe afite mu kazi. | A teacher already in service and to whom a teaching licence has been granted, is placed at the specific grading of category by the public organ in charge of teacher development, on the basis of the teacher's work experience. | Un enseignant déjà en service et qui a acquis la licence d'enseignement est placé dans le grade d'une catégorie par l'organe public ayant le développement des enseignants dans ses attributions, en fonction de l'expérience professionnelle de l'enseignant. |
| Umwarimu ahabwa ibaruwa imumenyesha urwego n'intera ashyizwemo. | A teacher is given a letter that indicates the grading of category at which he or she is placed. | L'enseignant reçoit une lettre indiquant le grade de la catégorie dans laquelle il est placé. |
| Ishyirwa mu ntera ry'abarimu rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa mu gihe kitarenze imyaka itatu (3) iri teka ritangiye gukurikizwa. | Grading teachers provided for in Paragraph one of this Article is done within (3) years starting from the date on which this Order enters into force. | Le placement aux grades des enseignants visé à l'alinéa premier du présent article est effectué endéans trois (3) ans à compter de la date d'entrée en vigueur du présent arrêté. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 142</u>: Ibisabwa abarimu badafite uruhushya rwo kwigisha** | **<u>Article 142</u>: Requirements for teachers who do not have teaching licences** | **<u>Article 142</u>: Conditions requises pour les enseignants sans licence d'enseignement** |
| Kugira ngo bemererwe gukomeza akazi ko kwigisha, abarimu bose bari mu kazi mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingiro bagomba kwitabira gahunda y'inyigisho z'igihe gito zibahesha impamyabushobozi yo kwigisha yiyongera ku mpamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi yabo itari iyo kwigisha, kugira ngo bashobore guhabwa uruhushya rwo kwigisha. | In order to be authorised to continue teaching, all teachers who do not have teaching licences, already in service in nursery, primary, secondary and technical and vocational schools must enrol in short course programs leading to the award of diplomas or certificates in education, this in addition to their respective non-education degrees and certificates, in order to obtain a teaching licence. | Pour être autorisé à continuer à enseigner, tous les enseignants sans licence d'enseignement déjà en service dans des écoles maternelles, primaires, secondaires et techniques et professionnelles doivent s'inscrire à des programmes de formation de courte durée conduisant à l'obtention de diplômes ou certificats en éducation , ceci en complément de leurs diplômes et certificats respectifs non liés à l'éducation, afin d'obtenir une licence d'enseignement. |
| Iyo gahunda yo gushaka impamyabushobozi yo kwigisha igomba kuba yarangiye mu gihe cy'imyaka itatu (3) uhereye ku munsi iri teka ritangiye gukurikizwa. | The program of award of diplomas or certificates in education must be effective within three (3) years starting from the date on which this Order enters into force. | Le programme d'obtention de diplômes ou certificats en éducation doit être effectif endéans trois (3) ans à compter de la date d'entrée en vigueur du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 143</u>: Amabwiriza yo guteza imbere umwuga w'ubwarimu** | **<u>Article 143</u>: Instructions related to teacher development** | **<u>Article 143</u>: Instructions relatives au développement des enseignants** |
| Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ashobora gushyiraho amabwiriza agamije guteza imbere umwuga w'ubwarimu no gufasha abarimu kuguma muri uwo mwuga. | The Minister in charge of education may issue instructions for the purpose of development of the profession of teaching and retention of teachers. | Le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions peut donner des instructions aux fins du développement de la profession d'enseignant et de la rétention des enseignants. |
| **<u>Ingingo ya 139</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 144</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 144</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Uburezi, | The Prime Minister, the Minister of Education, | Le Premier Ministre, le Ministre de l'Éducation, |

| | | |
|---|---|---|
| Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | the Minister of Finance and Economic Planning, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Local Government are entrusted with the implementation of this Order. | le Ministre des Finances et de la Planification Économique, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre de l'Administration Locale sont chargés l'exécution du présent arrêté. |
| **Ingingo ya 145: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka** | **Article 145: Repealing provision** | **Article 145: Disposition abrogatoire** |
| Iteka rya Perezida nº 24/01 ryo ku wa 24/11/2016 rishyiraho sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. | Presidential Order nº 24/01 of 24/11/2016 establishing special statutes governing teachers in nursery, primary and secondary education and all prior provisions contrary to this Order are repealed. | L'Arrêté Présidentiel nº 24/01 du 24/11/2016 portant statut particulier des enseignants d'éducation préscolaire, primaire et secondaire et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés. |
| **Ingingo ya 146: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article 146: Commencement** | **Article 146: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| | | |
|---|---|---|
| Kigali, ku wa 16/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika | Kigali, on 16/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**KAGAME Paul**<br>President of the Republic | Kigali, le 16/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**KAGAME Paul**<br>Président de la République |
| **(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe | **(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Prime Minister | **(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |

| ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 045/03 RYO KU WA 11/03/2020 RISHYIRAHO PEREZIDA W'URWEGO | PRIME MINISTER'S ORDER N° 045/03 OF 11/03/2020 APPOINTING A CHAIRPERSON OF THE COUNCIL | ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 045/03 DU 11/03/2020 PORTANT NOMINATION DU PRÉSIDENT DU CONSEIL |
|---|---|---|
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Ishyirwaho** | **Article One: Appointment** | **Article premier: Nomination** |
| **Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 3: Repealing provision** | **Article 3: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article 4: Commencement** | **Article 4: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 045/03 RYO KU WA 11/03/2020 RISHYIRAHO PEREZIDA W'URWEGO** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 045/03 OF 11/03/2020 APPOINTING A CHAIRPERSON OF THE COUNCIL** | **ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 045/03 DU 11/03/2020 PORTANT NOMINATION DU PRÉSIDENT DU CONSEIL** |
| **Minisitiri w'Intebe,** | **The Prime Minister,** | **Le Premier Ministre,** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176; |
| Ashingiye ku Itegeko n° 17/2010 ryo ku wa 12/05/2010 rishyiraho kandi rikagena imikorere y'umwuga w'igenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 10; | Pursuant to Law n° 17/2010 of 12/05/2010 establishing and organising the real property valuation profession in Rwanda, especially in Article 10; | Vu la Loi n° 17/2010 de la 12/05/2010 portant création et organisation de la profession d'évaluateurs des biens immobiliers au Rwanda, spécialement en son article 10; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Ibidukikije; | On proposal by the Minister of Environment; | Sur proposition du Ministre de l'Environnement; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 29/07/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 29/07/2019; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 29/07/2019; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRÊTE:** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Ishyirwaho** | **<u>Article One</u>: Appointment** | **<u>Article premier</u>: Nomination** |
| Madamu NISHIMWE Marie Grâce agizwe Perezida w'Urwego rutunganya imikorere y'abagenagaciro ku mutungo utimukanwa mu Rwanda. | Ms NISHIMWE Marie Grâce is appointed Chairperson of the Council regulating the real property valuation profession in Rwanda. | Mme NISHIMWE Marie Grâce est nommée Présidente du Conseil de régulation de la profession d'évaluateurs des biens immobiliers au Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 2</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 2</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Ibidukikije, Minisitiri w'Ibikorwa Remezo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Minister of Environment, the Minister of Infrastructure and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. | Le Ministre de l'Environnement, le Ministre des Infrastructures et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 3</u>: Repealing provision** | **<u>Article 3</u>: Disposition abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho. | All prior provisions contrary to this Order are repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 4</u>: Commencement** | **<u>Article 4</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 29/07/2019. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 29/07/2019. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 29/07/2019. |

| | | |
|---|---|---|
| Kigali, ku wa 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe | Kigali, on 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Prime Minister | Kigali, le 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Premier Ministre |
| **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo | **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Minister of Public Service and Labour | **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Ministre de la Fonction Publique et du Travail |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 046/03 RYO KU WA 11/03/2020 RISEZERERA NTA MPAKA *DIVISION MANAGER*** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 046/03 OF 11/03/2020 AUTOMATICALLY REMOVING FROM OFFICE A DIVISION MANAGER** | **ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 046/03 DU 11/03/2020 PORTANT DÉMISSION D'OFFICE D'UN *DIVISION MANAGER*** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Isezererwa nta mpaka** | **Article One: Automatic removal from office** | **Article premier: Démission d'office** |
| **Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 3: Repealing provision** | **Article 3: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article 4: Commencement** | **Article 4: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 046/03 RYO KU WA 11/03/2020 RISEZERERA NTA MPAKA *DIVISION MANAGER*** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 046/03 OF 11/03/2020 AUTOMATICALLY REMOVING FROM OFFICE A DIVISION MANAGER** | **ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 046/03 DU 11/03/2020 PORTANT DÉMISSION D'OFFICE D'UN *DIVISION MANAGER*** |
| **Minisitiri w'Intebe,** | **The Prime Minister,** | **Le Premier Ministre,** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120 et 176; |
| Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 93 n'iya 94; | Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 93 and 94; | Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 93 et 94; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; | On proposal by the Minister of Public Service and Labour; | Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRÊTE:** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Isezererwa nta mpaka** | **<u>Article One</u>: Automatic removal from office** | **<u>Article premier</u>: Démission d'office** |
| Dr GATARAYIHA MUTIMURA Célestin wari *Coffee Chain Division Manager* mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi | Dr GATARAYIHA MUTIMURA Célestin who was Coffee Chain Division Manager in National Agricultural Export Development Board (NAEB) is automatically removed from office due to job discontinuance. | Dr GATARAYIHA MUTIMURA Célestin qui était *Coffee Chain Division Manager* au sein de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) est démis |

| | | |
|---|---|---|
| n'ubworozi (NAEB) asezerewe nta mpaka kuri uwo mwanya kubera ibura ry'umurimo. | | d'office de ses fonctions pour cause de manque d'emploi. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 2</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 2</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Agriculture and Animal Resources and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. | Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Agriculture et Élevage et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 3</u>: Repealing Provision** | **<u>Article 3</u>: Disposition abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho. | All prior provisions contrary to this Order are repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 4</u>: Commencement** | **<u>Article 4</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 01/01/2020. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 01/01/2020. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 01/01/2020. |

| | | |
|---|---|---|
| Kigali, ku wa 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe | Kigali, on 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Prime Minister | Kigali, le 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Premier Ministre |
| **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo | **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Minister of Public Service and Labour | **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Ministre de la Fonction Publique et du Travail |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 047/03 RYO KU WA 11/03/2020 RISEZERERA NTA MPAKA *DIVISION MANAGER*** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 047/03 OF 11/03/2020 AUTOMATICALLY REMOVING FROM OFFICE A DIVISION MANAGER** | **ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 047/03 DU 11/03/2020 PORTANT DÉMISSION D'OFFICE D'UN *DIVISION MANAGER*** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Isezererwa nta mpaka**<br><br>**Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**<br><br>**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**<br><br>**Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article One: Automatic removal from office**<br><br>**Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order**<br><br>**Article 3: Repealing provision**<br><br>**Article 4: Commencement** | **Article premier: Démission d'office**<br><br>**Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**<br><br>**Article 3: Disposition abrogatoire**<br><br>**Article 4: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 047/03 RYO KU WA 11/03/2020 RISEZERERA NTA MPAKA *DIVISION MANAGER*** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 047/03 OF 11/03/2020 AUTOMATICALLY REMOVING FROM OFFICE A DIVISION MANAGER** | **ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 047/03 DU 11/03/2020 PORTANT DÉMISSION D'OFFICE D'UN *DIVISION MANAGER*** |
| **Minisitiri w'Intebe,** | **The Prime Minister,** | **Le Premier Ministre,** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120 et 176; |
| Ashingiye ku Itegeko nº 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 93 n'iya 94; | Pursuant to Law nº 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 93 and 94; | Vu la Loi nº 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 93 et 94; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; | On proposal by the Minister of Public Service and Labour; | Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRÊTE:** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Isezererwa nta mpaka** | **<u>Article One</u>: Automatic removal from office** | **<u>Article premier</u>: Démission d'office** |
| Bwana NSANZABAGANWA Epimaque wari *Horticulture Chain Division Manager* mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi | Mr NSANZABAGANWA Epimaque who was Horticulture Chain Division Manager in National Agricultural Export Development Board (NAEB) is automatically removed from office due to job discontinuance. | M. NSANZABAGANWA Epimaque qui était *Horticulture Chain Division Manager* au sein de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) est démis |

| | | |
|---|---|---|
| n'ubworozi (NAEB) asezerewe nta mpaka kuri uwo mwanya kubera ibura ry'umurimo. | | d'office de ses fonctions pour cause de manque d'emploi. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 2</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 2</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Agriculture and Animal Resources and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. | Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Agriculture et Élevage et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 3</u>: Repealing Provision** | **<u>Article 3</u>: Disposition abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho. | All prior provisions contrary to this Order are repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 4</u>: Commencement** | **<u>Article 4</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 01/01/2020. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 01/01/2020. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 01/01/2020. |

| | | |
|---|---|---|
| Kigali, ku wa 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe | Kigali, on 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Prime Minister | Kigali, le 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Premier Ministre |
| **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo | **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Minister of Public Service and Labour | **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Ministre de la Fonction Publique et du Travail |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 048/03 RYO KU WA 11/03/2020 RISEZERERA NTA MPAKA *DIRECTOR OF UNIT*** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 048/03 OF 11/03/2020 AUTOMATICALLY REMOVING FROM OFFICE A DIRECTOR OF UNIT** | **ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 048/03 DU 11/03/2020 PORTANT DÉMISSION D'OFFICE D'UN *DIRECTOR OF UNIT*** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Isezererwa nta mpaka**<br><br>**Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**<br><br>**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**<br><br>**Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article One: Automatic removal from office**<br><br>**Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order**<br><br>**Article 3: Repealing provision**<br><br>**Article 4: Commencement** | **Article premier: Démission d'office**<br><br>**Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**<br><br>**Article 3: Disposition abrogatoire**<br><br>**Article 4: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 048/03 RYO KU WA 11/03/2020 RISEZERERA NTA MPAKA *DIRECTOR OF UNIT*** | **PRIME MINISTER'S ORDER N° 048/03 OF 11/03/2020 AUTOMATICALLY REMOVING FROM OFFICE A DIRECTOR OF UNIT** | **ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 048/03 DU 11/03/2020 PORTANT DÉMISSION D'OFFICE D'UN *DIRECTOR OF UNIT*** |
| **Minisitiri w'Intebe,** | **The Prime Minister,** | **Le Premier Ministre,** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120 et 176; |
| Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 93 n'iya 94; | Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 93 and 94; | Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 93 et 94; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo; | On proposal by the Minister of Public Service and Labour; | Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRÊTE:** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Isezererwa nta mpaka** | **<u>Article One</u>: Automatic removal from office** | **<u>Article premier</u>: Démission d'office** |
| Bwana KABAYIZA Eric wari *Director of Quality Assurance Unit* mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) asezerewe nta mpaka kuri uwo mwanya kubera ibura ry'umurimo. | Mr KABAYIZA Eric who was Director of Quality Assurance Unit in National Agricultural Export Development Board (NAEB) is automatically removed from office due to job discontinuance. | M. KABAYIZA Eric qui était *Director of Quality Assurance Unit* au sein de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) est démis d'office de ses fonctions pour cause de manque d'emploi. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 2</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 2</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Agriculture and Animal Resources and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. | Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Agriculture et Élevage et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 3</u>: Repealing Provision** | **<u>Article 3</u>: Disposition abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho. | All prior provisions contrary to this Order are repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 4</u>: Commencement** | **<u>Article 4</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 01/01/2020. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 01/01/2020. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 01/01/2020. |

| | | |
|---|---|---|
| Kigali, ku wa 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe | Kigali, on 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Prime Minister | Kigali, le 11/03/2020<br><br>**(Sé)**<br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Premier Ministre |
| **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo | **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Minister of Public Service and Labour | **(Sé)**<br>**RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan**<br>Ministre de la Fonction Publique et du Travail |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta | **Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minister of Justice/Attorney General | **Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(Sé)**<br>**BUSINGYE Johnston**<br>Ministre de la Justice/Garde des Sceaux |